KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU

Raporo y'umwaka w'2008

Kigali, Werurwe 2009

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

IBIRI MURI RAPORO

Urupapuro

IJAMBO RY'IBANZE..... 5

I. IRIBURIRO..... 7

II. IBYARANZE U RWANDA MU BIREBANA NO GUTEZA IMBERE NO KURENGERA UBURENGANZIRA BWA MUNTU MU BYICIRO BINYURANYE BYABWO..... 13

2.1. MU RWEGO RW'UBURENGANZIRA BWA MUNTU MU BY'IMBONEZAMUBANO NO MU BYA POLITIKE..... 13

2.2. MU RWEGO RW'UBURENGANZIRA MU BY'UBUKUNGU, IMIBEREHO MYIZA, UMUCO, ITERAMBERE N'IBIDUKIKIJE..... 20

III. IBIKORWA BYA KOMISIYO MU MWAKA W'2008..... 25

3.1. GUKANGURIRA NO KWIGISHA ABATURAGE B'INGERI ZOSE IBYEREKEYE UBURENGANZIRA BWA MUNTU (Ingingo ya 4 [1°])..... 25

3.1.1. Gukangurira abaturarwanda Uburenganzira bwa Muntu..... 25

3.1.2. Kwigisha Abanyarwanda Uburenganzira bwa Muntu..... 38

3.2. GUTANGA IBITEKEREZO IBISABWE CYANGWA IBYIBWIRIJE KU MISHINGA Y'AMATEGEKO YEREKEYE IBIBAZO BIJYANYE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU (ingingo ya 4 [7°])..... 43

3.3. GUSHISHIKARIZA INZEGO ZA LETA ZIBISHINZWE KWEMEZA AMASEZERANO MPUZAMAHANGA YITA KU BURENGANZIRA BWA MUNTU NO KUYINJIZA MU MATEGEKO IGIHUGU KIGENDERAHO (ingingo ya 4 [8°]..... 45

3.4. GUSHISHIKARIZA INZEGO ZIBISHINZWE GUTANGIRA KU GIHE RAPORO ZISABWA KU MASEZERANO MPUZAMAHANGA YEREKEYE UBURENGANZIRA BWA MUNTU U RWANDA RWEMEJE BURUNDU (ingingo ya 4 [12°])..... 49

3.5. GUKURIKIRANA IBIBAZO BIREBANA N'IHOHOTERWA RY'UBURENGANZIRA BWA MUNTU BYABA IBYO KOMISIYO IGEJEJWEHO CYANGWA YIMENYEYE (ingingo ya 4 [2°])..... 51

3.6. GUSURA AHAFUNGIYE ABANTU NO KUREBA KO UBURENGANZIRA BWABO BWUBAHIRIZWA (ingingo ya 4 [9°])..... 93

3.7. GUFATANYA NA KOMISIYO Z'IBINDI BIHUGU ZISHINZWE UBURENGANZIRA BWA MUNTU, AMASHYIRAHAMWE AKORERA MU GIHUGU N'IMIRYANGO MPUZAMAHANGA MU BIKORWA BYO KUBAHIRIZA NO GUTEZA IMBERE UBURENGANZIRA BWA MUNTU (Ingingo ya 4 [11°])..... 97

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.8. IZINDI NSHINGANO KOMISIYO IHABWA N'ANDI MATEGEKO..... 103

3.9. IMIKORANIRE YA KOMISIYO N'INZEGO ZA LETA..... 105

3.10. UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO..... 109

3.11. ABAGENDEREYE KOMISIYO..... 111

IV. RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'IMARI..... 113

4.1. IBISOBANURO BY'IBANZE..... 113

4.2. ISHUSHO Y'IMARI YA KOMISIYO MU MWAKA W'2008..... 115

4.3. IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA KOMISIYO YAHAWE NA LETA MU MWAKA W'2008..... 118

4.4. AMAFARANGA KOMISIYO YAHAWE N'ABATERANKUNGA KU IMISHINGA IKORERA MURI KOMISIYO..... 122

V. UMWANZURO N'IBYIFUZONAMA..... 129

VI. IBIKORWA BITEGANYIJWE MU MWAKA W'2009..... 131

UMUGEREKA..... 133

*
* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

IJAMBO RY'IBANZE

Raporo y'umwaka w'2008 ni iya cumi kuva Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ishyizweho n'Itegeko n° 04/99 ryo ku wa 12 Werurwe 1999 ryavuguruwe n'Itegeko n° 37/2002 ryo ku wa 31 Ukuboza 2002 na ryo ryasimbuwe n'Itegeko n° 30/2007 ryo ku wa 6 Nyakanga 2007 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yishimiye kugeza iyi raporo y'ibikorwa by'umwaka w'2008 ku Nteko Ishinga Amategeko nk'uko biteganywa n'ingingo y'177 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda yo ku wa 4 Kamena 2003 no kugenera kopi zayo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga nk'uko biteganywa n'ingingo ya 6 y'Itegeko n° 30/2007 ryavuzwe haruguru.

Ibikorwa by'ingenzi Komisiyo yagezeho mu mwaka w'2008 bikubiyemo ibyo kwigisha no gukangurira Abaturarwanda Uburenganzira bwa Muntu, ibijyanye no gukurikirana ibibazo by'ihohoterwa ry'Uburenganzira bwa Muntu yagejejweho cyangwa yakurikiranye ibyibwirije n'ibyo gusura ahafungiye abantu kugira ngo irebe niba uburenganzira bwabo bwubahirizwa. Ibindi bikorwa Komisiyo igaragaza muri iyi raporo bijyanye no kugenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana. Uyu mwaka kandi waranzwe n'ibikorwa bitandukanye byo kwizihiza isabukuru ya 60 y'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu Komisiyo yafatanyijemo n'inzego za Leta, iz'Umuryango w'Abibumbye n'imiryango itari iya Leta.

Mu myaka icumi ishize, Komisiyo yubatse ubushobozi bwayo inarushaho kumvikanisha ububasha ihabwa n'Itegeko. Mu bibazo byerekeranye n'ihohoterwa ry'Uburenganzira bwa Muntu Komisiyo ikurikirana, bimwe bibonerwa ibisubizo n'inzego zibishinzwe kandi mu gihe cya vuba. Ibyifuzonama Komisiyo yagiye itanga byafatiwe ingamba, iki kikaba ari ikimenyetso cy'uko inzego zitandukanye zishinzwe gucyemura ibibazo zibona ko kubahiriza Uburenganzira bwa Muntu ari ikingi y'amahoro n'imiyoborere myiza biranga igihugu kigendera ku mategeko. Iyi ni intambwe ikomeye ku gihugu cyacu, Komisiyo ikaba yizera ko intera imaze kugerwaho mu rwego rwo kubahiriza Uburenganzira bwa Muntu yaba umusingi wo kubakiraho ahazaza h'Igihugu cyacu.

KAYITESI Zaïnabo Sylvie
Perezida wa Komisiyo

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

I. IRIBURIRO

Muri rusange, ibikorwa bikubiye muri raporo ya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'umwaka w'2008 bijyanye n'inshingano zayo z'ingenzi zo guteza imbere Uburenganzira bwa Muntu no kuburengera.

Mu rwego rwo guteza imbere Uburenganzira bwa Muntu, Komisiyo yahuguye abaturarwanda b'ingeri zitandukanye inatanga ibiganiro ku Burenganzira bwa Muntu yageneye bamwe mu bayobozi b'inzego z'ibanze, abashinzwe umutekano, abaturage basanzwe basangiye umurimo cyangwa imibereho nk'abarimu, abanyeshuri, urubyiruko muri rusange, abanyamakuru, abunganira abandi mu nkiko, abagenzacyaha, abashinjacyaha, abanyamadini, abari mu mirimo nsimburagifungo ifitiye Igihugu akamaro na bamwe mu basigajwe inyuma n'amateka.

Mu rwego rwo kurinda no kurengera Uburenganzira bwa Muntu buhohoterwa, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakurikiranye ibirego yagejejweho cyangwa ibyibwirije, ibikoraho iperereza, igira inama inzego zibishinzwe uburyo byacyemurwa. Hari bimwe byabonewe ibisubizo Komisiyo isanga bitari ngombwa ko byandikwa muri iyi raporo. Ibyacyemutse biri muri iyi raporo ni ibyo Komisiyo isanga birimo urugero rw'inyigisho. Harimo kandi ibyo Komisiyo yashyikirije izindi nzego zibishinzwe ngo zibicyemure bikaba bitaracyemurwa.

Kuri ibyo bibazo, Komisiyo yatanze ibyifuzonama ku nzego z'Igihugu bireba kugira ngo bicyemurwe hakurikijwe amategeko.

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira, mu mwaka w'2008, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yagejejweho ibirego igihumbi na mirongo inani na bitandatu (1086), muri ibyo birego mirongo inani n'icyenda (89) ntibyakiriwe kubera ko bitari byujuje ibisabwa. Mu mwaka w'2008, Komisiyo yarakurikiranye ibirego igihumbi na magana atatu na mirongo itandatu na kimwe (1361), birimo magana cyenda na mirongo icyenda na birindwi (997) yagejejweho mu mwaka w'2008, mirongo itatu na bitanu (35) yibwirije gukurikirana na magana atatu na makumyabiri n'icyenda (329) byari bitaracyemuka mu mpera z'umwaka w'2007.

Mu birego igihumbi na magana atatu na mirongo itandatu na kimwe (1361) Komisiyo yakirikiranye, magana atanu na mirongo ine (540) byaracyemutse, magana abiri na mirongo icyenda na bitanu (295) byashyikirijwe inzego zishinzwe kubicyemura, naho magana atanu na makumyabiri na bitandatu (526) biracyakurikiranwa.

Byumwihariko, muri ibyo birego igihumbi na magana atatu na mirongo itandatu na kimwe (1361) Komisiyo yakurikiranye mu mwaka w'2008, magana atanu na makumyabiri n'icyenda (529) bifitanye isano n'abagore, magana atandatu na mirongo itatu na birindwi (637) bifitanye isano n'abagabo naho ijana na mirongo icyenda na bitanu (195) bikaba bifitanye isano n'abana.

Mu birego magana atanu na mirongo ine (540) byacyemutse, magana abiri na birindwi (207) bifitanye isano n'abagore, magana abiri na mirongo itatu na bine (234) bifitanye isano n'abagabo naho mirongo icyenda n'icyenda (99) bikaba bifitanye isano n'abana.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu birego magana abiri na mirongo icyenda na bitanu (295) byohererejwe izindi nzego zishinzwe kubicyemura, ijana na makumyabiri na bitatu (123) bifitanye isano n'abagore, ijana na mirongo itatu n'umunani (138) bifitanye isano n'abagabo naho mirongo itatu na bine (34) bikaba bifitanye isano n'abana.

Mu birego magana atanu na makumyabiri na bitandatu (526) bigikurikiranwa, ijana na mirongo icyenda n'icyenda bifitanye isano n'abagore, magana abiri na mirongo itandatu na bitanu (265) bifitanye isano n'abagabo naho mirongo itandatu na bibiri (62) bifitanye isano n'abana.

IBIREGO		**UMUBARE W'IBIREGO**			
		Abagore	**Abagabo**	**Abana**	**IGITERANYO**
1.	**Ibirego byagejejwe kuri Komisiyo mu mwaka w'2008**	**433**	**499**	**154**	**1086**
1.1.	Ibirego bitakiriwe	42	38	9	89
1.2.	Ibirego byakiriwe mu mwaka w'2008	391	461	145	997
2.	**Ibirego byose Komisiyo yakurikiranye mu mwaka w'2008**	**529**	**637**	**195**	**1361**
2.1.	Ibirego bya mbere y'umwaka w'2008	129	163	37	329
2.2.	Ibirego nyirizina byo mu mwaka w'2008	391	461	145	997
2.3.	Ibirego Komisiyo yibwirije gukurikirana	9	13	13	35
3.	**Imikurikiranire y'ibirego**	**529**	**637**	**195**	**1361**
3.1.	Ibirego byacyemutse	207	234	99	540
3.2.	Ibirego byohererejwe izindi nzego zishinzwe kubicyemura	123	138	34	295
3.3.	Ibirego bigikurikiranwa	199	265	62	526

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Igishushanyo 1 : Ibirego byagejejwe kuri Komisiyo mu mwaka w'2008



Igishushanyo 2 : Ibirego Komisiyo yakurikiranye mu mwaka w'2008



Igishushanyo 3 : Ibirego byacyemutse, ibyohererejwe inzego zishinzwe kubicyemura n'ibigikurikiranwa



PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Igishushanyo 4 : Ibirego byakurikiranwe ukurikije "gender"



Igishushanyo 5 : Ibirego byacyemutse ukurikije "gender"



Igishushanyo 6 : Ibirego byohererejwe izindi nzego zishinzwe kubicyemura ukurikije "gender"



PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Igishushanyo 7 : Ibirego bigikurikiranwa ukurikije "gender"



Imbonerahamwe ikurikira irerekana ubwoko bw'ibirego Komisiyo yakurikiranye mu mwaka w'2008 ukurikije "gender".

N°	UBWOKO BW'IBIREGO	ABAGORE	ABAGABO	ABANA	BOSE HAMWE
1.	Ifata n'ifunga bidakurikije amategeko	59	176	5	**240**
2.	Ikibazo cy'abafungwa igihe kirekire nta dosiye bakorewe	9	34	3	**46**
3.	Ikibazo cy'abana basambanywa	2	0	11	**13**
4.	Uburenganzira bw'umwana	9	4	90	**103**
5.	Imanza zitinda	69	54	4	**127**
6.	Imanza zitarangizwa	39	52	1	**92**
7.	Uburenganzira ku burezi	2	2	15	**19**
8.	Uburenganzira bwo kunganirwa no guhagararirwa mu rubanza	10	16	8	**34**
9.	Ibirego by'uburenganzira ku murimo n'amategeko agenga umurimo	29	53	0	**82**
10.	Uburenganzira bwo kubaho	13	20	6	**39**
11.	Uburenganzira ku mitungo	124	92	19	**235**
IGITERANYO					**1030***

* Hari ibindi birego magana atatu na mirongo itatu na kimwe (331) bitagaragara muri iyo mbonerahamwe ariko byakurikiranwe na Komisiyo. Ibyo birego ni nk'ibyerekeranye n'inkiko gacaca.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

II. IBYARANZE U RWANDA MU MWAKA W'2008 MU BIREBANA NO GUTEZA IMBERE NO KURENGERA UBURENGANZIRA BWA MUNTU MU BYICIRO BINYURANYE BYARWO

Muri iki gice hagaragaramo ibikorwa bitandukanye byaranze u Rwanda birebana no guteza imbere no kurengera Uburenganzira bwa Muntu mu byiciro binyuranye byarwo ndetse n'amategeko anyuranye yagiyeho yerekeye Uburenganzira bwa Muntu.

2.1. MU RWEGO RW'UBURENGANZIRA MU BY'IMBONEZAMUBANO NO MU BYA POLITIKI

2.1.1. Ibirebana n'uburenganzira bwo gutorwa n'ubwo gutora

Mu birebana n'uburenganzira bwo gutorwa n'ubwo gutora, hashyizweho amategeko n'amabwiriza ajyanye n'amatora, hanategurwa igikorwa cy'amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, yabaye guhera ku wa 15 kugeza ku wa 18 Nzeri 2008.

Amwe mu mategeko n'amabwiriza ajyanye n'amatora yashyizweho ni aya akurikira :

- Itegeko Ngenga nº 12/2008 ryo ku wa 9 Gicurasi 2008 rigena itora ry'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EALA) ; (Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 9 Gicurasi 2008)

- Itegeko Ngenga nº 31/2008 ryo ku wa 25 Nyakanga 2008 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga nº 17/2003 ryo ku wa 7 Nyakanga 2003 rigenga itora rya Perezida wa Repubulika n'iry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ; (Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 25 Nyakanga 2008)

- Amabwiriza yo ku wa 25 Nyakanga 2008 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yerekeye itora ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, yari ateganyijwe muri Nzeri 2008.

Guhera ku wa 15 kugeza ku wa 18 Nzeri 2008, mu Gihugu cy'u Rwanda habaye igikorwa cy'amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite. Muri icyo gikorwa, hatowe abadepite 80, barimo 53 bagize icyiciro rusange, 24 bahagarariye abagore, 2 bahagarariye Urubyiruko n'umwe uhagarariye abafite ubumuga. Mu bagize Inteko Ishinga Amategeko batowe, 45 ni abagore, ni ukuvuga 56 %.

Mu cyiciro rusange, abakandida bagombaga gutorwa baturutse mu mashyaka ya politiki cyangwa abandi bagatorwa biyamamaje ku giti cyabo. Hiyamamaje amashyaka atatu, abona amajwi ku buryo bukurikira :

- FPR yishyize hamwe n'indi mitwe ya politiki itandatu ari yo : PDC, PPC, PDI, PSR, UDPR na PSP yabonye amajwi 3.655.956 (78,77 %). Iyo mitwe ya politiki yishyize hamwe yose hamwe ifite intebe 42 mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite ;
- PSD : yabonye amajwi 609.327 (13,13 %), ifite intebe 7 ;
- PL : yabonye amajwi 348.186 (7,50 %), ifite intebe 4 ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Umukandida wiyamamaje ku giti cye, HARERIMANA Jean Marie Vianney, yabonye amajwi 27.848 (0,6%), nta ntebe n'imwe yabonye.

Ugereranyije n'amatora yabaye mu mwaka w'2003, amatora y'umwaka w'2008 yaritabiriwe cyane kuko Amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko yo ku wa 29 Nzeri kugeza ku wa 3 Ukwakira 2003 yitabiriwe n'Abanyarwanda bangana na 3.818.603 (96,48) kuri 3.958.058 bari biyandikishije[1] mu gihe mu mwaka w'2008, ayo matora yitabiriwe n'Abanyarwanda bangana na 4.705.945 (98,7%) kuri 4.769.228 bari biyandikishije[2].

2.1.2. Ibirebana n'ubwisanzure bw'itanganzamakuru n'ubwo kumenya amakuru

Mu birebana n'ubwisanzure bw'itanganzamakuru n'ubwo kumenya amakuru, Inteko Ishinga Amategeko yarangije gutora :

- Itegeko rigena itangazamakuru ;
- Itegeko rigena imiterere n'imikorere y'Inama Nkuru y'Itangazamakuru.

Mu mwaka w'2008, ikigo "Light House Television" cyahawe uburenganzira bwo gutangiza porogaramu zacyo mu Rwanda. Ibinyamakuru bine byahawe uburenganzira bwo gukora. Ibyo binyamakuru ni : "Inyenyeri iwacu", "Rwanda dispatch", "Tempseco" na "Solidarité".

Abanyamakuru 222 b'Abanyarwanda bahawe amakarita aranga abanyamakuru. Muri bo, 132 ni abakorera ibinyamakuru byandika, naho 90 ni abakorera ibitangazamakuru bikoresha amajwi n'amashusho. Abanyamakuru 56 baturutse mu mahanga na bo bahawe ibyangombwa bibemerera gukora umwuga wabo bari mu Rwanda. Abanyamakuru b'abanyarwanda 270 bahawe amakarita abaranga.

Guhera ku wa 24 kugeza ku wa 26 Ugushyingo 2008, i Kigali habaye inama y'Akarere k'Afurika yo Hagati, iy'Iburasirazuba n'iyo mu Ihembe ry'Afurika (Horn of Africa) ku bwisanzure bw'itangazamakuru.

2.1.3. Amategeko yashyizweho mu mwaka w'2008

Mu mwaka w'2008, Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, ryarongeye riravugururwa ndetse hashyirwaho Amategeko Ngenga n'amategeko anyuranye.

- **Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda**

➢ Ivugurura ryo ku wa 13 Kanama 2008 ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu. (Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 13 Kanama 2008)

[1] Raporo ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yo mu kwezi k'Ukwakira 2003
[2] Raporo ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yo mu kwezi k'Ukwakira 2008

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Iryo vugurura rigamije gutunganya ibibazo bitahise bicyemurwa n'amavugurura yo ku wa 2 Ukuboza 2003 no ku wa 4 Ukuboza 2005 yari agamije kugaruka ku mitunganyirize y'Ubuyobozi n'inshingano z'inzego za Leta, cyane cyane iz'Ubutabera n'iz'Urwego rw'Umuvunyi.

Bimwe mu bibazo ivugurura ryo ku wa 13 Kanama 2008 ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryacyemuye bijyanye n'ibi bikurikira :

- Kuzuza ingingo zimwe z'Itegeko Nshinga rya Repubulika zivuga ibyerekeye jenoside yabaye mu Rwanda kugira ngo bisobanurwe neza ko jenoside ivugwa ari jenoside y'Abatutsi yo mu mwaka w'1994 ;

- Guteganya igihe Umutwe w'Abadepite ugomba guseswamo kugira ngo amatora abere igihe gikwiye, bityo ikibazo cy'icyuho gishobore gucyemuka ;

- Kwemerera abakozi ba Leta, abo mu bigo bya Leta no mu bigo bishamikiye kuri Leta kujya mu mitwe ya politiki no mu myanya y'ubuyobozi bukuru bwayo ;

- Gukosora amakosa agaragara mu myandikire mu mihurize y'indimi cyangwa ibiteganywa n'Itegeko Nshinga ;

- Guhuza ingingo z'inzibacyuho n'ivugururwa ry'Itegeko Nshinga.

Ivugurura riteganya kandi ko abayobozi b'inkiko nkuru bashyirirwaho igihe cy'imyaka itanu gishobora kongerwa rimwe gusa ; abayobozi b'inkiko ntoya bashyirirwaho igihe cy'imyaka ine gishobora kongerwa rimwe gusa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza ; abandi bacamanza bashyirwaho igihe cya manda kigenwe gishobora kongerwa buri gihe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Riteganya na none ugushyingiranwa k'umugabo umwe n'umugore umwe gukorewe mu mahanga mu buryo bwemewe n'amategeko y'Igihugu basezeraniyemo.

- **Amategeko Ngenga n'amategeko yashyizweho mu rwego rw'Ubutabera**

Hashyizweho amategeko ngenga n'amategeko akurikira :

- Itegeko Ngenga N° 13/2008 ryo ku wa 19 Gicurasi 2008 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19 Kamena 2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu.

Itegeko rigamije gushyira abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu bo mu rwego rwa mbere mu byiciro bibiri ari byo ababuranishwa n'Inkiko zisanzwe n'ababuranishwa n'Inkiko Gacaca.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Ababuranishwa n'Inkiko zisanzwe bagizwe n'icyiciro cy'abantu bakurikira :

- Umuntu wakoze ibyaha cyangwa ibikorwa by'ubufatanyacyaha bimushyira mu bacuze cyangwa abateguye umugambi wa jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu hamwe n'ibyitso bye ;

- Umuntu wari icyo gihe mu nzego z'ubuyobozi ku rwego rw'Igihugu n'urwa Perefegitura; mu nzego z'ubutegetsi bwa Leta, mu mashyaka ya politiki, mu Gisirikare, muri Jandarumori, mu madini cyangwa mu mitwe yitwaraga gisirikari ku buryo butemewe n'amategeko, akaba yarakoze ibyaha bya jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu cyangwa akoshya abandi kubikora hamwe n'ibyitso bye.

Abo bantu bakurikiranyweho ibyaha abaturage batabonye bikorwa bityo bikaba bigoye kubona abatangabuhamya no kubiburanisha mu Nkiko Gacaca.

- Ababuranishwa n'Inkiko Gacaca bagizwe n'icyiciro cy'abantu bakoze ibyaha abaturage bahari kandi babibona bityo bikaba byoroshye kubibonera abatangabuhamya no kubiburanisha mu Nkiko Gacaca.

Abo bantu ni abakurikira :

- Umuntu wakoze ibyaha cyangwa ibikorwa by'ubufatanyacyaha bimushyira mu bashishikarije abandi umugambi wa jenoside, abagenzuye n'abayoboye jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu hamwe n'ibyitso bye ;

- Umuntu wari icyo gihe mu nzego z'ubuyobozi ku rwego rwa Superefegitura n'urwa Komini ; mu nzego z'ubutegetsi bwa Leta, mu mashyaka ya politiki, mu Gisirikare, muri Jandarumori, muri Polisi ya Komini, mu madini cyangwa mu mitwe yitwaraga gisirikari ku buryo butemewe n'amategeko, akaba yarakoze ibyaha bya jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu cyangwa akoshya abandi kubikora, hamwe n'ibyitso bye;

- Umuntu wasambanyije undi ku gahato cyangwa wangije imyanya ndangagitsina hamwe n'ibyitso bye.

➢ Itegeko Ngenga n° 51/2008 ryo ku wa 9 Nzeri 2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko. (Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 10 Nzeri 2008)

Iri Tegeko rikubiyemo amavugururwa yose uko ari atatu yagiye akorwa ku itegeko rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko.

Iby'ingenzi bigaragara muri iri tegeko bijyanye ni ibi bikurikira :

- Guha Urukiko Rukuru ububasha bwo gukurikirana abakoze ibyaha mpuzamahanga birimo icyaha cya jenoside n'ibyaha byakorewe mu mahanga ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Guha umucamanza wo mu Rukiko Rwisumbuye umwe ububasha bwo guca imanza ku rwego rw'ubujurire kugira ngo imanza zirusheho kwihutishwa ;

- Gukura mu itegeko ingingo zirebana n'ingereko z'ubucuruzi kuko zashyizwe mu itegeko rigenga inkiko z'ubucuruzi ;

- Guha Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ububasha bwo kujya aha abacamanza uburenganzira bw'igihe gito bwo kujya bakorera mu nkiko zisumbuye.

➢ Itegeko n° 18/2008 ryo ku wa 23 Nyakanga 2008 rihana icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside. (Igazeti ya Leta n° 19 yo ku wa 1 Ukwakira 2008)

Iri tegeko rigamije gukumira no kurandura ingengabitekerezo ya jenoside kuko mu mategeko y'u Rwanda hari aho ivugwa ariko ikaba idateganyirizwa ibihano.

- **Andi Mategeko Ngenga n'amategeko yashyizweho**

➢ Itegeko Ngenga n° 30/2008 ryo ku wa 25 Nyakanga 2008 ryerekeye ubwenegihugu nyarwanda. (Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 5 Nzeri 2008)

Iri Tegeko Ngenga rigena ibishingirwaho mu kugira uburenganzira ku bwenegihugu nyarwanda, kubugumana, kubukoresha no kubutakaza. Havugwamo uburenganzira n'inshingano by'uwahawe ubwenegihugu.

Iri Tegeko Ngenga riha umuntu wese ufite umwe mu babyeyi w'Umunyarwanda ubwenegihugu nyarwanda. Na none riha ubwenegihugu nyarwanda umwana uvutse ku babyeyi batazwi cyangwa badafite ubwenegihugu.

➢ Itegeko Ngenga n° 66/2008 ryo ku wa 21 Ugushyingo 2008 rikuraho igihano cyo kwicwa

Iri tegeko rigamije kurengera uburenganzira ku buzima no kurengera agaciro ka muntu.

➢ Itegeko n° 62/2007 ryo ku wa 30 Ukuboza 2007 rishyiraho kandi rigena imiterere, imikorere n'imicungire y'ubwisungane mu kwivuza. (Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 20 Werurwe 2008)

Iri tegeko rigamije guha ingufu ubwisungane mu kwivuza no kunoza imicungire y'ubwisungane mu kwivuza kugira ngo abaturage barusheho kuvuzwa neza.

- **Amasezerano Mpuzamahanga**

Mu mwaka w'2008, hashyizweho amategeko yemerera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga n'Amateka yemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- **Amategeko yemerera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yashyizweho ni akurikira :**

➢ Itegeko n° 001/2008 ryo ku wa 14 Mutarama 2008 ryemerera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye kurinda abana no gufatanya mu byerekeye kubera umubyeyi umwana utabyaye mu rwego mpuzamahanga yashyiriweho umukono i La Haye mu Buholandi ku wa 29 Gicurasi 1993 ; (Igazeti ya Leta n° 7 yo ku wa 1 Mata 2008)

➢ Itegeko n° 002/2008 ryo ku wa 14 Mutarama 2008 ryemerera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga agamije kurwanya iyicarubozo n'ibindi bikorwa cyangwa ibihano by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro, yashyiriweho umukono i New York ku wa 10 Ukuboza 1984 ; (Igazeti ya Leta n° 7 yo ku wa 1 Mata 2008)

➢ Itegeko n° 003/2008 ryo ku wa 14 Mutarama 2008 ryemerera kwemeza burundu umugereka wa kabiri udahatirwa ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Imbonezamubano no mu bya Politiki werekeye ivanwaho ry'igihano cyo kwicwa, washyiriweho umukono i New York ku wa 15 Ukuboza 1989 ; (Igazeti ya Leta n° 7 yo ku wa 1 Mata 2008)

➢ Itegeko n° 27/2008 ryo ku wa 23 Nyakanga 2008 ryemerera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yo kurengera uburenganzira bw'abakozi b'abimukira n'ubw'imiryango yabo yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye mu cyemezo cyayo n° 45/158 cyo ku wa 18 Ukuboza 1990 ; (Igazeti ya Leta n° 18 yo ku wa 15 Nzeri 2008)

- **Amategeko yemerera Repubulika y'u Rwanda kuvanaho ukwifata ku Masezerano Mpuzamahanga yashyizweho ni akurikira :**

➢ Itegeko n° 65/2007 ryo ku wa 31 Ukuboza 2007 ryemerera kuvanaho ukwifata kwa Repubulika y'u Rwanda ku ngingo ya 9 y'Amasezerano Mpuzamahanga agamije gukumira no guhana icyaha cya jenoside, yashyiriweho umukono i New York ku wa 9Ukuboza 1948 ; (Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 20 Werurwe 2008)

➢ Itegeko n° 004/2008 ryo ku wa 14 Mutarama 2008 ryemerera kuvanaho ukwifata kwa Repubulika y'u Rwanda ku ngingo ya 13 yerekeye Uburenganzira mu bijyanye n'Ubukungu, mu mibereho Myiza n'umuco, yashyiriweho umukono i New York ku wa 16 Ukuboza 1966 ; (Igazeti ya Leta n° 7 yo ku wa 1 Mata 2008)

➢ Itegeko n° 66/2007 ryo ku wa 31 Ukuboza 2007 ryemerera kuvanaho ukwifata kwa Repubulika y'u Rwanda ku ngingo ya 22 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye ikurwaho ry'ivanguramoko iryo ari ryo ryose rishingiye ku bwoko yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye, yashyiriweho umukono i New York ku wa 21 Ukuboza 1965 ; (Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 20 Werurwe 2008)

➢ Itegeko n° 28/2008 ryo ku wa 23 Nyakanaga 2008 ryemerera kuvanaho ukwifata kwa Repubulika y'u Rwanda ku ngingo ya 26 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye impunzi yashyiriweho umukono i Geneva ku wa 28 Nyakanga 1951, hamwe n'ukwifata k'u Rwanda ku ngingo ya 4

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye impunzi yashyiriweho umukono i New York ku wa 31 Mutarama 1967.

- **Amateka ya Perezida avanaho ukwifata ku Masezerano Mpuzamahanga hamwe n'ayemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bwa Muntu yashyizweho ni akurikira :**

- Iteka rya Perezida n° 48/01 ryo ku wa 5 Nzeri 2008 rivanaho ukwifata ku ngingo ya 9 y'Amasezerano Mpuzamahanga agamije gukumira no guhana icyaha cya jenoside, yashyiriweho umukono i New York ku wa 9 Ukuboza 1948 ; (Igazeti ya Leta n° 19 yo ku wa 1 Ukwakira 2008)

- Iteka rya Perezida n° 49/01 ryo ku wa 5 Nzeri 2008 rivanaho ukwifata ku ngingo ya 22 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye gukuraho ivanguramoko iryo ari ryo ryose rishingiye ku bwoko yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye, yashyiriweho umukono i New York ku wa 21 Ukuboza 1965 ; (Igazeti ya Leta n° 19 yo ku wa 1 Ukwakira 2008)

- Iteka rya Perezida n° 50/01 ryo ku wa 5 Nzeri 2008 rivanaho ukwifata ku ngingo ya 13 yerekeye Uburenganzira mu by'Ubukungu, mu by'imibereho Myiza no mu by'umuco yashyiriweho umukono i New York ku wa 16 Ukuboza 1966 ; (Igazeti ya Leta n° 19 yo ku wa 1 Ukwakira 2008)

- Iteka rya Perezida n° 51/01 ryo ku wa 5 Nzeri 2008 ryemeza kandi rihamya burundu Amasezerano Mpuzamahanga agamije kurwanya iyicarubozo n'ibindi bikorwa bibabaza umubiri n'ubwenge kandi bitesha umuntu agaciro, yashyiriweho umukono i New York ku wa 10 Ukuboza 1984 ; (Igazeti ya Leta n° 19 yo ku wa 1 Ukwakira 2008)

- Iteka rya Perezida n° 52/01 ryo ku wa 5 Nzeri 2008 ryemeza kandi rihamya burundu umugereka wa kabiri ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Imbonezamubano no mu bya Politiki werekeye ivanwaho ry'igihano cyo kwicwa, washyiriweho umukono i New York ku wa 15 Ukuboza 1989 ; (Igazeti ya Leta n° 19 yo ku wa 1 Ukwakira 2008)

- Iteka rya Perezida n° 53/01 ryo ku wa 31 Ukubioza 2007 ryemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yemejwe i Ramsar ku wa 2 Gashyantare 1971 yerekeye kubungabunga ahantu hahehereye hafite akamaro ku rwego mpuzamahanga, ku bw'umwihariko indiri y'inyoni zo mu mazi ; (Igazeti ya Leta n° 9 yo ku wa 1 Gicurasi 2008)

- Iteka rya Perezida n° 54/01 ryo ku wa 31 Ukuboza 2007 ryemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga y'i Cartagena yateguriwe gushyirwaho umukono i Naïrobi guhera tariki ya 15 kugeza tariki ya 26 Gicurasi 2000 n'i New York guhera tariki ya 5 Kamena 2000 kugeza ku ya 4 Kamena 2001 yerekeye umutekano w'urusobe rw'ibinyabuzima. (Igazeti ya Leta n° 9 yo ku wa 1 Gicurasi 2008)

*
* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

2.2. MU RWEGO RW'UBURENGANZIRA KU MIBEREHO MYIZA N'IBIDUKIKIJE

Mu birebana n'uburenganzira ku mibereho myiza n'ibidukikije, hakozwe ibikorwa mu rwego rw'ubuzima, umurimo, uburezi, mu rwego rw'uburenganzira bw'abantu bari mu byiciro byihariye no mu rwego rw'iterambere ry'ibidukikije.

2.2.1. Mu birebana n'uburenganzira ku buzima

- Mu rwego rwo kurengera uburenganzira ku buzima, hashyizweho Itegeko Ngenga n° 43/2007 ryo ku wa 10 Nzeri 2007 rigena imitunganyirize y'Ikigo gishinzwe ubuvuzi, ubushakashatsi kuri SIDA, Malariya, Igituntu n'izindi Ndwara z'ibyorezo (TRAC Plus)[1], hitawe ku bikorwa byo kurengera ubuzima bw'abana, gutanga ubwishingizi bw'indwara ku baturage no kurwanya agakoko gatera SIDA.

- Gahunda yo gukingira abana no kubavuza yashyizwemo ingufu binyuze mu bukangurambaga bukozwe n'abayobozi b'ibanze kugera ku Mudugudu.

- Ubwishingizi bw'indwara ku baturage bose mu mwaka w'2008 bwageze kuri 91 % mu bwitabire. Abaturage 85 % bari muri mitiweri. Ugereranyije n'umwaka w'2007, uwo mubare wiyongereyeho 10 %. Abaturage 6 % bari mu bundi bwishingizi (RAMA, MMI, CORAR na SORAS).

- Kugeza mu kwezi k'Ugushyingo 2008, ibigo bipima bikanatanga inama kuri VIH/SIDA byari bimaze kugera kuri 369. Ugereranyije n'umwaka w'2007, hiyongereyeho 56. Kugeza muri uko kwezi, umubare w'ibigo nderabuzima n'ibitaro bitanga imiti igabanya ubukana bwa SIDA byari 217, hiyongereyeho 46 kuva mu mwaka w'2007.

Mu mwaka w'2008, umubare w'abantu bagiriwe inama bakanipimisha agakoko gatera SIDA ni 738.658. Muri bo, abasanze baranduye ni 24.805. Kuva porogaramu yatangira, umubare w'abantu bakuru (abagabo n'abagore) banduye bari ku miti igabanya ubukana bwa SIDA ni 56.431. Ugereranyije n'umwaka w'2007, uwo mubare wiyongereyeho abantu 12.712.

Kugeza mu kwezi k'Ugushyingo 2008, umubare w'ibigo bitanga inama, bipima bikanatanga imiti igabanya ubukana bwa VIH/SIDA ku babyeyi banduye kugira ngo bongererwe amahirwe yo kubyara abana batanduye byari bimaze kugera kuri 336. Ugereranyije n'umwaka w'2007, ibyiyongereye ni 51. Kugeza muri uko kwezi, umubare w'abagore batwite bipimishije agakoko gatera SIDA mu bigo nderabuzima bitanga serivisi za PMTCT ni 241.316 ; muri bo, abasanze baranduye ni 7.271 (3 %); naho ijanisha ry'abo bagore batwite banduye bafashe imiti bongerera amahirwe abana babyaye yo kutavukana agakoko gatera SIDA kugeza mu kwezi k'Ugushyingo 2008 ni 79,6 %.

*
* *

[1] Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 4 Werurwe 2008

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

2.2.2. Mu birebana n'uburenganzira ku murimo

Inteko Ishinga Amategeko yatoye itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi bo mu butegetsi bwite bwa Leta.

2.2.3. Mu birebana n'uburenganzira ku burezi

Mu rwego rwo guteza imbere uburenganzira ku burezi, hashyizweho politiki na gahunda zinyuranye ari zo :

- Politiki y'ubuzima kugira ngo abana barusheho kumererwa neza no kuba heza "School Health Education Policy" ;
- Politiki yo guteza imbere uburezi bw'umwana w'umukobwa " Girl's Education Policy" ;
- Politiki y'uburezi bwihariye/budaheza; " Special Education Needs Policy" ;
- Porogaramu y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka icyenda.

2.2.4. Mu byerekeranye n'uburenganzira bw'abantu bari mu byiciro byihariye

Mu rwego rw'uburenganzira bw'abantu bari mu byiciro byihariye nk'umwana, umugore, abafite ubumuga, impunzi n'abatahutse, hakozwe ibikorwa bitandukanye.

- **Ibirebana n'uburenganzira bw'umwana**

Mu birebana no guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana, ibikorwa bikurikira byagezweho :

- Hakozwe ingando y'abana b'inzererezi 324, muri Gicurasi 2008 zigamije kubigisha uburere bwiza. Abo bana bahita bashyirwa mu mashuri. Abana b'inzererezi 120 basubijwe mu miryango.

- Inyandiko y'inyigo igaragaza imibereho y'imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo yemejwe n'inzego zitandukanye, hasigaye kuyimenyekanisha. Ibigo 20 byita ku bana b'imfubyi byatewe inkunga ingana na 198.838.200 FRw.

- Guhera ku wa 10 kugeza ku wa 16 Kamena 2008, cyari icyumweru cyahariwe kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana n'Umunsi w'Umwana w'Umunyafurika, cyizihirijwe ku rwego rw'Igihugu mu Karere ka Gisagara.

- Minisiteri muri Primature ishinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire yateguye amabwiriza ajyanye no gushyiraho amahuriro y'abana; agezwa ku Turere twose. Uturere twatewe inkunga ingana na 30.000.000 FRw yo gushyiraho ayo mahuriro.

- Hateguwe kandi hakoreshwa Inama Nkuru ya Kane y'Abana bavuye mu Mirenge yose y'Igihugu, kuva ku wa 8 kugeza ku wa 11 Ugushyingo 2008. Imyanzuro y'Inama Nkuru ya Gatatu y'Abana yabaye mu mwaka w'2007 yagejejwe ku bandi bana mu mirenge yabo, ku wa 2 Mata 2008.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Ku wa 24 Kamena 2008, mu cyumba cy`inama cya Hôtel Serena i Kigali habaye imihango yo gutangiza ku mugaragaro Urwego rushinzwe Igenzura ry'Iyubahirizwa ry'Uburenganzira bw'Umwana "Observatoire des Droits de l'Enfant".

- Ku wa 8 Ukuboza 2008, mu cyumba cy'inama cya Prime Holding, i Kigali habereye inama nyunguranabitekerezo y'umunsi umwe ku burenganzira bw'umwana n'itangazamakuru.

- Hateguwe inyandiko y'imirongo ngenderwaho yo gutoranya abana bakeneye gufashwa kurusha abandi kugira ngo bagenerwa imfashanyo.

- Hateguwe igipimo gifasha gusuzuma imibereho y'umwana (Child Status Index).

- Inyandiko igaragaza uburyo bwo kwakira abana mu miryango.

- **Ibikorwa by'ingenzi byagezweho n'inzego zinyuranye mu rwego rwo guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umugore**

Mu rwego guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umugore, mu mwaka w'2008 hakozwe inyandiko zitandukanye :

- Inyandiko ikubiyemo ingingo z'amategeko abangamiye uburinganire ;

- Inyandiko igaragaza uko abagore bahagaze mu nzego zifatirwamo ibyemezo kuva mu mwaka w'2003 kugeza mu mwaka w'2008 ;

- Inyandiko ikubiyemo raporo zakozwe n'Uturere ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ya Beijing yarakozwe, yohererezwa inzego zitandukanye.

  - **Mu rwego rwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ihohoterwa rikorerwa mu ngo**

Mu rwego rwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ihohoterwa rikorerwa mu ngo, Polisi y'Igihugu mu mwaka w'2008 yashoboye gushyiraho ingamba zikurikira :

- Polisi y'Igihugu yahaye amahugurwa abapolisi yerekeranye no kurinda no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa mu ngo.

- Ubuyobozi bwa Polisi bwegereje inzego z'ayo abaturage aho usanga kuri buri Murenge wose hagiye hashyirwaho umupolisi witabazwa n'umuturage ugize ikibazo cy'ihohoterwa.

- Na none kuri buri bitaro bya Leta mu Gihugu hashyizweho umupolisi ushinzwe guhita afasha uwahohotewe mu buryo bwihutirwa.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ku byerekeranye n'uburyo ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rihagaze, mu makuru Komisiyo yagejejweho na Polisi bigaragara ko iki kibazo cyagabanutse mu mwaka w'2008 ugereranije n'uburyo cyari gihagaze mu mwaka w'2007.

Imibare igaragaza ko mu mwaka w'2008 ibirego bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina Polisi yagejejweho bingana n'3076 ugereranyije n'umwaka w'2007 aho Polisi yari yagejejweho ibingana na 3716. Muri ibyo birego, ibigera ku 2051 ni ibirebana no gusambanya abana, naho 388 byo byerekeranye no gufata ku ngufu.

- **Ibyerekeranye n'uburenganzira bw'abafite ubumuga**

Mu birebana n'uburenganzira bw'abafite ubumuga, hashyizweho Iteka rya Minisitiri n° 20/17 ryo ku wa 30 Mutarama 2008 rishyiraho abagize akanama k'abaganga gashinzwe gushyira mu byiciro abamugariye ku rugamba. (Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 4 Werurwe 2008)

Abanyeshuri bafite ubumuga bagera kuri 230 bakiriwe mu mashuri asanzwe mu Ntara y'Iburasirazuba ku bufatanye bwa MINEDUC n'umuryango utegamiye kuri Leta ADRA.

Amasahuri Makuru yakiriye abanyeshuri bamugaye cyane cyane abafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri "sensory disabilities" ku nshuro ya mbere, mu mwaka w'2008 ahakiriwe abanyeshuri bagera kuri 20.

Hashyizweho politiki y'uburezi bwihariye/budaheza "Special Education Needs Policy" .

Hatangijwe gahunda yo kwakira abanyeshuri babana n'ubumuga mu mashuri Makuru kandi bagahabwa inguzanyo itishyurwa.

- **Ibirebana n'uburenganzira bw'impunzi n'ubw'abatahutse**

Mu birebana n'uburenganzira bw'impunzi, kugeza mu mpera z'umwaka w'2008, ibarura ryagaragaje ko mu Rwanda hari impunzi 55.894 ziri mu nkambi zinyuranye ari zo : Kiziba, Gihembe, Nyagatare C.T., Nkamira C.T., Nyabiheke, Kigeme no mu Mujyi wa Kigali.

Ku bufatanye bwa Leta y'u Rwanda n'abaterankunga, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (HCR), Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Biribwa (PAM) n'abandi, impunzi zifashwa mu biribwa, mu buvuzi, mu burezi, mu kubona amazi, inkwi zo gucana, mu gukorerwa isuku, mu mishinga icirirtse n'ibindi. Mu birebana n'uburezi, abana bo mu mashuri abanza kugeza muri Kaminuza bangana na 17.287 bafashijwe mu myigire.

Mu birebana n'uburenganzira bw'abatahutse, mu mwaka w'2008 hakiriwe abanyarwanda bagera ku 9.093, baturutse mu bihugu bitandukanye basubizwa mu buzima busanzwe.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

2.2.5. Mu birebana no guteza imbere ibidukikije

Hashyizweho Amateka ya Perezida anyuranye yemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga, ndetse hakorwa n'ibindi bikorwa binyuranye.

- **Amateka ya Perezida yashyizweho**

Igazeti ya Leta n° 9 yo ku wa 1 Gicurasi 2008 yatangaje amateka akurikira yemeza burundu amasezerano mpuzamahanga akurikira yerekeranye no guteza imbere ibidukikije :

- Iteka rya Perezida n° 51/01 ryo ku wa 31 Ukuboza 2007 ryemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga y'i Kyoto yo ku wa 6 Werurwe 1998 ashamikiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye ihindagurika ry'igihe ; (Igazeti ya Leta n° 9 yo ku wa 1 Gicurasi 2008)

- Iteka rya Perezida n° 52/01 ryo ku wa 31 Ukuboza 2007 ryemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yateguriwe gushyirwaho umukono i Bonn ku wa 23 Kamena 1979 agamije kubungabunga inyamaswa z'agasozi zihora zimuka ; (Igazeti ya Leta n° 9 yo ku wa 1 Gicurasi 2008)

- **Ibikorwa byagezweho mu rwego rwo guteza imbere ibidukikije**

Kuva ku wa 11 kugeza ku wa 13 Nzeri 2008, i Kigali habereye inama mpuzamahanga irebana n'imihindagurikire y'ibihe.

Guhera ku wa 31 Gicurasi kugeza ku wa 5 Kamena 2008 cyari icyumweru cyo kurengera ibidukikije. Ku wa 5 Kamena ni umunsi mpuzamahanga wo kurengera ibidukikije, wizihirijwe i Kigali.

Ku wa 24 Ugushyingo 2008, hizihijwe isabukuru ya 32 y'Umunsi w'Igiti. Mu butumwa yatanze, Minisitiri w'Umutungo Kamere yashishikarije abanyarwanda gutera ibiti mu ngo zabo, cyane cyane ibiti by'imbuto mu rwego rwo kunoza imirire no kongera ubukire, buri muryango usabwa kugira nibura ibiti 10 byera imbuto ziribwa.

Ubundi bwoko bw'ibiti Minisitiri w'Umutungo Kamere yashishikaje abanyarwanda gutera ni ibiti bibyara amavuta yakoreshwa nk'ingufu zisimbura iza Peteroli ihumanya ikirere igatuma haba imihindagurikire y'ibihe idasanzwe (Bio-fuel); ubushakashatsi kuri ibyo biti bwaratanguiye, hakazitabwaho imikoreshereze inoze y'ubutaka.

Mu birebana no guteza imbere ibidukikije, hashyizweho Itegeko n° 17/2008 ryo ku wa 20 Kamena 2008 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gucunga no guteza imbere amashyamba (NAFA), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo ; (Igazeti ya Leta n° 19 yo ku wa 01 Ukwakira 2008).

*
* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

III. IBIKORWA BYA KOMISIYO MU MWAKA W'2008

3.1. GUKANGURIRA NO KWIGISHA ABATURAGE B'INGERI ZOSE IBYEREKEYE UBURENGANZIRA BWA MUNTU (Ingingo ya 4 [1°])

Mu mwaka w'2008, mu rwego rwo kwigisha no gukangurira Abaturarwanda b'ingeri zose ibijyanye n'Uburenganzira bwa Muntu, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yatanze amahugurwa n'ibiganiro ku byiciro binyuranye by'abaturage.

3.1.1. Gukangurira Abaturarwanda Uburenganzira bwa Muntu

Igikorwa cyo gukangurira Abanyarwanda Uburenganzira bwa Muntu cyibanze ku biganiro ku Burenganzira bwa Muntu Komisiyo yatanze ibinyujije ku maradiyo no mu binyamakuru n'inyigisho zahawe abantu b'ingeri zinyuranye.

Hari kandi n'izindi nyandiko zacapishijwe :
- Inyandiko imenyekanisha Komisiyo ;
- Inyandiko ikubiyemo uburenganzira bw'umwana ;
- Inyandiko ku burenganzira bw'umugore ;
- Inyandiko irimo itegeko rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.

3.1.1.1. Inyigisho ku Burenganzira bwa Muntu zahawe ibyiciro by'abaturarwanda bikurikira

A. Abanyeshuri n'abarimu

Mu mwaka w'2008, Komisiyo yakomeje kwigisha uburenganzira bwa muntu mu mashuri abanza, ayisumbuye na kaminuza. Ku butumire cyangwa ibyibwirije, Komisiyo yatanze ibiganiro ku banyeshuri n'abarimu b'amashuri abanza, ayisumbuye, ku bitegura kujya muri kaminuza no ku banyeshuri ba kaminuza.

Uko ibiganiro byatanzwe, biragaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira :

Akarere	Itariki	Abahawe ibiganiro	Umubare
Kamonyi	5-8/2/2008	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	3244
Muhanga	11-25/2/2008	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	9568
Ruhango	28-29/2/2008	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	2128
Nyagatare	5-8/2/2008	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	6348
Bugesera	29/4-3/5/2008	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	4718
Nyamasheke	4/5-10/5/2008	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	5758

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Rwamagana	5-9/5/2008	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	8575
Karongi	9-11/5/2008	Abarimu bo mu mashuri abanza	1332
Musanze	19-27/5/2008	Abarimu n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye	10.071
Karongi	31/5-1/6/2008	Abarimu n'abayobozi bo mu mashuri yisumbuye	371
BOSE HAMWE			**52.113**

Muri buri cyiciro, ibiganiro byatanzwe byibanze ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Inshingano n'ububasha bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Inyigisho y'ibanze ku Burenganzira bwa Muntu ;
- Uburenganzira bw'umwana mu mategeko y'u Rwanda no mu Masezerano mpuzamahanga.

Ku biganiro byahawe abarezi bigisha uburere mboneragihugu irimo n'uburenganzira bwa muntu, hiyongereyeho : " Itegeko rihana icyaha cy'ivangura no gukurura amacakubiri'.

B. Abanyeshuri bitegura kujya muri kaminuza

Mu mwaka w'2008, ku butumire bwa Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yatanze ibiganiro ku burenganzira bwa muntu ku banyeshuri barangije amashuri yisumbuye bitegura kujya muri kaminuza za Leta. Ibiganiro byatangiwe i Nkumba, mu Karere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru, ku matariki anyuranye, hahugurwa abanyeshuri 4958 mu byiciro binyuranye.

Hatanzwe ikiganiro gikubiyemo amahame remezo y'Uburenganzira bwa Muntu.

C. Abitandukanyije n'abacengezi

Mu mwaka w'2008, ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu yo gusubiza mu buzima busanzwe ingabo zavuye ku rugerero, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yatanze ibiganiro ku Burenganzira bwa Muntu ku bantu bari abacengezi. Ibiganiro byatangiwe i Mutobo, mu Karere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru, ku matariki anyuranye, bihabwa abantu 994.

Hatanzwe ibiganiro bikurikira :

- Amahame remezo y'uburenganzira bwa muntu ;
- Uburenganzira bwa Muntu mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ;
- Amategeko Mpuzamahanga akumira kandi ahana icyaha cya jenoside, n'Itegeko ry'u Rwanda rihana icyaha cya jenoside, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara ;
- Ubutabera nk'isoko y'umutekano n'iterambere ;
- Uruhare rw'abacamanza mu bijyanye n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

D. Abashinzwe umutekano n'abanyamakuru

Mu mwaka wa 2008, ku butumire bw'Inama Nkuru y'Itangazamakuru, Komisiyo yatanze ibiganiro ku bashinzwe umutekano no ku banyamakuru. Uko ibiganiro byatanzwe biragaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira :

Itariki	Abahawe ibiganiro	Aho byatangiwe	Umubare
10/03/2008	Abagenzacyaha	i Gishali	63
8/5/2008	Abanyamakuru, abakozi bashinzwe itangazamakuru mu nzego za Leta, abashinzwe umutekano mu Turere	Dereva Hotel i Rwamagana	21
15/5/2008	« « « « « « « «	Centre Pastoral Fatima, mu Karere ka Musanze	27
29/5/2008	« « « « « « « « «	Akarere ka Huye	27
17/6/2008	Abanyamakuru	Ninzi Hill Hotel, Mu Karere ka Gasabo	30
Bose Hamwe			**164**

Hatanzwe ibiganiro bikurikira :

- Itegeko rishya rigenga itangazamakuru ;
- Uburenganzira n'inshingano z'abaturage mu itegeko rigenga itangazamakuru ;
- Itegeko rihana icyaha cya jenoside, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara, n'itegeko rihana icyaha cy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri.

E. Amahugurwa ya ba "Local Defence Forces"

Ku butumire bw'Intara y'Amajyepfo, Komisiyo yatanze ikiganiro ku ba "Local Defence Forces" 779, baturuka mu turere twose tw'intara y'Amajyepho, bahugurwa ku mahame remezo ku Burenganzira bwa Muntu.

F. Ibiganiro byahawe abantu b'ingeri zinyuranye

Ku wa 2 Nzeri 2008, ku butumire bw'Umurenge wa Gahanga mu Karere ka Kicukiro, Komisiyo yatanze ikiganiro ku baturage 500, ku "mahame remezo y'Uburenganzira bwa Muntu n'iyubahirizwa ryabwo".

G. Abari mu ngando y'imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro

Ku wa 26 Kamena 2008, Komisiyo yatanze ikiganiro ku bantu 212 bari mu ngando y'imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro iri mu Murenge wa Ngoma, mu Karere ka Rulindo, Intara

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

y'Amajyaruguru. Insanganyamatsiko y'ikiganiro yari : "Uburenganzira bwa muntu mu ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo nsimburagifungo".

H. Imboni zishinzwe kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore mu Mujyi wa Kigali

Ku butumire bwa Minisiteri y'Ingabo n'ubuyobozi bukuru bw'Ingabo, Komisiyo yatanze ikiganiro kigenewe imboni zishinzwe kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uburyo ibiganiro byatanzwe :

Itariki	Abahuguwe	Aho byabereye	Umubare
2/7/2008	- RDF bakorera mu Karere ka Nyarugenge - Polisi y'Igihugu mu Karere ka Nyarugenge - Imboni za Gender mu Karere ka Gasabo	Ku Karere ka Nyarugenge	139
1/8/2008	- RDF bakorera mu Karere ka Gasabo - Polisi y'Igihugu mu Karere ka Gasabo - Imboni za Gender mu Karere ka Gasabo	Inzu mberabyombi y'Akarere ka Gasabo	187
8/8/2008	- RDF bakorera mu Karere ka Kicukiro - Polisi y'Igihugu mu Karere ka Kicukiro - Imboni za Gender mu Karere ka Kicukiro	ETO-Kicukiro	130
BOSE HAMWE			**456**

Insanganyamatsiko z'ibiganiro zari izi zikurikira :

- Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu n'inshingano zayo ;
- Uburenganzira bw'umwana mu Masezerano Mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda ;
- Inzego zashyizweho n'ingamba zafashwe mu rwego rw'iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu muri rusange n'ubw'abana n'abagore by'umwihariko ;
- Uruhare nyiririzina rwa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa muntu mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore.

I. Abagize inzego n'amashyirahamwe anyuranye

- Ku wa 8 Gashyantare 2008, ku butumire bw'ishyiramwe COPORWA, Komisiyo yahaye ikiganiro cyerekeye"Guteza imbere abashigajwe inyuma n'amateka" abanyamuryango 32 b'iryo shyirahamwe. Icyo kiganiro cyatanzwe mu rwego rw'amahugurwa ku Burenganzira bwa Muntu

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

n'inshingano z'umuturage mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda yabereye i Remera, muri Hill Top Hotel ;

- Ku wa 29 Mata 2008, Komisiyo yatanze ikiganiro : "Uburenganzira bwa Muntu mu mategeko y'u Rwanda", mu mahugurwa yateguriwe abagize "Réunion de concertation" n'inzego bafatanyije mu guteza imbere Uburenganzira bwa Muntu ;

- Ku wa 8 Ukwakira 2008, ku butumire bw'Akarere ka Nyarugenge, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yatanze ikiganiro ku itegeko ry'umuryango, by'umwihariko ku burenganzira bw'umugore n'ubw'umwana. Iki kiganiro cyahawe Abanyamabanga Nshingwabikorwa 39 b'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Utugari tugize Akarere ka Nyarugenge ;

- Ku wa 5 Ugushyingo 2008, ku butumire bwa "Africa Youth Trust" na "Rwanda Youth Network", Komisiyo yatanze ikiganiro mu nama mpuzamahanga y'Ihuriro Nyunguranabitekerezo ry'Urubyiruko yabereye muri Hotel Alpha Palace, mu Mujyi wa Kigali. Hatanzwe ikiganiro : Uburenganzira bwa Muntu : Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa Muntu n'Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage. Cyakurikiranywe n'abantu 82 ;

- Ku wa 19 Ukuboza 2008, ku butumire bwa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ya Diyosezi Gatolika ya Ruhengeri, Komisiyo yatanze ikiganiro : "Uburenganzira bwa Muntu muri rusange n'Uburenganzira bw'umwana by'umwihariko", mu isangano ry'urubyiruko ryabereye kuri Centre Pastoral Notre Dame de Fatima, mu Karere ka Musanze. Iki kiganiro cyahawe abantu 150.

J. Abari muri Komite z'Urwego rushinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana mu Mirenge no mu Turere

Nyuma y'uko ishyizeho Komite z'Urwego rushinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana ku rwego rw'Umurenge n'urw'Akarere, Komisiyo yagiranye ibiganiro n'abagize izo komite, ibaha n'ibikoresho birimo amagare na telefoni.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uburyo ibyo biganiro byatanzwe :

Itariki	Aho byabereye	Akarere	Umubare
11-12/7/2008	Huye	Huye, Nyanza, Gisagara	77
	Muhanga	Muhanga, Kamonyi, Ruhango	58
	Rwamagana	Rwamagana, Kayonza, Bugesera	82
	Gicumbi	Gicumbi, Rulindo	104
	Rubavu	Rubavu, Nyabihu, Ngororero	54
18-19/7/2008	Nyagatare	Nyagatare, Gatsibo	54
	Nyamagabe	Nyamagabe, Nyaruguru	54
	Ngoma	Ngoma, Kirehe	48
	Musanze	Musanze, Gakenke	70

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

	Rusizi	Nyamasheke, Rusizi	56
BOSE HAMWE			**657**

Hatanzwe ibiganiro bikurikira :

- Abakorerabushake n'inshingano zabo ;
- Inshingano za Komisiyo muri rusange n'izijyanye no kurengera umwana by'umwihariko ;
- Imiterere n'inshingano by'Urwego rushinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'Umurenganzira bw'Umwana ;
- Imikoranire y'abakorerabushake n'izindi nzego.

3.1.1.2. Ibiganiro kuri radiyo zinyuranye

Mu rwego rwo gukangurira Abaturarwanda Uburenganzira bwa Muntu, Komisiyo yakomeje gutanga ikiganiro "Uburenganzira iwacu" gihita kuri Radio Rwanda. Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ikaba yaratanze ibiganiro ku nsanganyamatsiko zitandukanye zigaragaza ubwo burenganzira ndetse n'ibikorwa bya Komisiyo bigamije kubuteza imbere no kuburengera.

Ibiganiro byibanze ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Ibikorwa bya Komisiyo byibanda ku guteza imbere no kurengera Uburenganzira bwa Muntu ;
- Amateka n'ububi bwa jenoside zakozwe ku isi ;
- Bimwe mu bikubiye mu masezerano mpuzamahanga arengera uburenganzira bwa muntu n'akuraho ukwifata mu ngingo zimwe ziyagize u Rwanda rwemeje burundu mu Ukwakira 2007 ;
- Komisiyo ikurikirana ibirego yaregewe, ibyo yamenye n'ibyo yibwirije ;
- Komisiyo yakira ibirego by'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu ariko ntisimbura inzego zikemura ibibazo by'abaturage ;
- Ubukene butuma umwana w'umunyafurika atagira uburenganzira bwose ;
- Impunzi z'Abanyarwanda ziracyakomeza gushishikarizwa gutaha ;
- Isuzumabikorwa rifasha abakozi kongera ubuzobere bwabo ;
- Buri wese afite uburenganzira ku cyubahiro ahabwa na kamere ya muntu ;
- U Rwanda rurarushaho kugenda rutera intambwe ishimishije mu kubaka igihugu kigendera ku mategeko ;
- Umukorerabushake ntasimbura Komisiyo cyangwa inzego zishinzwe gukemura ibibazo by'abaturage ;
- Abakorerabushake bakurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana bashimiye Komisiyo inkunga yabateye ;
- Ibibazo byinshi by'abafungwa Komisiyo yari yaragaragarije inzego zibishinzwe byaracyemuwe ;
- Amahame y'ingenzi akubiye mu itangazo mpuzamahanaga ku Burenganzira bwa Muntu ;
- Hakwiye gushyirwaho umutwe wa polisi ushinzwe abana n'ushinzwe umuco n'imyitwarire ;
- Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yagejeje ku Nteko Inshinga Amategeko ibikubiye muri raporo yayo y'umwaka w'2007 ;
- Uko Inteko Ishinga Amategeko yakiriye ibyo Komisiyo yakoze mu mwaka w'2007 ;
- Amagare n'amatelefone agendanwa byahawe abakorerabushake bashinzwe gukurikira iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana bizabafasha gushyira mu bikorwa inshingano zabo ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Ivugururwa ry'amategeko n'ishyirwaho ry'inzego ziharanira Uburenganzira bwa Muntu byafashije kugabanya akarengane ;
- Abagororwa bakwiye kugira ubutabera mu gihe giciriritse ariko n'abo bahohoteye bakarenganurwa;
- Amagereza arimo ubucucike ntafasha kugorora abayafungiyemo ;
- Imishinga iri muri gereza ifasha abagororwa gusubira mu buzima ;
- Umuco nyarwanda uracyarimo ibikandamiza uburenganzira bw'umugore ;
- Bimwe mu biteganyijwe na serivisi ishinzwe amagereza iri muri Minisiteri ishinzwe umutekano mu rwego rwo gafasha abagororwa kuba mu nyubako zibereye ;
- Uruhare rw'umuco mu kurengera Uburenganzira bwa Muntu ;
- U Rwanda rwashyize mu mategeko no mu bikorwa ibikubiye mu Itangazo Mpuzamahanga ku Burenganzira bwa Muntu ;
- Abakoze jenoside bakwiye kwibohora bavuga ukuri ku byo bakoze ;
- Gusura gereza kugira ngo irebe uko uburenganzira bw'abagororwa bwifashe biri mu nshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Ibihugu byiyumvamo ubuhangange bitesha agaciro ubutabera mpuzamahanga ;
- Uvukije uburenganzira undi muntu aba atanze icyuho cyo kuvutswa ubwe ;
- Kwegereza ubutabera abaturage biteza imbere Uburenganzira bwa Muntu ;
- Agaciro ka muntu n'ubutabera kuri buri wese ;
- Hakwiye kubaho ubufatanye bw'ibihugu mu kurwanya jenoside.

3.1.1.3. Ibikorwa bijyanye no kwizihiza iminsi ngarukamwaka

Mu mwaka w'2008, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yagize uruhare mu kwizihiza iminsi mikuru irebana n'Uuburenganzira bwa Muntu. Muri urwo rwego, yatanze ubutumwa bunyuranye bukangurira Abaturarwanda uburenganzira bwa muntu binyuze mu maradiyo, ku bitambaro byandikwaho ubwo butumwa no mu binyamakuru.

Mu rwego rwo kwizihiza iminsi ngarukamwaka hizihijwe :

- Umunsi mpuzamahanga w'abagore : ku wa 8 Werurwe 2008 ;
- Umunsi mpuzamahanga w'abakozi : ku 1 Gicurasi 2008 ;
- Umunsi w'umwana w'umunyafurika : ku wa 16 Kamena 2008 ;
- Umunsi ngarukamwaka w'amasezerano mpuzamahanga yo gukumira no guhana icyaha cya jenoside : ku wa 9 Ukuboza 2008 ;
- Umunsi mpuzamahanga w'uburenganzira bwa muntu : ku wa 10 Ukuboza 2008.

Ku wa 7 Werurwe, mu rwego rwo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umugore uba ku wa 8 Werurwe, Komisiyo ifatanyije na HAGURUKA yatanze ikiganiro kuri radiyo kijyanye n'uwo munsi : "Guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umugore nk'umuntu".

Ku wa 8 Werurwe 2008, nk'uko byari byemejwe n'Inama y'Abaminisitiri, habaye ibiganiro bijyanye no kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umugore mu nzego za Leta n'ibigo bya Leta. Insanganyamatsiko y'uwo munsi yari "gushyira ingufu mu iterambere ry'abagore n'abakobwa". Muri Komisiyo, icyo kiganiro

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

cyatanzwe n'abakozi babiri ba Komisiyo : umujyanama wa Komisiyo mu by'amategeko na "focal point" wa "gender" muri Komisiyo.

Ku wa 1 Gicurasi 2008, abagize Komisiyo n'abakozi bayo bagiye mu biroro by'uwo munsi ku rwego rw'Igihugu byabereye mu Karere ka Gicumbi mu Ntara y'Amajyaruguru.

Mu rwego rwo kwizihiza umunsi mpuzamahanga wo kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana wizihizwa ku wa 12 Kamena n'umunsi w'umwana w'umunyafurika, ubusanzwe wizihizwa ku wa 16 Kamena, Guverinoma y'u Rwanda yemeje ko iyo minsi uko ari ibiri yizihirizwa hamwe, inzego zibishinzwe zikabitegura hamwe. Ni muri urwo rwego rwo guhuza imbaraga hemejwe ko haba icyumweru cyahariwe kuzirikana insanganyamatsiko z'umwaka, n'ibibazo by'abana muri rusange.

Insanganyamatsiko y'umunsi w'umwana w'umunyafurika yagiraga iti : « Child Participation : child to be heard and seen » naho iyo ku wa 12 Kamena 2008 ikaba : « Uburezi igisubizo nyacyo mu kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana ». Izo nsanganyamatsiko zombi zahurijwe hamwe muri iyi ikurikira : « Kumva umwana, kumuha uburere n'uburezi ni inshingano ya buri wese ».

Mu rwego rwo kwizihiza iyo minsi mikuru uko ari ibiri, Komisiyo yatanze ibiganiro bigamije gukangurira abanyarwanda uburenganzira bw'umwana mu Turere cumi tunyuranye ndetse ijya no muhango wo kuyizihiza ku rwego rw'Igihugu wabereye mu Karere ka Gisagara mu Ntara y'Amajyepfo.

Na none, mu rwego rwo kwizihiza umunsi ngarukamwaka w'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu, ishingiye ku nsanganyamatsiko y'Umuryango w'Abibumbye yo mu mwaka w'2008, ariyo « Icyubahiro n'ubutabera kuri twese », Minisiteri y'Ubutabera ifatanyije na Komisiyo, ku wa 9 Ukuboza 2008, yateguye ikiganiro kigenewe abanyamakuru ku Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu no ku Masezerano Mpuzamahanga akumira akanahana icyaha cya jenoside. Ku wa 10 Ukuboza 2008, umunsi wizihirijwe mu Murenge wa Rugarika, Akarere ka Kamonyi, Intara y'Amajyepfo, Minisitiri w'Itangazamakuru wari umushyitsi Mukuru akaba n'intumwa ya Leta muri ibyo birori, atanga ubutumwa bujyanye n'uwo munsi. Hanatanzwe ubutumwa bwanditse ku bitambaro bimanikwa (banderoles) no ku dupira twambarwa (T-Shirts).

- **Ibikorwa byo mu rwego rwo kwizihiza isabukuru ya 60 y'Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye Uburenganzira bwa Muntu**

Kuva tariki ya 10 Ukuboza 2007 ubwo hizihizwaga Umunsi mpuzamahanga w'Uburenganzira bwa Muntu ku Isi hose, hatangijwe ku mugaragaro umwaka uzakorwamo ibikorwa bijyanye n'Isabukuru ya 60 y'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu yagombaga kwizihizwa tariki ya 10 Ukuboza 2008, hanashyirwaho insanganyamatsiko y'umwaka yiswe : « Icyubahiro cya Muntu n'Ubutabera kuri bose ». Ni muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda yakoze ibikorwa bitandukanye byashojwe no kwizihiza iyo sabukuru ku wa 10 Ukuboza 2008.

- **Isura ry'amagereza mu cyumweru cyahariwe kwita ku bantu bafunzwe (6-12 Ukuboza 2009) mu rwego rwo kwizihiza isabukuru ya 60 y'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu**

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu rwego rwo kwizihiza isabukuru ya 60 y'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yubahirije gahunda yagenwe n'Umuryango w'Abibumbye y'icyumweru cyahariwe kuzirikana uburenganzira bw'abantu bafunzwe, guhera ku wa 6 kugeza ku wa 12 Ukuboza 2008.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ifatanyije na Minisiteri y'Ubutabera, Minisiteri y'Urubyiruko, Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu, Amashami y'Umuryango w'Abibumbye akorera mu Rwanda n'Imiryango Itegamiye kuri Leta ariyo : LIPRODHOR, ARDHO, Profemmes-Twese hamwe, CLADHO, Inama Nkuru y'itangazamakuru. Hari kandi na za Ambasade zaje muri icyo gikorwa nka Ambasade y'Ubusuwisi, Ambasade y'Ububiligi na Ambasade y'Ubuholandi. Amagereza yasuwe ni Gereza ya Butare (iri mu Ntara y'Amajyepfo) yasuwe ku wa 9 Ukwakira 2008, yari ifite abafungwa 6671; Gereza ya Mpanga (iri mu Ntara y'Amajyepfo) yasuwe ku wa 10 Ukwakira 2008, yari ifite abafungwa 7115 na Gereza ya Nsinda (iri mu Ntara y'Iburasirazuba) yasuwe ku wa 11 Ukwakira 2008, yari ifite abafungwa 6339.

Hasuye Gereza zitandukanye hagamijwe kureba niba imibereho y'abafungwa ijyanye n'agaciro ka muntu gakwiye guhabwa abafungwa no kureba niba uburenganzira bwabo ku butabera bwubahirizwa. Minisitiri w'Urubyiruko, Abayobozi ba Komisiyo n'aba za Minisiteri baboneyeho kandi gukangurira ubuyobozi bwa za gereza ku masezarano mpuzamahanga arengera uburenganzira bw'abafungwa.

Muri icyo cyumweru, Komisiyo yayoboye igikorwa cyo gusura amagereza atatu yo mu Gihugu hagamijwe kurinda no kurengera uburenganzira bw'abantu bafunzwe. Icyo gikorwa cyabanjirijwe no gusura Gereza Nkuru ya Kigali ku wa 21 Kanama 2008. Kuri iyo tariki yari ifite abantu bayifungiwemo bagera ku 3.795 hagamijwe gutegura isura ry'andi magereza mu cyumweru cyahariwe kwita ku bantu bafunzwe.

- **Mu birebana no kurengera uburenganzira bw'abantu bafunzwe**

Mu rwego rwo kurengera uburenganzira bw'abantu bafunzwe, byagaragaye ko inzego zose zahagarariwe mu isura rya Gereza ziboneye kandi zigira imyumvire imwe ku birebana n'imibereho yabo, bityo bamwe mu bahagarariye Minisiteri bakaba baremeye ko bagiye kujyana bimwe mu bibazo mu Nama y'Abaminisitiri kugira ngo bifatirwe ibyemezo. Urugero ni nka Minisitiri w'Urubyiruko wavuze ko ikibazo cy'abana bato (munsi y'imyaka 3) bari kumwe na ba nyina muri gereza azakigeza ku Nama y'Abaminisitiri kugira ngo ikigeho hagamijwe gushakira abo bana ahandi batura.

Hashingiwe ku ngingo ya 9 n'iya 10 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Imbonezamubano no mu bya Politiki no ku Mubumbe w'Amategeko ntarengwa yita ku bantu bafunzwe yemejwe ku wa 31 Nyakanga 1957 na Kongere y'Umuryango w'Abibumbye mu birebana n'ikumira ry'ibyaha n'ihana ry'abakoze ibyaha, isura rya gereza ryibanze kuri ibi bikurikira :

- Imibereho y'abantu bafunzwe ;
- Imiterere y'amadosiye y'abantu bafunzwe ;
- Imibereho y'abantu b'igitsina gore bafunzwe n'abagore bafunganywe n'impinja n'incuke zabo ;
- Abana bafunzwe n'abafite ubwandu bw'agakoko gatera SIDA.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu birebana n'imibereho y'abantu bafunzwe muri rusange, abasuye gereza basanze ku bufatanye bwa Leta (Gereza) n'abaterankunga (nka Global Fund), Imiryango idaharanira inyungu (nka Partners in Health, CICR, Prison Fellowship) n'abandi benshi bigira uruhare mu kuzahura imibereho y'abantu bafunzwe.

Abasuye amagereza basanze, uretse muri Gereza ya Mpanga, izindi Gereza zifite ikibazo cy'umubare munini w'abantu bazifungiwemo ugereranyije n'umubare w'abantu zagenewe kwakira. Ibyo bigira ingaruka ku mibereho yabo muri rusange, urugero ni isuku idahagije ihari.

Abasuye gereza basanze abantu bafunzwe basurwa n'imiryango yabo kabiri mu kwezi kandi bemerewe kugira amafaranga abafasha kwigurira ibyo bakeneye byunganira amafunguro bahabwa muri gereza.

Bahabwa n'umwanya uhagije w'imyidagaduro n'uwo gukora imirimo ibungukira nko kuboha uduseke ku bagore, gukanika imodoka, imirimo y'ubuhinzi n'ibindi.

Mu magereza yasuwe, hagaragaye ibibazo by'ihahamuka cyane cyane ku bagore bafunzwe igihe kirekire. Icyo kibazo ni icy'ingutu mu gihe mu Gihugu cy'u Rwanda nta bantu bazobereye mu byo gutanga inama zihumuriza abafite ibibazo by'ihahamuka (psycho-social counseling expertise) kebera ko bakiri bacye cyane cyangwa bataboneka.

Abagore bafunganywe n'impinja n'incuke zabo bitabwaho by'umwihariko, izo mpinja n'incuke zihabwa ifunguro ryihariye (porici, imbuto, amata n'ibindi), ibikoresho by'isuku, n'ibindi nk'amashuka, ibiringiti, amabase, imyenda, inkweto, ibitenge n'ibindi.

Ababana n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA bahabwa amafunguro yihariye n'imiti igabanya ubukana bw'ako gakoko. Abo nabo hamwe n'abandi bafite uburwayi budakira bahabwa uruhusa rwo gusurwa n'imiryango yabo kenshi kurusha abandi.

Mu byerekeranye n'imiterere y'amadosiye y'abantu bafunzwe, abasuye gereza baganiriye n'abantu bafunzwe bababwira ko hari bamwe muri bo batinda kuburanishwa, abandi nabo bakaba barangiza ibihano byabo ntibarekurwe. Uwari uhagarariye Minisiteri y'Ubutabera mu basuye gereza yasobanuye ko hari ingamba zafashwe kugira ngo ibyo bibazo bikemuke :

- Mu nkiko hashyizweho itsinda rishinzwe kurangiza ibirarane by'amadosiye ;
- Hashyizweho abacamanza basinye kontaro kugira ngo barangize amadosiye ahari ;
- Hashyizweho inzu zigenewe gufasha abatishoboye (MAJ). Izo nzu zifite inshingano zo kugera ku bantu bafunzwe bafite imanza bifuza gufashwa mu birebana no kurenganurwa.

Mu byerekeranye n'abana bafunzwe, abasuye gereza basanze abo bana bitabwaho by'umwihariko kubera ikigero barimo. Abo bana bose bajya kuburana imanza zijyanye n'ibyaha bashinjwa bafite ababunganira.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- **Mu birebana no kurinda ubureganzira bw'abantu bafunzwe**

Abantu bafunzwe bashimishijwe no kuba barasuwe na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu no kuba, ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburenganzira bwa Muntu, yarabahaye impano zirimo imyenda y'abana, ibitenge, ibikoresho byo kwisukura, amasahani, ibitabaro byo kwihanagura amazi bamaze koga n'amashuka.

Kuba itangazamakuru (Radiyo na Televiziyo) naryo ryaragiye ritumirwa mu isura ry'amagereza byatumye abaturage bibutswa ko abafungwa nabo bafite uburenganzira bugomba kubahirizwa.

Nyuma y'iryo sura ry'amagereza, hashingiwe na none ku byo Komisiyo yabonye nyuma y'Amabwiriza ya Minisitiri w'Umutekano ku isurwa rihoraho, Komisiyo yandikiye Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu ibaruwa nº CRDH/664/08 yo ku wa 3 Ugushyingo 2008 imushyikiriza raporo ku isura ry'amagereza, isaba gukora ibishoboka ibyifuzonama yatanze bigashyirwa mu bikorwa kugira ngo uburenganzira bw'abantu bafunzwe burusheho kubahirizwa. Kopi y'iyo baruwa ikaba yarashyikirijwe Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta.

Ku wa 4 Ukuboza 2008, Komisiyo yagiranye inama na Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu baganira kuri raporo yakozwe.

Ku itariki ya 8 Ukuboza 2008, Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu yandikiye Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe ibaruwa nº 1934/0808/3 amumenyesha ingamba zafashwe ku bibazo byagaragajwe na Komisiyo. Komisiyo yashyikirijwe kopi y'iyo baruwa.

Komisiyo irasaba ko ibyifuzonama byayo bitafatiwe ingamba nabyo byitabwaho. Ni muri urwo rwego yongeye kwibutsa ko abakatiwe igihano cy'igifungo cya burundu cyihariye basurwa n'imiryango yabo kuko binyuranyije n'Amasezerano Mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu kandi akaba afite agaciro gasumba ak'amategeko ngenga n'amategeko asanzwe.

Komisiyo izakomeza gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzonama ku bibazo yagaragaje n'ingamba zafashwe na Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu kugira ngo imibereho y'abantu bafunzwe irusheho kuba myiza.

Komisiyo yasanze isura rya gereza rihuriweho n'inzego zinyuranye za Leta n'Imiryango idaharanira inyungu ari igikorwa cyabaye ingirakamaro cyane mu cyumweru cyahariwe kwita ku bantu bafunzwe, guhera ku wa 6 kugeza ku wa 12 Ukuboza 2008 mu rwego rwo kurinda no kurengera uburenganzira bw'abantu bafunzwe. Kubera iyo mpamvu, Komisiyo irateganya kuzajya ikora icyo gikorwa inshuro nyinshi.

- **Gukangurira abanyeshuri biga mu mashuri makuru na Kaminuza ibikubiye mu Itangazo Mpuzamahanga ku Burenganzira bwa Muntu**

Mu rwego rwo gukangurira abayobozi, abarimu n'abanyeshuri ba kaminuza n'amashuri makuru, amahame y'Uburenganzira bwa Muntu akubiye mu Itangazo mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu, Komisiyo yakoresheje ibiganirompaka bitandukanye muri amwe mu mashuri makuru, abarimu bagiramo uruhare runini batanga ibiganiro ku ruhare rw'inyigisho y'uburenganzira bwa muntu mu mashuri makuru.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

*
* *

- **Kumenyekanisha Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu mu Gihugu**

Kubera ko Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye Uburenganzira bwa Muntu ritazwi cyane mu Banyarwanda, Komisiyo yarihinduye mu rurimi rw'Ikinyarwanda, irisakaza mu ndimi zose zikoreshwa mu gihugu kugira ngo buri wese aryumve kandi arikurikize. Izo nyandiko zikubiyemo ibiri mu Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu zaratubuwe zinakwirakwizwa mu byiciro byinshi by'imbaga y'abantu.

Komisiyo yaboneyeho no gusaba ko buri Munyarwanda yamenya amahame akubiye muri iryo Tangazo Mpuzamahanga ku Burenganzira bwa Muntu, kuko ni rimwe mu mategeko Igihugu cyacu kigenderaho kuko Itegeko Nshinga riryemera.

- **Kumenyekanisha Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu mu mashuri yisumbuye yo mu Rwanda**

Kugira ngo amahame akubiye mu Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu arusheho gucengera mu banyeshuri, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ibitewemo inkunga n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana yakoresheje amarushanwa y'imivugo no gushushanya kuri ayo mahame y'Uburenganzira bwa Muntu mu mashuri yatoranyijwe mu Ntara zose z'Igihugu n'Umujyi wa Kigali, ababaye aba mbere bakaba barahawe ibihembo byabo mu muhango wo kwizihiza ku nshuro ya 60 iryo tangazo, tariki ya 10 Ukuboza 2008.

Na none mu rwego rwo kugira ngo amahame y'Uburenganzira bwa Muntu ari mu masezerano mpuzamahanga azirikanwe mu rwego rw'uburenganzira bw'umwana, hakoreshejwe itangazamakuru, Komisiyo ifatanyije na Minisiteri y'Itangazamakuru bahuje abanyamakuru n'icyiciro cy'abana batsinze amarushanwa y'imivugo no gushushanya ku burenganzira bwa muntu. Baganiriye ku ruhare rw'Itangazamakuru mu kurengera uburenganzira bw'umwana.

- **Kwizihiza isabukuru ya 60 y'umunsi wahariwe kwibuka Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu ku wa 10 Ukuboza 2008**

Mu Rwanda, kimwe no mu bindi bihugu byibumbiye mu muryango w'Abibumbye, ku wa 10 Ukuboza 2008 wari umunsi wahariwe kwizihiza ku nshuro ya 60 Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu. Uwo munsi wizihirijwe ku rwego rw'Igihugu mu Ntara y'amajyepfo mu Karere ka Kamonyi. Kuri uwo munsi, umushyitsi mukuru yari Minisitiri w'Itangazamakuru, Madamu MUSHIKIWABO Louise, hari kandi n'abayobozi bandi barimo Guverineri w'Intara y'Amajyepfo.

Muri ibyo birori, Minisitiri w'Itangazamakuru yagarutse ku nsanganyamatsiko ikubiye muri iryo tangazo uwo munsi twizihizaga ndetse anibanda ku mateka y'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu. Yongeye kugaruka ku ihungabanywa ry'Uburenganzira bwa Muntu. Yatanze n'urugero rw'ihohoterwa riherutse gukorerwa Umuyobozi wa « Protocole » y'u Rwanda KABUYE Rosa wafashwe

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

bidakurikije amategeko mu gihugu cy'Ubudage. Yongeye kugaruka ku buryo Uburenganzira bwa Muntu buharanirwa kugira ngo umuntu abugereho kandi anavuga ko itangazamakuru ari rimwe mu nzira zikoreshwa mu kwigisha abantu guharanira uburenganzira bwabo ubwo ari bwo bwose.

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, Madamu KAYITESI Zaïnabo Sylvie, yagarutse ku nsanganyamatsiko y'umwaka w'2008 nk'uko yagenwe n'Umuryango w'Abibumbye (« Agaciro n'Ubutabera kuri bose ») no ku mpamvu y'uwo munsi mukuru ngarukamwaka twizihizaho iryo Tangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu. Yongeyeho kandi ko uriya munsi ari umwanya w'ingenzi kugira ngo ibihugu byose bigize Isi, harimo n'u Rwanda, bisubize amaso inyuma, byisuzume kandi byibaze icyakozwe muri iyo myaka 60 ishize kugira ngo agaciro ka Muntu n'ubutabera kuri buri muntu byubahirizwe ; kuko ubutabera n'agaciro ka muntu ari umusingi n'inkingi shingiro ry'umuryango w'abantu ku Isi hose. Ni indangagaciro ishingirwaho mu iterambere rirambye. Yongeyeho ko umuryango w'abantu utabaho ngo usugire kandi usagambe ugere ku iterambere, igihe cyose ubutabera n'agaciro ka muntu byirengagijwe cyangwa se bititaweho.

- **Inama nyunguranabitekerezo ku burenganzira bw'umwana n'itangazamakuru**

Mu rwego rw'ibikorwa byo kwizihiza isabukuru y'imyaka 60 y'itangazo mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu, ku wa 8 Ukuboza 2008, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakoresheje inama nyunguranabitekerezo y'umunsi umwe ku burenganzira bw'umwana n'itangazamakuru. Iyo nama yahurije abanyamakuru, abana n'abandi bantu bose bafite uruhare mu itangangazamakuru kugira ngo hagaragazwe uburyo bwiza itangazamakuru ryagira uruhare mu guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana nk'uko byasabwe n'abana mu nama no mu mahuriro atandukanye. Iyo nama yatangijwe ku mugaragaro na Minisitiri w'Itangazamakuru, isozwa na Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire.

Umwe mu myanzuro y'iyo nama wabaye gushyiraho ishyirahamwe ry'abanyamakuru baharanira uburenganzira bw'umwana. Abanyamakuru bari muri iyo nama bahise bashyiraho iryo shyirahamwe ndetse batora ubuyobozi bwaryo, banaganira ku nshingano z'iryo shyirahamwe.

- **Ikiganiro n'abanyamakuru ku wa 9 Ukuboza 2008**

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ifatanyije na Minisiteri y'Ubutabera yakoresheje, ku wa 9 Ukuboza 2008, ikiganiro n'abanyamakuru cyibanze ku mahame akubiye mu Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu no ku Masezerano Mpuzamahanga Akumira Akanahana Icyaha cya Jenoside.

- **Isakazamakuru mu bikorwa byo kwizihiza isabukuru ya 60 y'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu**

Mu gushyira mu bikorwa ibyari byateganyijwe mu rwego rwo kwizihiza isabukuru ya 60 y'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu mu gihe kingana n'umwaka cyari cyagenwe n'Umuryango w'Abibumbye, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakoresheje itangazamakuru ritandukanye mu rwego rwo kugeza ibikorwa byayo mu mpande zose z'Igihugu kandi inamenyekanisha iryo tangazo. Ni muri ubwo buryo hakoreshejwe itangazamakuru ryaba itangazamakuru ryandika, irikoresha amashusho,

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

irikoresha amajwi ndetse n'irikoresha amajwi n'amashusho. Ibikorwa byose byakozwe, itangazamakuru ryabaga ryatumiwe.

Bimwe muri ibyo bikorwa, twavuga nk'inama yahuje abanyamakuru n'abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye, aho baganiraga ku mahame akubiye mu Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu ndetse n'uburyo bwo kurengera no guteza imbere uburenganzira bw'umwana. Icyo kiganiro cyatambutse kuri televiziyo no ku maradiyo atandukanye yo mu gihugu.

Gusura amagereza byagiye bica ku maradiyo, byanditswe mu binyamakuru bya Leta, bivugwa mu biganiro byaciye kuri televisiyo kuko byakorwaga abanyamakuru batumiwemo. Ibiganiro muri za kaminuza n'amashuri makuru yo hirya no hino mu gihugu byatambutse ku ma Radiyo.

Komisiyo kandi yizera ko ibyo bikorwa byongereye imyumvire y'Abanyarwanda benshi ku bijyanye n'amahame n'amategeko arengera Uburenganzira bwa Muntu, by'umwihariko amahame akubiye mu Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu.

3.1.2. Kwigisha Abanyarwanda Uburenganzira bwa Muntu

Mu mwaka w'2008, Komisiyo yahuguye abantu b'ingeri zinyuranye mu bijyanye n'Uburenganzira bwa Muntu : Urubyiruko rw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi, abanyeshuri bari muri "club" y'Uburenganzira bwa Muntu yo muri "Institut Fraternité Baptiste de Kigali" (IFBK), abarimu bo mu mashuri yisumbuye bigisha isomo ry'uburere mboneragihugu, abakorerabushake b'Uburenganzira bwa Muntu, amashyirahamwe y'urubyiruko, inzego z'urubyiruko, abihaye imana n'abayobozi bo mu nzego z'ibanze.

A. Abayobozi b'urubyiruko rw'Abadiventisiti bazahugura abandi

Kuva ku wa 28 kugeza ku wa 29 Gashyantare 2008, mu Kigo cya LMS cy'Abadiventisiti, Komisiyo yahuguye abayobozi b'urubyiruko rw'Abadiventisiti 75 baturutse mu Ntara zose. Bahawe amasomo akurikira :

- Amahame remezo y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Uburenganzira bwa Muntu mu Itegeko Nshinga rya Repubilika y'u Rwanda ;
- Uburenganzira bw'umwana ;
- Uburenganzira bw'umugore ;
- Amasezerano mpuzamahanga akumira akanahana icyaha cya jenoside, n'amategeko y'u Rwanda ahana icyaha cya jenoside, ivangura no gukurura amacakubiri ;
- Uburenganzira bwa Muntu mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco.

B. Abayobozi na bamwe mu bakozi b'inzego z'ibanze

Kuva ku wa 4 kugeza ku wa 6 Ugushyingo 2008, Komisiyo yahuguye abayobozi bo mu nzego z'ibanze 148 bo mu Murenge wa Mimuri, Akarere ka Nyagatare. Hatanzwe inyigisho zikurikira :

- Komisiyo n'inshingano zayo ;
- Amahame remezo y'Uburenganzira bwa Muntu ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Uburenganzira bwa Muntu mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco ;
- Amasezerano mpuzamahanga akumira akanahana icyaha cya jenoside, n'amategeko y'u Rwanda ahana icyaha cya jenoside, ivangura no gukurura amacakubiri ;
- Uburenganzira n'inshingano by'umwenegihugu mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda no mu Masezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage ;
- Uburenganzira bw'umwana mu mategeko y'u Rwanda no mu Masezerano Mpuzamahanga ;
- Uburenganzira bw'umugore mu Masezerano mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda.

C. Amashyirahamwe y'urubyiruko

Kuva ku wa 11 kugeza ku wa 12 Kamena, Komisiyo yahuguye abanyamuryango 260 bo mu mashyirahamwe y'urubyiruko yo mu Karere ka Rulindo, mu Ntara y'Amajyaruguru.

Hatanzwe inyigisho zikurikira :

- Inshingano n'imiterere ya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Amahame remezo y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Uburenganzira bw'umwana mu mategeko y'u Rwanda no mu Masezerano Mpuzamahanaga ;
- Uburenganzira bw'umugore mu Masezerano Mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda ;
- Uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco.

D. "Club" z'Uburenganzira bwa Muntu

Kuva ku wa 24 kugeza ku wa 25 Mata, mu Kigo cy'ishuri rya "Institut Baptiste de Kigali" (IFBK) riri ku Kacyiru, Komisiyo yahuguye abanyeshuri 60 bo muri iryo shuri bagize "club" y'Uburenganzira bwa Muntu.

Hatanzwe inyigisho zikurikira :

- Komisiyo y'igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu n'inshingano zayo ;
- Amahame remezo y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Uburenganzira bw'umwana mu Masezerano mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda ;
- Uburenganzira bw'umugore ;
- Uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco.

E. Abagize komite z'urubyiruko mu Karere ka Gasabo

Kuva ku wa 7 kugeza ku wa 8 Kamena 2008, mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kinyinya, Komisiyo yahuguye abantu 70 bagize komite z'urubyiruko mu Karere.

Amahugurwa yibanze ku masomo akurikira :

- Amahame remezo y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Uburenganzira bwa muntu mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ;
- Uburenganzira bw'umwana mu masezerano mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Uburenganzira bw'umugore n'amategeko aburengera ;
- Amaserano mpuzamahanga akumira akanahana icyaha cya jenoside n'amategeko y'u Rwanda ahana icyaha cya jenoside, ivangura no gukurura amacakubiri ;
- Uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco.

F. Abarimu bigisha uburere mboneragihugu

Muri Kamena 2008, ku matariki anyuranye, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yahuguye abarimu bo mu mashuri yisumbuye yigisha uburere mboneragihugu.

Imbonerahamwe ikurikira iragaraza uko amahugurwa yatanzwe.

Itariki	Akarere	Aho amahugurwa yabereye	Umubare
6-7 /7/2008	Musanze, Gakenke	Centre Pastoral N. D. de Fatima	42
	Gicumbi, Rulindo	EER-Byumba	89
	Nyabihu,Rubavu, Ngororero		85
	Karongi, Rutsiro	Home St Jean	51
	Gatsibo, Nyagatare	Nyagatare	49
	Umujyi wa Kigali	Centre St Fracois d'Assise	73
13-14/6/2008	Nyamasheke, Rusizi	Centre Pastoral Incuti	74
	Nyamagabe, Nyaruguru		42
	Rwamagana, Kayonza, Bugesera	Centre d'Accueil AVEGA Rwamagana	58
	Huye, Nyanza, Gisagara	Icyumba cy'inama cya Hotel Escale du du Sud	92
	Ngoma, Kirehe	Centre St Joseph	43
	Muhanga, Ruhango, Kamonyi	CEFOKA Muhanga	86
Bose Hamwe			**784**

Inyigisho zatanzwe :

- Amahame remezo y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Uburyo mpuzamahanga n'ubwo mu gihugu bwo kurinda no kurengera uburenganzira bwa muntu ;
- Uburenganzira bwa muntu mu masezerano mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda ;
- Uburenganizira bwa Muntu mu by'imbonezamubano na politiki ;
- Uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco ;
- Uburenganzira bw'umugore mu masezerano mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda ;
- Uburenganzira bw'umwana mu masezerano mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda ;
- Amasezerano mpuzamahanga akumira akanahana icyaha cya jenoside n'amategeko y'u Rwanda ahana icyaha cya jenoside, ivangura no gukurura amacakubiri.

Mu rwego rwo guhugura abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye, hateguwe kandi ibitabo bikubiyemo :

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Amasezerano Mpuzamahanga y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Amasezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Amwe mu mategeko y'u Rwanda yerekeye Uburenganzira bwa Muntu ;
- Amwe mu Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bwa Muntu yasemuwe mu Kinyarwanda ;
- Agatabo gakubiyemo Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

G. Abanyamadini

Mu mwaka w'2008, Komisiyo yahuguye abayobozi b'amadini anyuranye. Kuva ku wa 12 kugeza ku wa 14 Kamena 2008, i Butare, hahuguwe abanyamadini 65 bibumbiye mu Ihuriro « Umbrella des confessions religieuses ».

Kuva ku wa 29 Nzeri kugeza ku wa 1 Ukwakira 2008, muri Centre Guest House S^{t} Joseph i Kibungo, hahuguwe abihaye Imana (abapadiri, ababikira, abafurere n'abalayiki) 42 bo muri Diyosezi ya Kibungo.

Amasomo yatanzwe :

- Inshingano n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Amahame remezo y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Uburenganzira n'inshingano by'umwenegihugu mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda no mu Masezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage ;
- Uburenganzira bwa Muntu mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco ;
- Uburenganzira bw'umwana mu masezerano mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda ;
- Uburenganzira bw'umugore mu masezerano mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda ;
- Amasezerano mpuzamahanga akumira akanahana icyaha cya jenoside n'amategeko y'u Rwanda ahana icyaha cya jenoside, ivangura no gukurura amacakubiri ;
- Ubukirisitu n'uburenganzira bwa muntu ;
- Uruhare rw'amadini mu kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa muntu ;
- Icyubahiro n'ubutabera kuri bose.

K. Abasigajwe inyuma n'amateka

Nk'uko biri mu nshingano zayo, ibisabwe kandi na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Imiyoborere Myiza, mu mwaka w'2008 Komisiyo yahuguye Abatwa bibumbiye mu mashyirahamwe anyuranye.

Imbonerahamwe irerekana uko ayo mahugurwa yatanzwe :

Itariki	Akarere	Umubare
30/9-1/10/2008	Nyaruguru	190
2-3/10/2008	Nyamagabe	52
9-10/10/2008	Rulindo, Gicumbi	59
13-14/10/2008	Bugesera	99

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

	Nyamasheke	90
14-15/10/2008	Rwamagana	69
	Muhamga	137
15-16/10/2008	Rusizi	72
16-17/10/2008	Kamonyi	83
	Kayonza	87
14-17/10/2008 ; 30-31/10/2008	Karongi	348
BOSE HAMWE		**1.286**

Insanganyamatsiko z'inyigisho :

- Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu n'inshingano zayo ;
- Amahame remezo y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Uburenganzira n'inshingano by'umwenegihugu mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ;
- Uburenganzira bw'umwana mu mategeko y'u Rwanda ;
- Uburenganzira bw'umugore mu mategeko y'u Rwanda ;
- Uburenganzira bwa Muntu mu by'imbonezamubano na politiki.

L. Amahugurwa y'Abavoka, Abagenzacyaha n'Abashinjacyaha

Ku bufatanye n'Ibiro by'Umuyobozi w'Amashami y'Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda, Komisiyo yateguye amahugurwa agenewe Abavoka, Abagenzacyaha n'Abashinjacyaha 54. Ayo mahugurwa, yabereye mu Karere ka Gicumbi kuva ku wa 17 kugeza ku wa 18 Ukuboza 2008, yari afite insanganyamatsiko ikurikira : « Uruhare rw'Ubutabera mu kurengera Uburenganzira bwa Muntu ».

Muri ayo mahugurwa, Komisiyo yatanze ibiganiro bikurikira :

- Uburenganzira bwo kwiregura ;
- Uburenganzira ku rubanza ruciye mu mucyo ;
- Amategeko Mpuzamahanga n'amategeko y'u Rwanda akumira akanahana icyaha cy'iyicarubozo.

*
* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.2. GUTANGA IBITEKEREZO IBISABWE CYANGWA IBYIBWIRIJE KU MISHINGA Y'AMATEGEKO YEREKEYE IBIBAZO BIJYANYE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU (ingingo ya 4 [7°])

Mu mwaka w'2008 Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ibyibwirije yasuzumye kandi itanga ibitekerezo ku mushinga w'itegeko ryerekeye igitabo cy'amategeko ahana. Ibyo bitekerezo Komisiyo yabikurikiranye muri Komisiyo ya politiki y'Umutwe w'Abadepite yasuzumye uwo mushinga w'itegeko.

Komisiyo yakurikiranye kandi muri iyo Komisiyo y'Umutwe w'Abadepite isuzumwa ry'indi mishinga y'amategeko ibiri yatanzeho ibitekererezo mu mwaka w'2007 ariyo ikurikira :

- Umushinga wi'itegeko rigenga itangazamakuru ;
- Umushinga w'itegeko rigena imiterere n'imikorere by'Inama Nkuru y'Itangazamakuru.

Iyo mishinga ibiri yanakurikiranwe muri Komisiyo ya Politiki ya Sena yayisuzumye.

Na none muri Komisiyo y'Imibereho Myiza y'Umutwe w'Abadepite na Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Uburenganzira bwa Muntu ya Sena, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakurikiranye isuzumwa ry'umushinga w'itegeko rishyiraho sitati rusange y'abakozi ba Leta nawo yatanzeho ibitekerezo mu mwaka wa 2007.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.3. GUSHISHIKARIZA INZEGO ZA LETA ZIBISHINZWE KWEMEZA AMASEZERANO MPUZAMAHANGA YITA KU BURENGANZIRA BWA MUNTU NO KUYINJIZA MU MATEGEKO IGIHUGU KIGENDERAHO (ingingo ya 4 [8°])

Muri urwo rwego, mu mwaka w'2008, Komisiyo ishingiye ku ibaruwa n° 0988/09.01/CAB/SG/AJ/08 yo ku wa 22 Mata 2008 y'Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane isaba inama ku bijyanye no kwemeza burundu Amasezerano Nyafurika yerekeye Demokarasi, Amatora n'Imiyoborere (African Chater on Democracy, Elections and Governance), Komisiyo yandikiye, ku wa 17 Ukwakira 2008, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane ibaruwa n° CRDH/635/08 imugezaho ibisobanuro kuri ayo Masezerano Nyafurika n'inyungu u Rwanda rufite mu kuyemeza burundu.

Komisiyo yagaragaje ko ayo Masezerano u Rwanda rukwiye kuyemeza burundu kugira ngo imiyoborere myiza, uruhare rw'abaturage mu miyoborere, Leta igendera ku mategeko kandi yubahiriza Uburenganzira bwa Muntu birusheho gushimangirwa no kubahirizwa mu gihugu.

Na none mu rwego rwo gushishikariza inzego za Leta zibishinzwe kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yita ku Burenganzira bwa Muntu, Komisiyo yandikiye, ku wa 28 Gashyantare 2008, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane ibaruwa n° CRDH/086/08 imusaba gusuzuma uburyo Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga yakwemezwa burundu.

Muri iyo baruwa, Komisiyo yagaragaje ko ari ngombwa kwemeza burundu ayo Masezerano Mpuzamahanga kugira ngo ingamba ziboneye zo kurengera uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga u Rwanda rwamaze gushyira mu Itegeko Nshinga ryarwo ryo ku 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu mu ngingo yaryo ya 14 hamwe no mu itegeko n° 01/2007 ryo ku wa 20 Mutarama 2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange, zongere zishimangirwe no mu rwego mpuzamahanga.

Ku bijyanye no kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bwa Muntu, Komisiyo isanga umwaka w'2008 wararangiye Leta y'u Rwanda iteye intambwe ishimishije mu bijyanye no gushyiraho Amategeko yemerera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa Muntu hamwe n'Amateka ya Perezida yemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bwa Muntu.

Muri urwo rwego hashyizweho amategeko yemerera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga ni akurikira :

- Itegeko n° 002/2008 ryo ku wa 14 Mutarama 2008 ryemerera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga agamije kurwanya iyicarubozo n'ibindi bikorwa cyangwa ibihano by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro, yashyiriweho umukono i New York ku wa 10 Ukuboza 1984 ;

- Itegeko n° 003/2008 ryo ku wa 14 Mutarama 2008 ryemerera kwemeza burundu umugereka wa kabiri udahatirwa ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

by'Imbonezamubano no mu bya Politiki werekeye ivanwaho ry'igihano cyo kwicwa, washyiriweho umukono i New York ku wa 15 Ukuboza 1989 ;

- Itegeko n° 001/2008 ryo ku wa 14 Mutarama 2008 ryemerera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye kurinda abana no gufatanya mu byerekeye kubera umubyeyi umwana utabyaye mu rwego mpuzamahanga yashyiriweho umukono i La Haye mu Buholandi ku wa 29 Gicurasi 1993 ;

- Itegeko n° 27/2008 ryo ku wa 23 Nyakanga 2008 ryemerera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yo kurengera uburenganzira bw'abakozi b'abimukira n'ubw'imiryango yabo yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye mu cyemezo cyayo n° 45/158 cyo ku wa 18 Ukuboza 1990 ;

Hashyizweho kandi amategeko yemerera kuvanaho ukwifata ku Masezerano Mpuzamahanga akurikira :

- Itegeko n° 004/2008 ryo ku wa 14 Mutarama 2008 ryemerera kuvanaho ukwifata kwa Repubulika y'u Rwanda ku ngingo ya 13 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu bijyanye n'Ubukungu, mu Mibereho Myiza n'Umuco, yashyiriweho umukono i New York ku wa 16 Ukuboza 1966 ;

- Itegeko n° 66/2007 ryo ku wa 31 Ukuboza 2007 ryemerera kuvanaho ukwifata kwa Repubulika y'u Rwanda ku ngingo ya 22 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye ikurwaho ry'ivanguramoko iryo ari ryo ryose, yashyiriweho umukono i New York ku wa 21 Ukuboza 1965 ;

- Itegeko n° 28/2008 ryo ku wa 23 Nyakanga 2008 ryemerera kuvanaho ukwifata kwa Repubulika y'u Rwanda ku ngingo ya 26 y'Amasezerano Mpuwamahanga yerekeye impunzi yashyiriweho umukono i Genève ku wa 28 Nyakanga 1951, hamwe n'ukwifata k'u Rwanda ku ngingo ya 4 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye impunzi yashyiriweho umukono i New York ku wa 31 Mutarama 1967 ;

- Itegeko n° 65/2007 ryo ku wa 31 Ukuboza 2007 ryemerera kuvanaho ukwifata ku ngingo ya 9 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye gukumira no guhana icyaha cya jenoside, yashyiriweho umukono i New York ku wa 9 Ukuboza 1948.

Hashyizweho na none Amateka ya Perezida avanaho ukwifata ku Masezerano Mpuzamahanga hamwe n'ayemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bwa Muntu akurikira :

- Iteka rya Perezida n° 48/01 ryo ku wa 5 Nzeri 2008 rivanaho ukwifata ku ngingo ya 9 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye gukumira no guhana icyaha cya jenoside, yashyiriweho umukono i New York ku wa 9 Ukuboza 1948 ;

- Iteka rya Perezida Perezida n° 49/01 ryo ku wa 5 Nzeri 2008 rivanaho ukwifata ku ngingo ya 22 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye gukuraho ivanguramoko iryo ari ryo ryose, yashyiriweho umukono i New York ku wa 21 Ukuboza 1965 ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Iteka rya Perezida n° 50/01 ryo ku wa 5 Nzeri 2008 rivanaho ukwifata ku ngingo ya 13 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Ubukungu, mu by'Imibereho Myiza no mu by'Umuco yashyiriweho umukono i New York ku wa 16 Ukuboza 1966 ;

- Iteka rya Perezida n° 51/01 ryo ku wa 5 Nzeri 2008 ryemeza kandi rihamya burundu Amasezerano Mpuzamahanga agamije kurwanya iyicarubozo n'ibindi bikorwa bibabaza umubiri n'ubwenge kandi bitesha umuntu agaciro, yashyiriweho umukono i New York ku wa 10 Ukuboza 1984 ;

- Iteka rya Perezida n° 52/01 ryo ku wa 5 Nzeri 2008 ryemeza kandi rihamya burundu umugereka wa kabiri ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Imbonezamubano no mu bya Politiki werekeye ivanwaho ry'igihano cyo kwicwa, washyiriweho umukono i New York ku wa 15 Ukuboza 1989 ;

- Iteka rya Perezida n° 51/01 ryo ku wa 31 Ukuboza 2007 ryemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga y'i Kyoto yo ku wa 6 Werurwe 1998 ashamikiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye ihindagurika ry'igihe ;

- Iteka rya Perezida n° 52/01 ryo ku wa 31 Ukuboza 2007 ryemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yateguriwe gushyirwaho umukono i Bonn ku wa 23 Kamena 1979 agamije kubungabunga inyamaswa z'agasozi zihora zimuka ;

- Iteka rya Perezida n° 53/01 ryo ku wa 31 Ukuboza 2007 ryemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yemejwe i Ramsar ku wa 2 Gashyantare 1971 yerekeye kubungabunga ahantu hahehereye hafite akamaro ku rwego mpuzamahanga, ku bw'umwihariko indiri y'inyoni zo mu mazi ;

- Iteka rya Perezida n° 54/01 ryo ku wa 31 Ukuboza 2007 ryemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga y'i Cartagena yateguriwe gushyirwaho umukono i Naïrobi guhera tariki ya 15 kugeza tariki ya 26 Gicurasi 2000 n'i New York guhera tariki ya 5 Kamena 2000 kugeza ku ya 4 Kamena 2001 yerekeye umutekano w'urusobe rw'ibinyabuzima.

Komisiyo isanga muri rusange u Rwanda rumaze gutera intambwe ishimishije mu rwego rwo kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bwa Muntu ariko ikaba yibutsa ko amategeko yemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga ashyirwaho mu gihugu akwiye kujya ahita amenyeshwa bidatinze urwego ruteganywa na buri Masezerano Mpuzamahanga kugira ngo inshingano Igihugu cyemeye zigaragazwe ku rwego mpuzamahanga kandi zirusheho kubahirizwa.

Komisiyo isanga Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bwa Muntu bigaragara ko afite umwihariko mu miterere yayo hakwiye gushyirwaho amategeko asobanura uburyo akurikizwa mu gihugu. Ibyo byarakozwe ku Masezerano Mpuzamahanga amwe n'amwe nk'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana, Amasezerano yerekeye guca burundu ivanguramoko iryo ari ryo ryose, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye gukumira no guhana icyaha cya jenoside, ariko hakaba hakiri andi Masezerano Mpuzamahanga bigaragara ko atazashobora gukurikizwa mu gihe azaba atinjijwe mu mategeko y'Igihugu. Urugero ni nk'Amasezerano Mpuzamahanga agamije

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

kurwanya iyicarubozo n'ibindi bikorwa cyangwa ibihano by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro bigaragara ko akwiye kwinjizwa mu mategeko y'u Rwanda binyuze mu itegeko ryihariye, kugira ngo ibiri muri ayo Masezerano byose byubahirizwe neza mu gihugu.

Komisiyo iributsa kandi, nk'uko yari yarasabye Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane mu ibaruwa n° CRDH/338/04 yo ku wa 11 Ukuboza 2004 ikongera kubyibutsa mu ibaruwa n° CRDH/414/07 yo ku wa 20 Kanama 2007, ko Amasezerano adahatirwa y'inyongera ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Guca Burundu Ikandamizwa ry'Abagore iryo ari ryo ryose n'Amasezerano y'Umuryango Mpuzamahanga Wita ku Murimo n° 122 yerekeye politiki y'umurimo nayo akwiye kwemezwa burundu.

Komisiyo isanga kandi Amateka ya Perezida yemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga atarashyizweho mu mwaka w'2008 akwiye gushyirwaho vuba.

Ayo Mateka ni akurikira :

- Iteka rya Perezida ryemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yo kurengera uburenganzira bw'abakozi b'abimukira n'ubw'imiryango yabo yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye mu cyemezo cyayo n° 45/158 cyo ku wa 18 Ukuboza 1990 ;

- Iteka rya Perezida ryemeza kuvanaho ukwifata kwa Repubulika y'u Rwanda ku ngingo ya 26 y'Amasezerano Mpuwamahanga yerekeye impunzi yashyiriweho umukono i Genève ku wa 28 Nyakanga 1951, hamwe n'ukwifata k'u Rwanda ku ngingo ya 4 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye impunzi yashyiriweho umukono i New York ku wa 31 Mutarama 1967 ;

- Iteka rya Perezida ryemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye kurinda abana no gufatanya mu byerekeye kubera umubyeyi umwana utabyaye mu rwego mpuzamahanga yashyiriweho umukono i La Haye mu Buholandi ku wa 29 Gicurasi 1993 ;

- Iteka rya Perezida rivanaho ukwifata ku ngingo ya 26 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye impunzi yashyiriweho umukono i Genève ku wa 28 Nyakanga 1951, hamwe n'ukwifata ku ngingo ya 4 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye impunzi yashyiriweho umukono i New York ku wa 31 Mutarama 1967.

Kuri aya Mateka ane, amategeko yemerera kwemeza burundu no kuvanaho ukwifata ku Masezerano Mpuzamahanga avugwa yamaze gushyirwaho.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.4. GUSHISHIKARIZA INZEGO ZIBISHINZWE GUTANGIRA KU GIHE RAPORO ZISABWA KU MASEZERANO MPUZAMAHANGA YEREKEYE UBURENGANZIRA BWA MUNTU U RWANDA RWEMEJE BURUNDU (ingingo ya 4 [12°])

Mu mwaka w'2008, Komisiyo ifatanyije n'abahagarariye Minisiteri zigize itsinda rishinzwe gutegura raporo ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bwa Muntu basuzumye zimwe muri raporo ziteganywa ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bwa Muntu yemejwe burundu.

Iryo tsinda rigizwe na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Minisiteri y'Ubutabera, Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu, Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisiteri y'Uburezi, Minisiteri y'Ubuzima, Minisiteri muri Primature ishinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu rikaba ryarashyizweho mu mwaka w'2007.

Hasuzumwe raporo zijyanye n'Amasezerano adahatirwa y'inyongera ku Masezerano yerekeye uburenganzira bw'umwana zikurikira :

- Raporo ku Masezerano adahatirwa y'inyongera ku Masezerano yerekeye uburenganzira bw'umwana arebana n'igurishwa ry'abana, uburaya n'amashusho y'ibiterasoni byerekeye umwana yo ku wa 25 Gicurasi 2000 (Raporo y'ibanze) ;

Iyi raporo yagombaga kuba yaratanzwe ku wa 23 Gicurasi 2004, igaragaza ingamba na politiki Leta y'u Rwanda yashyizeho mu bijyanye no kubuza igurishwa ry'abana, uburaya n'amashusho y'ibiterasoni byerekeye umwana.

- Raporo ku Masezerano y'umugereka adahatirwa ku Masezerano yerekeye uburenganzira bw'umwana ku birebana n'ishorwa ry'abana mu ntambara yo ku wa 25 Gicurasi 2000 (raporo y'ibanze).

Iyi raporo nayo yagombaga kuba yaratanzwe ku wa 23 Gicurasi 2004, igaragaza uburyo Leta y'u Rwanda yashyize mu bikorwa ibijyanye no kubuza ishorwa ry'abana mu ntambara.

Hasuzumwe kandi raporo ebyiri, imwe irebana n'Icyemezo S-27/2 cyiswe «Isi Ibereye Abana » cyafashwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye ku wa 10 Gicurasi 2002 n'indi irebana n'Icyemezo CM/Déc.542 (LXXII) Rev.1 cyo mu kwezi kwa Nyakanga 2001 cyemejwe mu Nama ya 37 y'Abakuru b'Ibihugu n'aba Guverinoma b'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika cyiswe "Afurika ibereye abana".

Ibyo byemezo byombi bisaba Ibihugu gushyiraho gahunda z'ibikorwa zihariye zigamije kurengera uburenganzira bw'umwana kugira ngo ibyemejwe n'Abakuru b'Ibihugu n'aba Guverinoma mu mwaka w'1990 byo kugeza buri mwana ku mibereho myiza bitashoboye kuzuzwa bitunganywe kandi hanafatwe gahunda na politiki zo kurengera abana mu gihe cy'imyaka 10 kugeza ku myaka 15.

Raporo zasuzumwe zigaragaza ibyo u Rwanda rwakozwe mu bijyanye no kurengera inyungu z'umwana mu bijyanye n'iterambere, mu buzima, mu kubarinda icyorezo cya VIH/SIDA, mu burezi, mu

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

kubarinda ihohoterwa no gukorerwa ibikorwa bibi hamwe na gahunda na politiki byo mu gihe cy'imyaka 10 kugeza ku myaka 15 zijyanye no kugeza abana ku mibereho myiza.

*
* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.5. GUKURIKIRANA IBIBAZO BIREBANA N'IHOHOTERWA RY'UBURENGANZIRA BWA MUNTU BYABA IBYO KOMISIYO IGEJEJWEHO CYANGWA YIMENYEYE (ingingo ya 4 [2°])

Muri iki gice, mu mwaka w'2008, Komisiyo yakurikiranye ibirego igihumbi na magana atatu na mirongo itandatu na kimwe (1361). Hari ibirego bitagaragara muri iyi raporo kuko byacyemutse bitewe n'uko ababishyikirije Komisiyo yabagiriye inama ku buryo byacyemurwa. Ibyo Komisiyo yashyize muri iki gice ni ibifite uburemere. Impamvu Komisiyo yabishyizemo zikaba ari uko byagejejwe ku nzego zishinzwe kubikemura zikabirangarana, hari n'ibyakemutse ariko birimo ihohoterwa rikabije ku buryo byaba ikitegerererezo cy'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu. Indi mpamvu Komisiyo yabishyizemo ni ukugira ngo inzego zagize uruhare muri iryo hohoterwa zibikurikiranweho.

A. Ifata n'ifunga bidakurikije amategeko

Muri iki gice, haragaragara ibibazo by'abantu bafungwa batabanje gukorerwa dosiye, abamara igihe muri gereza bakarenza igihe giteganyijwe n'amategeko ku byerekeranye n'ifata n'ifunga by'agateganyo. Hagaragaramo kandi ibibazo by'abafungwa ntibaburanishwe mu gihe gicirirtse n'abakomeza gufungwa bararangije ibihano cyangwa bafite ibyemezo by'umucamanza bibafungura.

Iki gice kigaragaramo kandi ibirego birebana n'ifata n'ifunga bidakurikije amategeko ku bantu bakurikiranyweho ibyaha bisanzwe no ku bakurikiranyweho ibyaha bya jenoside y'Abatutsi yo 1994 baburanishwa n'Inkiko Gacaca.

a. Ifata n'ifunga bidakurikije amategeko ku bantu bakekwaho ibyaha bisanzwe

1. Ifungwa rya NYIRAMAHANGA Ziripa

Ikibazo cy'ifatwa n'ifungwa rya NYIRAMAHANGA Ziripa n'ibyagezweho mu iperereza ryagikozweho byari byagaragajwe muri raporo ya Komisiyo y'Umwaka w'2007[1].

Ku wa 20 Kanama 2007, umuntu utarifuje ko izina rye rimenyekana, utuye mu Kagari ka Karenge, Umurenge wa Karenge, mu Karere ka Rwamagana, yandikiye Komisiyo asaba ko yamufasha kurenganura uwitwa NYIRAMAHANGA Ziripa wari afungiye muri Gereza ya Nsinda kuva mu mwaka w'1997. Yongeyeho ko NYIRAMAHANGA yaregwaga icyaha cyo kuroga no kwica umwana w'imyaka ibiri afatanyije n'uwitwa NYIRAHABIMANA Josiane.

Mu iperereza Komisiyo yakoze, yamenye ko NYIRAMAHANGA yafashwe agafungirwa by'agateganyo muri Gereza ya Kigali kuva ku wa 16 Nyakanga 1997 ku cyemezo n° RMP 00510/S13/RE/MS. Yaje kwimurirwa muri Gereza ya Nsinda ku wa 13 Werurwe 1998.

Ikindi Komisiyo yamenye ni uko ku wa 16 Kanama 1999, dosiye ya NYIRAMAHANGA yashyikirijwe Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali ihabwa n° RP 38363/Kig. Nyuma y'ivugurura ry'ubucamanza, iyo dosiye yaje gushyikirizwa Urukiko Rukuru rwa Repubulika ku wa 1 Ugushyingo 2004 itaraburanishwa kuko

[1] Raporo ya Komisiyo y'Umwaka w'2007, p. 50.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

ari rwo rwahawe ububasha bwo kuburanishwa ku rwego rwa mbere imanza z'ubwicanyi. Mu Urukiko Rukuru rwa Repubulika, iyo dosiye yahawe n° RP 0080/05/HC/Kig.

Komisiyo yasabiye NYIRAMAHANGA itariki yo kuburanishwa mu gihe gicirirtse mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika. NYIRAMAHANGA yitabye Urukiko ku wa 13 Gashyantare 2008, Urukiko ruvuga ko nta bubasha rufite bwo kuburanisha iyo dosiye kuko icyaha yakoze yagikoranye n'umwana witwa NYIRAHABIMANA Josiane. Urwo Rukiko rwari rushingiye ku ngingo ya 189 y'itegeko n° 13/2004 ryo ku wa 17 Gicurasi 2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ivuga ko "*Urugereko ruburanisha abana ruca imanza rumaze kumva umwana, ... rushobora no kumva abo bafatanyije icyaha cyangwa ibyitso bye byujuje imyaka y'ubukure*". Urwo Rukiko rwemeje ko uwo mwana utarigeze akurikiranwa nawe yakurikiranwa bityo urwo rubanza rukazaburanishwa n'Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma mu rugereko rw'abana.

Komisiyo imaze kumenya ko dosiye ya NYIRAMAHANGA yashyikirijwe Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma ku wa 2 Gicurasi 2008, yandikiye Urukiko rw'Ikirenga ibaruwa n° CRDH/446/08 yo ku wa 16 Nyakanga 2008, irusaba ko dosiye ya NYIRAMAHANGA yaburanishwa vuba.

Ku wa 24 Nyakanga 2008, Urukiko rw'Ikirenga rwandikiye Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma ibaruwa n° 245/PCS/2008, rugenera kopi Komisiyo, rurusaba kuburanisha urwo rubanza mu gihe cya vuba gishoboka.

Ku wa 3 Nzeri 2008, Komisiyo yamenye ko NYIRAMAHANGA yaje kuburana urubanza n° RP 0208/TGI/NGOMA ku wa 19 Kanama 2008, asomerwa ku wa 29 Kanama 2008, Urukiko rukiza ko icyaha baregwa we na NYIRAHABIMANA Josiane kitabahama. NYIRAMAHANGA yaje gufungurwa ku wa 2 Nzeri 2008.

Komisiyo isanga NYIRAMAHANGA yaravukijwe uburenganzira bwo kuburana mu gihe gicirirtse kuko yamaze imyaka irenga icumi afunzwe by'agateganyo. Komisiyo irasaba inzego zibishinzwe gukurikirana abantu bose bagize uruhare mu ihohoterwa ry'uburenganzira bwa NYIRAMAHANGA Ziripa kugira ngo babihanirwe.

2. Ifungwa rya SIBOMANA Pascal

Mu gihe hasurwaga Gereza ya Ruhengeri ku wa 9 Nyakanga 2008, Komisiyo yamenye ko uwitwa SIBOMANA Pascal ukomoka mu Kagari ka Mugamba, Umurenge wa Cyabingo, Akarere ka Musanze afungiye muri iyo Gereza kuva mu mwaka w'1995, nta dosiye yakorewe nta n'icyemezo kimufunga cyagaragaraga mu bwanditsi bw'iyo Gereza.

SIBOMANA Pascal yabwiye Komisiyo ko mu mwaka w'1995, yafashwe ari mu isoko rya Nyarugenge i Kigali, ahita afungirwa muri Gereza Nkuru ya Kigali akurikiranyweho icyaha cy'ubuzererezi. Nyuma yaje kwimurirwa muri Gereza ya Ruhengeri, ariko kugeza uwo munsi, yari atarashyikirizwa urukiko kugira ngo aburanishwe.

Mu rwego rwo gukurikirana icyo kibazo, ku wa 10 Nyakanga 2008 Komisiyo yabonanye n'Umushinjacyaha ufite ububasha mu Gihugu hose ushinzwe ifasi ya Ruhengeri imugezaho ikibazo cya

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

SIBOMANA Pascal cyerekeranye no kuba amaze igihe kinini cyane afunzwe nta dosiye, imusaba ko yafungurwa.

Ku wa 6 Nzeri 2008, Komisiyo yamenyeshejwe ko SIBOMANA Pascal yafunguwe ku wa 29 Kanama 2008. N'ubwo SIBOMANA Pascal yafunguwe, Komisiyo isanga yari afunzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kuko yafunzwe by'agateganyo imyaka cumi n'ine, nta dosiye akorewe nta n'icyemezo kimufunga gihari, akaza gufungurwa ataburanye.

Komisiyo irasaba inzego zibishinzwe kujya zikora igenzura rihoraho rigamije kumenya imitere ya dosiye z'abafungwa.

3. Ifungwa rya HATEGEKIMANA na bagenzi be

Ku wa 14 Ugushyingo 2007, HATEGEKIMANA ufungiye muri Gereza ya Kigali akaba akomoka mu Karere ka Rulindo, Umurenge wa Rusagara, Akagari ka Migendezo, yandikiye Komisiyo ayisaba ko yakurikirana dosiye ye ifite n° RMP 6394/S12 kuko yayobewe irengero ryayo, akaba ari mu gihirahiro.

HATEGEKIMANA avuga ko yafunzwe ku wa 21 Werurwe 1997. Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Nyamirambo ngo rwamuburanishije ku wa 9 Mata 2001, akaba yari gusomerwa ku wa 18 Mata 2001. Ntiyigeze asomerwa ndetse na nomero y'urubanza ntayo azi, ntazi n'aho dosiye iherereye.

HATEGEKIMANA yavuze ko yandikiye inzego z'ubutabera inshuro nyinshi azisaba kumurenganura ariko ntabone igisubizo, akaba asaba Komisiyo kumwunganira kugira ngo amenye ibijyanye na dosiye ye.

Ku wa 5 Gashyantare 2008, Komisiyo yasuye HATEGEKIMANA aho afungiye muri gereza ya Kigali, ayibwira ko ari kumwe na bagenzi be babiri, uwitwa NSANZUMUHIRE Léonard na we ufungiye muri gereza ya Kigali na TWAGIRIMANA ufungiye muri Gereza ya Remera. Komisiyo yamenye ko bashinjwa icyaha cyo gufata ku ngufu n'ubuhotozi bakoreye aho bakomoka mu Karere ka Rulindo.

Ku wa 7 Gashyantare 2008, Komisiyo yagiye gushakira dosiye yabo ku Rukiko Rukuru rwa Repubulika, isanga idahari, ku wa 4 Kamena 2008 iyishakira ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuko yamenye ko amenshi mu madosiye y'ibyaha byakorewe mu Karere ka Rurindo ariho yoherejwe, na bwo ntiyayibona.

Ku wa 28 Ukwakira 2008, Komisiyo yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ibaruwa n° CRDH/655/08 igenera kopi Umushinjacyaha Mukuru n'Urukiko Rukuru rwa Repuburika isaba ko iyo dosiye yaboneka.

Iyo baruwa nta gisubizo yabonye. Komisiyo ikaba isanga HATEGEKIMANA na bagenzi be bafunze mu buryo bunyuranyije n'amategeko kandi bafunzwe igihe kirekire.

Komisiyo irasaba inzego zagejejweho icyo kibazo gukora ibishoboka iyo dosiye ikaboneka kugira ngo HATEGEKIMANA arenganurwe.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

4. Ifungwa rya NIYONZIMA Jean

Ku wa 22 Gicurasi 2008, NIYITEGEKA Gérard, ubarizwa i Nyamirambo mu Karere ka Nyarugenge, yandikiye Komisiyo ayisaba kurenganura NIYONZIMA Jean ufungiye muri Gereza ya Kigali, akaba yaravugaga ko yarengeje igihano cy'imyaka itanu yakatiwe n'icyahoze ari Urukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Kigali kubera icyaha cy'ubufatanyacyaha mu bwicanyi cyamuhamye.

Mu kirego cye, yavugaga ko NIYONZIMA Jean amaze kurenza umwaka n'amezi atanu ku gihano yahawe.

Mu rwego rw'ipereza kuri icyo kibazo, ku wa 15 Nyakanga 2008, Komisiyo yagiye kuri Gereza ya Kigali ibonana na NIYONZIMA Jean ayibwira ko yinjiye muri Gereza ya Kigali ku wa 31 Mutarama 2002 aregwa ubufatanyacyaha mu bwicanyi. Yaburanishijwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali ku wa 24 Ukuboza 2004, asomerwa ku wa 31 Ukuboza 2004. Cyakora yavuze ko atazi nomero z'urubanza rwe.

Mu igenzura ryakozwe mu bwanditsi bwa gereza, hagaragaye ko nta nyandiko y'urukiko igaragaza igihano yahawe. Harimo gusa nomero ya dosiye muri Parike, RMP7061/S14/GS/NB.

Mu iperereza ryakozwe ku wa 24 no ku wa 28 Nyakanga 2008 mu bwanditsi bw'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, Komisiyo yagenzuye mu gitabo cy'imanza zaciwe mu mwaka w'2004 isanga koko NIYONZIMA Jean yarakatiwe imyaka itanu. Nyamara dosiye nyirizina ntiyashoboye kuboneka bitewe n'uko yari mu zibitse muri "archives" ziba muri "contenaire" ku Rukiko rw'Ikirenga ku buryo bisaba umwanya kuyishaka.

Komisiyo yabajije umwanditsi w'Urukiko wavuze ko ari ngombwa gutegereza ko dosiye iboneka kugira ngo abone kumenyesha gereza icyemezo cy'urukiko.

Ku wa 21 Kanama 2008, Komisiyo yasubiye ku rukiko kubaza aho ikibazo kigeze isanga dosiye yarabonetse iboneraho gusaba ubwanditsi bw'Urukiko kwihutira kumenyesha gereza icyemezo cy'urukiko bitewe n'uko byagaragaraga ko NIYONZIMA Jean amaze igihe kirekire yararangije igihano.

Komisiyo yamenye ko NIYONZIMA Jean yafunguwe ku wa 26 Kanama 2008.

Komisiyo irasanga NIYONZIMA Jean yararenganye kuko yamaze igihe kirenze umwaka n'igice afunze kandi yararangije igihano biturutse ku burangare bw'urukiko rutigeze rugeza kuri gereza icyemezo cyarwo.

Ikibazo cy'abantu bakomeje gufungwa bararangije ibihano, Komisiyo yakiganiriyeho n'abayobozi bakuru b'Urukiko rw'Ikirenga. Abo bayobozi batanze amabwiriza ku bakozi b'inkiko ababwira ko bagomba kugeza kuri gereza ibyemezo by'inkiko bifungura abarangije ibihano byabo cyangwa abagizwe abere kugira ngo badakomeza gufungwa nta mpamvu.

N'ubwo ayo mabwiriza yatanzwe, biragaragara ko ibyo bibazo bikigaragara, Komisiyo ikaba isaba ko abakozi b'inkiko bagaragaweho iyo mikorere mibi bajya babihanirwa.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

5. Ifungwa rya BAZAMBANZA Jean

Ku wa 11 Kamena 2008, SIBOMANA Gédéon utuye ka Kagari ka Muti, Umurenge wa Gashonga, Akarere ka Rusizi mu Ntara y'Uburengerazuba yagejeje ikirego kuri Komisiyo ayisaba kurenganura BAZAMBANZA Jean ufungiye muri Gereza ya Cyangugu, akaba yaravugaga ko yari afunzwe atagira dosiye.

Ku wa 19 Kamena 2008, Komisiyo yasanze BAZAMBANZA Jean aho afungiye ayimenyesha ko yafunzwe ku wa 28 Kanama 1997 ashinjwa jenoside. Ngo mu mwaka w'2003, yajyanwe ku Murenge kugira ngo abaturage niba hari icyaha bamuziho muri jenoside, habura abamushinja. Uwitwa RUHONGEKA Aloys yamushinje ko ashobora kuba yarafatanyije n'abacengezi bishe umugore we MUKARIVUZE Denise mu mwaka w'1995. Kuva icyo gihe, muri dosiye ya gereza bahise bongeramo ko ashinjwa « ubucengezi ».

Uwo munsi, Komisiyo yagenzuye muri dosiye ye iri muri Gereza ya Cyangugu isanga BAZAMBANZA Jean afungiye ku rupapuro rufata by'agateganyo (MAP) rwasohowe mu mwaka w'1997 ashinjwa jenoside, nyuma haza kongerwaho ubucengezi.

Uwo munsi Komisiyo yagiye mu Bushinjacyaha bwa Rusizi no mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika, dosiye BAZAMBANZA Jean aregwamo ubwicanyi irashakishwa irabura.

Ku wa 24 Kamena 2008, Komisiyo yagiye aho BAZAMBANZA Jean akomoka mu Murenge wa Gashonga mu Karere ka Rusizi ibonana n'inyangamugayo mu Nkiko Gacaca ndetse n'abaturage bemeza ko urukiko rwasanze ari umwere ku bijyanye na jenoside.

Ku matariki atandukanye, Komisiyo yagiye ivugana n'Umushinjacyaha ufite ububasha mu gihugu hose mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi imusaba gukurikirana ikibazo cy'ifungwa rinyuranyije n'amategeko rya BAZAMBANZA Jean ariko ntihagira igikorwa mu buryo bwihuse. Ahubwo yasabye ko BAZAMBANZA Jean yatanga icyemezo ko nta byaha bya jenoside ashinjwa. Muri urwo rwego, ku wa 19 Nyakanga 2007, Urukiko Gacaca rwa Gakombe mu Murenge wa Gashonga rwatanze icyemezo ko nta byaha bya jenoside akurikiranyweho.

Kubera izo mpamvu, ku wa 30 Nyakanga 2008, Komisiyo yandikiye Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika ibaruwa n° CRDH/467/08 imusaba gukora ibishoboka ikibazo cya BAZAMBANZA Jean kigasuzumwa vuba kuko byagaragaraga ko yari afunzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

Ku wa 7 Nyakanga 2008, mu ibarurwa n° 1319/D11/A/PGR/INS, Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika yasabye Umushinjacyaha ufite ububasha mu gihugu hose Urugereko rw'Urukiko Rukuru rwa Repubulika rwa Rusizi gukurikirana ikibazo akagifatira umwanzuro mu buryo bwihuse.

Ubushinjacyaha bwakoze iperereza busanga ibyo Komisiyo yabubwiye ari ukuri, bufata icyemezo cyo kumufungura. Yafunguwe kuwa 12 Nzeri 2008.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo irasanga BAZAMBANZA Jean yaragiriwe akarengane afungwa igihe kirekire atagira dosiye, ikaba iboneyeho gusaba Parike Nkuru kujya ikora igenzura rihoraho mu magereza kugira ngo hatazongera kubaho ibibazo by'abantu bafungwa batagira dosiye.

6. Ifungwa rya IYAMUREMYE Elisé

Ikibazo cya IYAMUREMYE Elisé cyamenyekanye ubwo Komisiyo yasuraga Gereza ya Gitarama, ku wa 3 Nzeri 2008, ubuyobozi bwa Gereza bukayigezaho urutonde rw'abagororwa bavugaga ko barangije igihano cyabo, ariko bakaba bari bagifunze. Komisiyo yagiye gukurikirana icyo kirego ku wa 21 Ugushyingo 2008, isanga IYAMUREMYE Elisé yarafunzwe ku wa 20 Ugushyingo 2002. Ku wa 21 Kanama 2008, IYAMUREMYE Elisé yaburanishijwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga, mu rubanza n° RP 0466/07/05/TGI MUHG. Ku wa 26 Nzeri 2008, ni bwo urubanza rwa IYAMUREMYE Elisé rwasomwe, Urukiko rwemeza ko ahamwe n'icyaha cy'ubujura, akatirwa igifungo cy'imyaka itanu, nyuma afungurwa ku wa 5 Ugushyingo 2008.

Komisiyo isanga n'ubwo IYAMUREMYE Elisé yafunguwe, yaravukijwe uburenganzira ku rubanza ruciwe mu gihe gicirirtse, kuko yamaze imyaka itandatu afunze ataburanishwa, iyo bikorwa mu gihe gicirirtse nk'uko amategeko abiteganya, aba yarafunguwe ku wa 20 Ugushyingo 2007.

Komisiyo irongera kwibutsa Parike n'Inkiko ko bigomba gukora ibishoboka byose, imanza zikaburanishwa mu gihe gicirirtse, ntihagire umuntu uvutswa uburenganzira bene aka kageni.

7. Ifungwa rya NKUNZUWIMYE Jean de Dieu

Ikibazo cy'umufungwa witwa NKUNZUWIMYE Jean de Dieu Komisiyo yakimenye ubwo yasuraga Gereza ya Nyagatare ku wa 3 Nzeri 2008.

NKUNZUWIMYE Jean de Dieu avuga ko agifunzwe kandi abo baregwaga mu rubanza rumwe barafunguwe bitewe n'uko Urukiko rw'Ibanze rwa Ngarama rwafashe icyemezo cyo gusiba urubanza baregwagamo ubujura bukoreshejwe imbaraga.

Mu mapereereza Komisiyo yakoze, yamenye ibi bikurikira : Itegeko rya Perezida w'Urukiko ryo ku wa 19 Ugushyingo 2002 rifite n° R.M.P17537/S3 HA/NGA rifunga by'agateganyo NKUNZUWIMYE Jean de Dieu n'Itegeko rya Perezida w'Urukiko rifunga NDAYAMBAJE Emmanuel by' agateganyo afite inomero zimwe kandi yandikiwe umunsi umwe n'icyaha baregwa ari kimwe.

Itegeko rya Perezida w'Urukiko ryo ku wa 17 Ukuboza 2002 rifite n° 17537/S3 HA/NGA ryongera ifungwa ry'agateganyo rya NKUNZUWIMYE Jean de Dieu, n'Itegeko n° 17537/S3 HA/NGA ryongera ifungwa ry'agateganyo rya NDAYAMBAJE Emmanuel yongerewe umunsi umwe n'umucamanza umwe kandi afite inomero imwe.

Nyuma y'ayo mapereereza, Komisiyo isanga kuba NKUNZUWIMYE Jean de Dieu na NDAYAMBAJE Emmanuel bashinjwa icyaha kimwe, baranafungiwe umunsi umwe, "mandats d'arrêt Provisoirs" zabo nazo zikaba zifite inomero zimwe, zarananditkiwe rimwe n'umushinjacyaha umwe, amategeko y'umucamanza abafunga nayo akaba ari amwe, nayo yarandikiwe rimwe n'umucamanza

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

umwe, byerekana ko NKUNZUWIMYE Jean de Dieu asangiye dosiye na NDAYAMBAJE Emmanuel na BIZIYAREMYE Jean Bosco bafunguwe urubanza rwabo rumaze gusibwa mu gitabo cy'ibirego.

Komisiyo isanga NKUNZUWIMYE Jean de Dieu afunzwe mu buryo bunyuranye n'amategeko, kuko nta dosiye ye igaragara muri parike cyangwa mu rukiko, kandi hari ibimenyetso bihagije byerekana ko asangiye dosiye n'abafunguwe. Yagombye gufungurwa, kuko icyaha aregwa kidahanishwa igihano kigera ku myaka hafi irindwi amaze afunze mu buryo bunyuranyije n'amategeko, akaba akwiye kurekurwa nta yandi mananiza.

b. Ifata n'ifunga bidakurikije amategeko mu Nkiko Gacaca

Iki gice kigaragaramo ibibazo by'abantu bafungwa n'Inkiko Gacaca mu buryo bunyuranyije n'ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigena Imiterere, Ububasha n'Imikorere y'izo Nkiko.

1. Ifungwa rya UZABAKIRIHO Othaniél

Ku wa 17 Ukuboza 2007, UZABAKIRIHO Othaniél**,** ubarizwa muri Gereza ya Gitarama yandikiye Komisiyo asaba kurenganurwa, avuga ko agirirwa akarengane n'Inzego z'Inkiko Gacaca.

Ku wa 5 Werurwe 2008, Komisiyo yabonanye na UZABAKIRIHO Othaniél aho afungiye, ayibwira ko ku wa 18 Nzeri 2007, yaburaniye mu Rukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ruli, rumukatira igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda, nyuma y'aho ajuririra mu Rukiko rw'Ubujurire Inteko A yo muri uwo Murenge wa Ruli, rumuhanaguraho icyaha ku wa 2 Ukwakira 2007.

Nyuma y'aho UZABAKIRIHO Othaniél yaburanye urubanza rw'isubiramo ku wa 16 Ukwakira 2007, aburanishwa n'Inteko y'Ubujurire B, ahanishwa igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda.

UZABAKIRIHO Othaniél yandikiye Perezida w'Inama Rusange asaba ko urwo rubanza rusubirwamo, kuko atishimiye imikirize yarwo, anagaragaza ingingo ashingiraho abisaba.

Ku wa 19 Werurwe 2008, Komisiyo yagiye aho Urukiko Gacaca rw'Ubujurire rw'Umurenge wa Ruli, Inteko B rukorera, ibonana na BARASA Janvier, Visi Perezida warwo, imubaza uwasabye isubiramo ry'urwo rubanza, avuga ko ari umugore waje ahagarariye inyungu z'abacitse ku icumu, ngo akaba yari afite ubuhamya bw'umwana we, wari muto igihe cya jenoside amubwira ko yumvise umuntu bashinja UZABAKIRIHO Othaniél ataka.

Komisiyo yabonanye kandi na Perezida w'Urukiko Gacaca rw'Ubujurire rw'umurenge wa Ruli, Inteko B, ari kumwe n'Umuhuzabikorwa w'Inkiko Gacaca mu Murenge wa Shyogwe, baganira ku Kibazo cya UZABAKIRIHO Othaniél, babwira Komisiyo ko umugore wasabye ko urubanza rusubirwamo atari ahari igihe cy'icibwa ry'urubanza, kandi ko ngo iyo uwasabye isubiramo adafitanye isano n'uwahohotewe, bitaba ngombwa ko aba ahari igihe cy'urubanza.

Ku wa 29 Gicurasi 2008, Komisiyo yabonanye n'Umuhuzabikorwa w'Inkiko Gacaca imusaba gusoma izo manza zombi, azereka urubanza rw'isubiramo, naho urubanza rw'ubujurire azibwira ko ubitse urufunguzo rw'aho ruri adahari.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo isoma urwo rubanza rw'isubiramo rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire, Inteko B, yasanze ntatandukaniro n'urubanza rwaciwe bwa mbere n'Urukiko rw'Umurenge.

Ku wa 9 Nyakanga 2008, Komisiyo yagiye mu Murenge wa Shyogwe, yongera kubonana n'Umuhuzabikorwa w'Inkiko Gacaca muri uwo Murenge, ayereka urubanza UZABAKIRIHO Othaniel yaburanye mu Rukiko rw'Ubujurire ku wa 2 Ukwakira 2007 rukamugira umwere, anabwira Komisiyo ko inama rusange y'Umurenge yateranye ku wa 28 Gicurasi 2008, yiga kuri iki kibazo maze ifata icyemezo cyo kwanga isubiramo ry'urubanza rwa UZABAKIRIHO Othaniél, ngo kuko uwasabye ko urubanza rusubirwamo yatanze uburenganzira bwo kurutangira adahari, kandi ko amaze kuva mu rubanza yarimo yaje murwo yari yasabiye gusubirwamo, ngo imyanzuro yarwo n' iy'umwiherero isomwa ahari.

Komisiyo imaze gusoma ziriya manza zombi yabonye ibi bikurikira :

- Nta na hamwe iyo usomye urubanza rw'isubiramo ubona havugwa amategeko yishwe nk'uko bivugwa ko ari cyo uwasabye isubiramo yashingiyeho, ntihanaboneka n'uburyo yakosowe.

- Abagize inteko yaciye urubanza rw'isubiramo ntibaruvugaho rumwe kuko hari ababwiye Komisiyo ko batanazi uwasabye ko urwo rubanza rusubirwamo. Ikindi cyagaragariye Komisiyo isoma urubanza rw'isubiramo ni uko abatangabuhamya bavugwa ari abashinja gusa.

- Komisiyo ntiyashoboye kwerekwa ibaruwa y'uwasabye ko iryo subiramo riba.

- Komisiyo yasabye kwerekwa ibaruwa Perezida w'inama rusange y'Umurenge yandikiye UZABAKIRIHO Othaniél imwangira isubiramo ry'urubanza rwe ntiyaboneka, nyuma iza gusanga atarandikiwe, ahubwo yaroherejwe kopi y'imyanzuro y'inama rusange yatangijwe n'Umuhuzabikorwa w'Inkiko Gacaca muri uwo Murenge, iyoborwa n'Umunyamategeko ku rwego rw''Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca, ukurikirana Akarere ka Muhanga.

Komisiyo isanga ibi bitumvikana kuko urubanza rudashobora kuburanishwa, uwabisabye adahari, kuko aba ari we ugomba gusobanura impamvu ashingiraho arega.

Ku wa 10 Ukuboza 2008, Komisiyo yandikiye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca ibaruwa n° CRDH/734/08, imwohererezа inyandiko isobanura iki kibazo, inasaba ko cyazaganirwaho n'Inzego zombi, hagamijwe kumenya ukuri.

Mu gihe Komisiyo yandikaga iyi raporo, umubonano yari yasabye ntiwabaye, kuko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca atabonetse.

2. Ikibazo cya NYAKAZANA Eline

Ku wa 5 Werurwe 2008, NYAKAZANA Eline ubarizwa mu Kagari ka Kigembe, Umurenge wa Gacurabwenge, Akarere ka Kamonyi, yandikiye Komisiyo ayisaba kurenganura umugabo we MUNYAKAZI Philippe ufungiye muri Gereza ya Gitarama kuva mu mwaka w'1996. Ku wa 30 Ukwakira 2007

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

yaburanishijwe n'Urukiko Gacaca rw'Ubujurire rwa Gatizo, akatirwa ifungo cy'imyaka irindwi, akaba yari amaze muri Gereza imyaka cumi n'umwe ategereza urupapuro rumufungura araheba.

Ku wa 10 Nyakanga 2008, Komisiyo yabonanye n'Umuhuzabikorwa w'Inkiko Gacaca muri uwo Murenge, ayibwira ko urubanza MUNYAKAZI Philippe yaburaniye mu Rukiko rw'Ubujurire rwaseshwe kuko hari inyangamugayo yari muri urwo rubanza kandi itabifitiye ububasha, kuko yari iyo mu Rukiko rw'Umurenge, bityo hasabwa ko ruzasubirishwamo.

Uwo munsi kandi Komisiyo yavuganye na zimwe mu nyangamugayo zamuburanishije mu rubanza rw'ubujurire, zivuga ko iburanisha ry'urubanza rwa MUNYAKAZI Philippe ryagiye ryivangwamo n'umukozi ushinzwe imirimo y'Inkiko Gacaca muri uwo Murenge.

Ku wa 29 Ukwakira 2008, Komisiyo yabonanye na MUNYAKAZI Philippe mu bitaro bya Kabgayi aho arwariye igihe kigera ku mwaka, ayibwira ko iburanishwa rye ryagiye rigaragaramo akarengane kuva ritangira. Yabwiye Komisiyo ko urubanza yaburanye mu Rukiko rw'Ubujurire ku wa 30 Ukwakira 2007, rukamukatira imyaka irindwi, inteko yari irugize yari yashyizweho n'Umuhuzabikorwa w'Inkiko Gacaca muri uwo Murenge, nyuma urubanza rumaze gusomwa aba ari we wongera kwivuguruza avuga ko iyo nteko itagombaga kumuburanisha, ngo kuko itabifitiye ububasha.

MUNYAKAZI Philippe yabwiye Komisiyo ko yibaza impamvu iyo nyangamugayo itabujijwe kuburanisha, icyemezo cy'urukiko kigateshwa agaciro urubanza rurangiye, kandi n'iburanisha ry'urwo rubanza ryose ryarabaye uwo Muhuzabikorwa w'Inkiko Gacaca ahari.

MUNYAKAZI Philippe yabwiye kandi Komisiyo ko hari n'indi nteko yari yashyizweho ngo iburanishe urubanza rusubirishwamo nyuma y'aho icyo cyemezo cy'urukiko cya mbere gitesherejwe agaciro, nyuma ababuranyi bihana imwe mu nyangamugayo, bavuga ko yari mu nteko yaburanishije urubanza rw'ubujurire, nyamara ngo iyo nyangamugayo yari yaravanywe mu nteko y''Urukiko rw'Umurenge, ishyirwa mu y'ubujurire A, ikaba yari na Perezida w'Inama Rusange y'uwo Murenge.

Ku wa 6 Mutarama 2009, Komisiyo yandikiye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca ibaruwa n° CRDH/003/09, imusaba ko hakorwa ibishoboka urubanza rwa MUNYAKAZI Philippe rukaburanishwa vuba.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, nta gisubizo Komisiyo yari yabona.

c. Abakomeza gufungwa bararangije igihano

1. Ifungwa rya MUTSINDASHYAKA Emmanuel

Ku wa 3 Nzeri 2008, ubwo Komisiyo yasuraga Gereza ya Nyagatare, yamenye imiterere y'ikirego cya MUTSINDASHYAKA Emmanuel ukomoka mu Mudugudu wa Mpazi, Akagari ka Rwamiko, Umurenge wa Murambi Akarereka Gatsibo. Komisiyo yamenye ikibazo cya MUTSINDASHYAKA Emmanuel ikibwiwe n'Umuyobozi w'iyo Gereza na bamwe mu bakozi bakorana.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

MUTSINDASHYAKA Emmanuel yafunzwe ku wa 20 Gashyantare 2006 ashinjwa kuba yaragize uruhare muri jenoside y'Abatutsi yo mu mwaka w'1994.

Mu ipereereza Komisiyo yakoze ku wa 1 Ukwakira 2008, ubwo yabonanaga na MUTSINDASHYAKA Emmanuel, no ku wa 7 Ukwakira 2008, ubwo yaganiraga n'Umuhuzabikorwa w'Imirimo y'Inkiko Gacaca mu Murenge wa Murambi, bayibwiye ibi bikurikira :

Ku wa 2 Gashyantare 2007, Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ndatemwa rwaburanishije MUTSINDASHYAKA Emmanuel, rumuhanisha igifungo cy'imyaka mirongo itatu.

Ku wa 5 Kamena 2007, Urukiko Gacaca rw'Ubujurire rw'Umurenge wa Ndatemwa rumuhanisha igifungo cy'imyaka cumi n'itanu, MUTSINDASHYAKA Emmanuel asaba ko urubanza rusubirwamo.

Ku wa 17 Nyakanga 2008, urubanza rwasubiwemo mu Rukiko Gacaca rw'Umurenge wa Rwimitereri, MUTSINDASHYAKA Emmanuel ahanishwa igifungo cy'imyaka umunani n'imyaka ine y'imirimo nsimburagifungo ifitiye Igihugu akamaro.

Ikindi cyagaragaye ni uko impapuro zifunga MUTSINDASHYAKA Emmanuel rumwe rwanditsweho igifungo cy'imyaka makumyabiri, urundi imyaka mirongo itatu ; izo mpapuro zombi zikaba zarandikiwe mu Rukiko Gacaca rwasubiyemo urwo rubanza mu Murenge wa Rwimitereri.

Komisiyo yabajije Umuhuzabikorwa w'Imirimo y'Inkiko Gacaca mu Murenge wa Rwimitereri, impamvu ya ziriya mpapuro ebyiri zifunga MUTSINDASHYAKA Emmanuel, rumwe ruvuga imyaka makumyabiri urundi mirongo itatu, avuga ko azasaba inyangamugayo zaciye ruriya rubanza zigakosora ibyo zanditse kugira ngo MUTSINDASHYAKA Emmanuel arekurwe.

Ku wa 24 Ukuboza 2008, Komisiyo mu ibaruwa yayo n° CRDH/768/08 yandikiye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca, isaba ko abashinzwe Imirimo y'izo nkiko bajya bandika neza ibyemezo bifungura abagizwe abere n'abarangije ibihano, kugira ngo batagumya gufungwa, kuko byaba binyuranye n'amategeko.

Mu gihe handikwa iyi raporo, Komisiyo yamenye ko MUTSINDASHYAKA Emmanuel yafunguwe ku wa 24 Ukwakira 2008 yagombaga kuba yararekuwe ku wa 17 Nyakanga 2008.

Komisiyo isanga abagize Inteko y'Urukiko rw'Ubujurire rwa Rwimitereri rwanditse biriya byemezo binyuranye bakwiye kuvanwa mu nyangamugayo.

2. Ikirego cya BARIMFURA Omar

Ku wa 3 Nzeri 2008, ubwo Komisiyo yasuraga Gereza ya Nyagatare, ni bwo yamenye ikibazo cya BARIMFURA Omar ikibwiwe n'Umuyobozi w'iyo Gereza na bamwe mu bakozi bakorana.

BARIMFURA Omar yafunzwe ku wa 4 Gashyantare 2003, ashinjwa kuba yaragize uruhare muri jenoside y'Abatutsi yo mu mwaka w'1994. Avuga ko ku wa 5 Ukwakira 2007, yaburaniye mu Rukiko

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Gacaca rw'Umurenge wa Kiziguro akagirwa umwere, ariko urwo rukiko ntirwageza kuri gereza icyemezo kimufungura.

Ku wa 1 Ukwakira 2008, Komisiyo yagiye gusura BARIMFURA Omar muri Gereza ya Nyagatare, isanga yarafunguwe ku wa 28 Nzeri 2008, icyemezo cy' Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kiziguro kimaze gukosorwa no kugezwa ku buyobozi bwa gereza.

Komisiyo isanga BARIMFURA Omar yaravukijwe uburenganzira bwe bwo kwigenga mu gihe yasomewe ku wa 28 Nzeri 2008 yari yaraburanye ku wa 5 Ukwakira 2007. BARIMFURA Omar yamaze hafi umwaka wose afunze kandi yaragombaga kuba atagifunzwe.

Abashinzwe Imirimo y'Inkiko Gacaca bakwiye kujya batanga bidatinze ibyemezo bifungura abo inkiko ziba zategetse ko bahita bafungurwa bakimara gusomerwa, abatabikoze bakabihanirwa by'intangarugero.

d. Ibindi birego byakurikiranwe bijyanye n'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca

Hari kandi ibindi byabangamiye ubutabera mu Nkiko Gacaca byakurikiranwe n'inzego za Komisiyo zitari iz'umushinga ukurikirana by'umwihariko Inkiko Gacaca. Urugero ni ibibazo bikurikira :

1. Urubanza rwa MUKAGASANA Jazila

KANKINDI Césarie utuye mu Kagari ka Kamuhoza, Umurenge wa Kimisagara, mu Karere ka Nyarugenge, yandikiye Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ayisaba kurenganura umukobwa we, MUKAGASANA Jazila, ufungiye muri Gereza Nkuru ya Kigali bitegetswe n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kimisagara.

Mu kirego cye, KANKINDI Césarie avuga ko MUKAGASANA Jazila yafunzwe tariki ya 27 Gicurasi 2007. Kuri uwo munsi ngo yari yaburaniye mu Rukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kimisagara, urubanza rurasubikwa. Ngo ku mugoroba w'uwo munsi yafatiwe mu nzira atashye arafungwa bavuga ngo agiye guhunga. Kugeza ubwo yandikaga urubanza rwari rutarasubukurwa.

Ku wa 24 Mutarama 2008, Komisiyo yabonanye na MUKAGASANA Jazila aho afungiye muri Gereza ya Kigali ayitangariza ko kuva urubanza rwe rwasubikwa ku wa 27 Gicurasi 2007 atongeye guhamagarwa ngo asomerwe. Yavuze ko ashinjwa mu Nkiko Gacaca n'uwitwa MUKARWEGO Virginie kuba yaratunze urutoki aho yari yihishe mu gihe cya jenoside, ariko akagira amahirwe akarokoka. Ngo umushinja afite inyungu zo kumugambanira kuko bari basanzwe bafitanye urubanza rw'inzu mu nkiko zisanzwe. Ngo mbere ya jenoside umugabo wa MUKAGASANA Jazila, BIZIMANA Zubayire, yari yaraguze inzu na MUKARWEGO Virginie.

Nyuma ya jenoside, MUKARWEGO Virginie yayisubije mu buryo bwo kubohoza. Bitewe n'uko yanze kuyivamo byabaye ngombwa kwitabaza inkiko. Ngo umugabo we yakatiwe igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kimisagara ubwo yari yatangiye gukurikirana ikibazo mu

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

nkiko. Ngo MUKAGASANA yakomeje gukurikirana urubanza ariko ngo mu gihe « assignations » zari zasohotse ni bwo yahise aregwa muri Gacaca na MUKARWEGO Virginie.

Mu igenzura ryakozwe ku wa 30 Mutarama 2008 muri dosiye ya MUKAGASANA Jazila iri muri Gereza ya Kigali, byagaragaye ko afunzwe by'agateganyo kubera ko « ashobora gutoroka gacaca » nk'uko byanditse ku cyemezo cyo ku wa 27 Gicurasi 2007 cyatanzwe n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kimisagara. Cyakora MUKAGASANA Jazila avuga ko ibyo ari akagambane kuko atigeze agaragarizwa ibimenyetso ko ashaka guhunga kimwe n'uko atigeze asabwa kubyisobanuraho.

Komisiyo yasabye Umuhuzabikorwa w'Inkiko Gacaca mu Murenge wa Kimisagara gukurikirana ikibazo maze ku wa 8 Mata 2008, atangaza ko yabajije urukiko rwaciye urubanza bakamubwira ko barusomye agakatirwa imyaka cumi n'itandatu y'igifungo. Abajijwe impamvu ku munsi urubanza ruburanishwa aho gusohora icyemezo cy'ifunga kigaragaza ko akatiye banditse ko afunzwe by'agateganyo kugira ngo adahunga, yavuze ko azabwira abamuburanishije bakandika icyemezo kidafite amakosa.

Bitewe n'uko Komisiyo yasanze izo mvugo zidasobanuka, yakomeje iperereza ku kibazo imenya ko ku wa 24 Mata 2008, ari bwo Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kimisagara rwohereje kuri gereza icyemezo kimufunga imyaka cumi n'itandatu, amaze amezi cumi na kumwe aburanye kandi akaba atarigeze yongera guhamagarwa ngo urubanza rwe rusubukurwe. Icyo cyemezo kitari cyarigeze kiboneka muri dosiye mbere kivuga ko MUKAGASANA Jazila akatiye igifungo cy'imyaka cumi n'itandatu kubera « kujya mu bitero byishe KAYIRANGA no kuranga aho umugore we yihishe, kwambika ubusa no gusahura ». Cyakora icyo cyemezo ntikigaragaza itariki cyasinyiweho nk'uko biteganywa.

Mu kuzuza amakuru kandi, Komisiyo yavuganye n'umwe mu baturanyi ba MUKAGASANA Jazila avuga ko ku munsi MUKAGASANA Jazila aburana na we yari mu rubanza. Ngo rwarangiye rudasomwe kuko bwari bwije nyuma aza gufatirwa mu nzira atashye arafungwa bavuga ngo agiye gutoroka.

Dushingiye ku nyandiko ziri muri dosiye ya gereza, bigaragara ko MUKAGASANA Jazila atasomewe kuko iyo urubanza rusomwa ku munsi rwaburanishirijweho ntihaba haratanzwe icyemezo cyo kumufunga by'agateganyo ngo adatoroka. Ikindi kandi icyemezo kigaragaza ko akatiye imyaka cumi n'itandatu (kitagira itariki cyakoreweho) cyagejejwe kuri gereza amaze amezi cumi na kumwe aburanye mu gihe we yari agisaba ko urubanza rwe rwasubukurwa.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yandikiye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca ibaruwa imusaba gukora ibishoboka kugira ngo urubanza rwa MUKAGASANA Jazila rusubirwemo, ahabwe uburenganzira bwo gusomerwa, bityo agire n'uburenganzira bwo kujurira kuko amaze igihe kirekire ari mu gihirahiro.

Kugeza ubwo iyi raporo yandikwa, iyo baruwa yari itarabona igisubizo.

2. Ifungwa rya IYAMENYE Léopold

Ku wa 14 Mata 2008, IYAMENYE Léopold ufungiye muri Gereza ya Remera yandikiye Komisiyo ayisaba kumurenganura kuko amaze imyaka cumi n'ine afunze akekwaho icyaha cya jenoside, akaba yari afite impungenge ko atazigera ahamagarwa ngo aburane kuko nta dosiye agira mu Nkiko Gacaca.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu kirego cye, IYAMENYE Léopold avuga ko yafashwe n'umusirikare atazi ku wa 25 Kanama 1994 bahuriye mu muhanda (i Remera ku Giporoso) agahita afungwa. Kuva icyo gihe ntiyigeze amenyeshwa icyo aregwa mu buryo bwemewe n'amategeko n'ubwo muri dosiye ye ya gereza bandika ko aregwa jenoside. Mu kwezi kwa Gashyantare 2008 yajyanwe mu Murenge wa Kanombe ku Kabeza aho afite urugo. Ngo hari hagamijwe kubaza abaturage niba hari icyo bamuziho yaba yarakoze muri jenoside. Icyo gihe ngo habuze abamushinja, nyamara kuva icyo gihe nta cyakozwe kuri dosiye ye.

Ku wa 22 Kanama 2008, Komisiyo yasuye IYAMENYE Léopold aho afungiye isanga atarahamagarwa ngo aburane. Yongeye kandi gushimangira ko amaze imyaka igera kuri cumi n'ine afunzwe acyekwaho ibyaha bya jenoside akaba afite impungenge ko atazigera aburana kuko nta dosiye agira mu nkiko Gacaca.

Mu rwego rwo gukurikirana ikibazo, ku wa 28 Kanama 2008, Komisiyo yabonanye na Perezida w'Inama y'Umurenge wa Kanombe ishinzwe Inkiko Gacaca, RINDIRO Tharcisse, ayimenyesha ko IYAMENYE Léopold yari yaramugejejeho icyo kibazo mu nyandiko akaba yarasabye Perezida w'Urukiko Gacaca rw'Akagari ka Kabeza gukora iperereza ku myitwarire ya IYAMENYE Léopold mu gihe cya jenoside.

Ku wa 4 Nzeri 2008, Komisiyo yabonanye na Perezida w'Urukiko Gacaca rw'Akagari ka Kabeza azitangariza ko yakoresheje iperereza agasanga nta byaha bya jenoside IYAMENYE Léopold ashinjwa. Cyakora ngo asanga atahita afungurwa ahubwo byaba ngombwa ko Urukiko Gacaca rwa Nyakabanda rubanza rukabazwa niba nta cyo ashinjwa kuko yafatiwe mu ifasi yarwo (yafatiwe ku Giporoso ari mu muhanda).

Ku wa 29 Ukwakira 2008, Komisiyo yasubiye kuri Gereza isanga IYAMENYE Léopold agifunze kandi atari yahamagarwa ngo aburane.

Ku wa 30 Ukwakira 2008, Komisiyo yavuganye kuri telefoni na Perezida w'Urukiko Gacaca rw'Akagari ka Kabeza, arutangariza ko Urukiko rw'Umurenge wa Nyakabanda rutigeze rusubiza.

Kubera izo mpamvu, ku wa 30 Ukuboza 2008, Komisiyo yandikiye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca ibaruwa n° CRDH/789/08 imusaba gukora ibishoboka byose kugira ngo IYAMENYE Léopold afungurwe kuko nta byaha bya jenoside bizwi ashinjwa.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yamenye ko Umushinjacyaha wo ku rwego Rwisumbuye rwa Nyarugenge yandikiye umugore wa IYAREMYE Léopold ibaruwa n° 1715/D11/A/PGI amumenyesha ko ntaho IYAMENYE Léopold agaragara mu bitabo parike yakiriramo ibirego, amugira n'inama yo kugana Inkiko Gacaca ngo zimurenganure.

Komisiyo isanga IYAMENYE Léopold akomeje kugirirwa akarengane kuko afunzwe nta cyaha kizwi ashinjwa ndetse n'inzego z'ubutabera zitandukanye zikaba zikomeje kumuteragirana zivuga ko atari zo zifite ububasha bwo kumurenganura.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo iboneyeho kongera gusaba Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca gufungura IYAMENYE Léoplod nta mananiza kuko nta cyaha ashinjwa.

B. Ikibazo cy'abafungwa igihe kirekire nta dosiye bakorewe

1. Ifungwa rya TWAGIRAMUNGU Célestin

Ku wa 6 Ugushyingo 2008, TWAGIRAMUNGU Célestin ufungiye muri Gereza ya Remera yandikiye Komisiyo ayisaba kumurenganura kuko amaze imyaka 15 afunzwe adafite dosiye.

Ku wa 21 Mutarama 2009, Komisiyo yamusanze aho afungiye ayiha ibisobanuro ku kirego cye. TWAGIRAMUNGU Célestin avuga ko yafashwe ku wa 13 Gashyantare 1994 akurikiranyweho kwica uwitwa NTAKOBATAGIZE Muzehe ngo mu gihe bombi barwanaga bari i Kagugu ahabaye ubu Umurenge wa Kinyinya, Akarere ka Gasabo. Icyo gihe ngo TWAGIRAMUNGU Célestin yafungiwe muri Gereza ya Kigali kuva ku wa 13 Gashyantare 1994, agafungurwa ubwo ingabo za FPR-INKOTANYI zafataga Igihugu, nyuma agasubizwa muri iyo gereza ku wa 13 Nzeri 1994 bisabwe n'umuryango wa NTAKOBATAGIZE.

Nyuma yaje kwimurirwa muri Gereza ya Gikondo, ifunzwe yoherezwa muri Gereza ya Remera. Avuga kandi ko kuva yafatwa mbere ya jenoside atigeze aburanishwa kandi akaba nta dosiye agira muri Parike.

Mu igenzura Komisiyo yakozwe mu bwanditsi bwa gereza uwo munsi, yasanze nta dosiye ye ihaboneka ndetse no ku rutonde rw'abafungwa batagira dosiye ntawe uriho.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yagajeje ikibazo cya TWAGIRAMUNGU Célestin ku Mushinjacyaha Mukuru, imusaba gukora ibishoboka byose kugira ngo icyo kibazo gisuzumwe vuba kuko bigaragara ko amaze imyaka myinshi afunzwe, akaba yaravukijwe bikomeye uburenganzira bwo kuburanishwa mu gihe gicirirtse kandi Gereza ya Remera ikaba itagira inyandiko n'imwe igaragaza icyo afungiwe.

Komisiyo isanga TWAGIRAMUNGU Célestin yaragiriwe akarengane mu kumara imyaka myinshi afunzwe atagira dosiye kugeza ubwo yibagiranira muri gereza.

Komisiyo ikaba iboneyeho gusaba ubushinjacyaha kujya bukora igenzura rihoraho mu magereza kugira ngo hamenyekane niba nta bantu baba barimo bafunzwe by'agateganyo bibagiranye.

C. Ikibazo cy'abana basambanywa[2]

1. Ihohoterwa rya N. M. L. n'ibura ry'umwana we

Ikirego cya N. M. L. ukomoka mu Mudugudu wa Mukoto, Akagari ka Mukoto Umurenge wa Bushoki, Akarere ka Rulindo, wavutse mu mwaka w'1988 nk'uko bigaragazwa n'icyemezo cye

[2] Bitewe n'icyaha bakorewe ndetse n'imyaka bari bafite, Komisiyo yahisemo kutandika amazina y'abo bana

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

cy'amavuko, cyageze kuri Komisiyo mu mwaka w'2006. Yavugaga ko mu kwezi kwa Kanama 2005 yasambanyijwe ku gahato kandi agaterwa inda n'uwahoze ari Umukoresha we, SIBOMANA Emmanuel, wari n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kinihira mu Karere ka Rulindo. Nyuma y'iminsi itatu amaze kumusambanya ku gahato ngo yaramwirukanye. Amaze kumenya ko N. M. L. atwite, SIBOMANA yamusabye kubigira ibanga anamusezeranya kuzamufasha kurera umwana.

Ikindi N. M. L. yabwiye Komisiyo ni uko ku wa 8 Gicurasi 2006 yabyariye mu bitaro bya Nemba mu Karere ka Gakenke, ariko umwana we aza kwibwa n'umuntu utarashoboye kumenyekana waje amubwira ko agiye kumuha urukingo rw'impinja.

Komisiyo yakurikiranye icyo kibazo mu buyobozi, mu bushinjacyaha no mu nkiko kuva mu mwaka w'2006. Mu kugikurikirana, Komisiyo yamenye ko kubera ibura ry'uwo mwana, hafashwe SIBOMANA Emmanuel n'abaforomokazi babiri, DUKUZUMUREMYI Consolée na NYIRAHATEGEKIMANA Annoncée, bakekwagaho kuba ari ibyitso bye, bafungirwa muri Gereza ya Ruhengeri igihe cy'amezi arindwi. Ku wa 31 Mutarama 2007, Ubushinjacyaha bwo ku rwego rwisumbuye rwa Musanze bwaburanye na SIBOMANA Emmanuel na bagenzi be mu Rukiko Rwisumbuye rwa Musanze. Urwo rubanza rwasomwe ku wa 20 Mata 2007, SIBOMANA Emmanuel na bagenzi be bagirwa abere.

Komisiyo yakurikiranye kandi icyo kibazo mu buyobozi bw'ibanze aho N. M. L. atuye imenya ko yari yatanze ikirego cyo gusambanywa mu buyobozi bwa Polisi bamubwira ko ategereza kugeza umwana avutse kugira ngo hakorwe "DNA Test" izerekana se w'umwana.

Icyagaragariye Komisiyo ni uko icyo kibazo ari impurirane y'ibyaha byinshi birimo icyaha cyo gusambanya umwana w'imyaka 17, icyaha cyo gusambanya umwana bikozwe n'umukoresha we, icyaha cyo gusambanya umwana bikozwe n'umuyobozi, icyaha cyo kwiba umwana hagamijwe gusibanganya ibimenyetso byo gusambanya umwana, n'uburangagare bw'ubuyobozi bw'ibitaro bya Nemba. Hari kandi ikibazo cyo gutinda kuburanishwa kw'urubanza kuko ikirego cy'ubujurire cyatanzwe n'Ubushinjacyaha ku wa 5 Kamena 2007 umwaka w'2008 ukarinda urangira rutaburanishijwe.

Ikindi cyagaragariye Komisiyo ni uko ikibazo cyo gusambanywa kwa N. M. L. kitigeze kitabwaho ari mu rwego rw'ubugenzacyaha ari no mu rwego rw'ubushinjacyaha.

Nyuma y'aho Komisiyo iboneye ko Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Musanze rwatinze kuburanisha ubujurire bw'urwo rubanza, bashyikirijwe ku wa 5 Kamena 2007 umwaka ugashira rutarahabwa itariki y'iburanishwa, Komisiyo yandikiye Perezida warwo, ibaruwa n° CRDH/428/08 yo ku wa 8 Nyakanga 2008 imusaba kugenera urwo rubanza itariki y'iburanisha ya vuba kugira ngo N. M. L. arenganurwe kandi amenye n'irengero ry'umwana we.

Perezida w'urwo Rukiko yandikiye Komisiyo ibaruwa Réf 0111/08/HC/Mus yo ku wa 24 Nyakanga 2008 ayimenyesha ko urwo rubanza rwashyizwe ku wa 21 Kanama 2008. Komisiyo yaje kumenya ko kuri iyo tariki rutaburanishijwe.

Urwo rubanza rwagiye rusubikwa kenshi rimwe na rimwe nta mpanvu zigaragara zihawe ababuranyii.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yamenye urubanza rwaburanishijwe.

Komisiyo isanga amaperereza yakozwe ku cyaha cyo gusambanya N. M. L. atari yuzuye, hakaba hakwiye gukorwa andi maperereza mu buryo bucukumbuye kugira ngo icyaha cyo gusambanya gihanirwe kandi n'ikibazo cy'ibura ry'umwana gikomeze gukurikiranwa kugeza ubwo irengero rye rimenyekanye.

Komisiyo irasaba kandi inzego z'ubutabera (ubugenzacyaha, ubushinjacyaha n'ubucamanza) kujya ziha uburemere n'ubwihutirwe bihagije ibibazo bijyanye n'ihohoterwa ry'abana.

2. Ikibazo cy'ihohoterwa rya N. M.

Komisiyo yakurikiranye ikirego cya N. M. kuva mu mwaka w'2006 ndetse yacyanditse muri raporo yayo y'uwo mwaka[3]. Icyo kirego cyari cyerekeranye n'uko N. M., wavutse mu mwaka w'1991, ukomoka mu Kagari ka Ndinda, Umurenge wa Nyange, Akarere ka Musanze, yasambanyijwe ku gahato afite imyaka cumi n'ine akanaterwa inda na HAKIZIMANA Thomas ubwo yamukoreraga akazi ko mu rugo. N. M. amaze kubyara, HAKIZIMANA Thomas yahakanye ko ari se w'uwo mwana kugeza ubwo "DNA Test" ibyemeje.

Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze, ruregewe n'Ubushinjacyaha, rwaburanishije urubanza n° RP 0300/05/TP/Ruh / RP 0278/06/TGI/MUS rwerekeranye n'iryo hohoterwa, rukatira HAKIZIMANA Thomas igifungo cy'imyaka ibiri n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi ijana. Mu gutanga icyo gihano, urwo rukiko ngo rwashingiye k'uko HAKIZIMANA Thomas yemeye icyaha akanagisabira imbabazi.

Komisiyo imaze kumenya ko Ubushinjacyaha bwari bwatanze ikirego butajuririye uwo mwanzuro w'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze, imaze no kumenya ko igihe cyo kujurira cyarenze, yagiriye N. M. inama yo kuregera indishyi. Ikirego cy'indishyi cyatanzwe na nyina NYIRAMAJYAMBERE Dorothée kuko N. M. yari akiri umwana.

Komisiyo yandikiye Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda ibaruwa n° CRDH/549/07 yo ku wa 10 Nzeri 2007 imusaba kugenera N. M. avoka uzamuhagararira mu rubanza rwe rw'indishyi. Umukuru w'urwo Rugaga yasubije Komisiyo ko N. M. azahagararirwa na Me NSENGIYUMVA Straton.

Mu iperereza Komisiyo yakoze, yamenye ko urwo rubanza rw'indishyi rwagiye rutinda kuburanishwa bitewe ahanini n'uko Me NSENGIYUMVA Straton atigeze akurikirana urubanza neza.

Icyagaragariye Komisiyo ni uko mu rubanza rw'indishyi, Urukiko rushingiye ku mbabazi nyina w'umwana yahaye HAKIZIMANA, nta ndishyi zatanzwe. Byongeye kandi, Me NSENGIYUMVA Straton wari uhagarariye uwo mwana ntiyigeze ajurira.

Komisiyo imaze kubona imikirize y'izo manza zombi yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ibaruwa n° CRDH/677/08 yo ku wa 7 Ugushyingo 2008 imugaragariza ko imikirize y'urwo rubanza ititaye ku nyungu z'umwana haba mu rubanza nshinjabyaha haba no mu rubanza rw'indishyi.

[3] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2006, p. 107-108.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo yandikiye kandi Umushinjacyaha Mukuru ibaruwa n° CRDH/678/08 yo ku wa 7 Ugushyingo 2008 igaragaza ko imyanzuro y'urubanza nshinjabyaha itashingiye ku itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye Uburenganzira bw'Umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa kandi itajuririwe.

Komisiyo isanga kubera ko izo manza zombi zitakurikije amategeko kandi zikabangamira bikomeye uburenganzira bw'umwana zikwiye gusubirwamo.

Komisiyo isanga kandi kuri izo manza zombi Ubugenzuzi bw'Inkiko bukwiye kureba uko zaburanishijwe n'imikirize yazo.

D. **Uburenganzira bw'umwana**

1. Ihuzwa rya IRANZI Happyness Vanessa na nyina

Ku wa 6 Kanama 2008, UZAYISENGA Marthe ubarizwa mu Mudugudu wa Rwagitanga, Akagari ka Nyakabanda I, Umurenge wa Nyakabanda, Akarere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali, yandikiye Komisiyo ayisaba kumufasha gusubizwa umwana we IRANZI Happyness Vanessa icyo gihe wari ufite imyaka ibiri n'amezi abiri kugira ngo amurere.

Avuga ko uwo mwana yamubyaranye na IRANZI J. M. Vianney wamuteye inda akiri mu mashuri yisumbuye, ngo umuryango w'uwo muhungu ukaba utarashatse ko babana nk'umugore n'umugabo. Se w'umwana yakoze uko ashoboye atwara umwana ku ngufu ku wa 23 Nzeri 2007 kandi yari akiri ku ibere. Ubwo UZAYISENGA Marthe yagezaga ikibazo cye kuri Komisiyo, umwana yabaga kwa nyirakuru ubyara se witwa MUKABAHIZI Hilde, utuye mu Mudugudu wa Nyagatare, Akagari ka Shagasha, Umurenge wa Gihundwe, Akarere ka Rusizi, mu Ntara y'Iburengerazuba.

UZAYISENGA Marthe avuga ko akimara kwamburwa umwana yagerageje gutakambira inzego za Polisi n'iz'Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gihundwe ntizita ku kibazo cye.

Ku wa 6 Gicurasi 2008 ngo yasuye umwana we aho ari kwa nyirakuru asanga abayeho nabi kandi arerwa nk'imfubyi kuko na se batabana, ubwo buzima bubi bukaba bwaragaragazwaga n'uko yasanze umwana wari ufite imyaka irenga ibiri yari yarazingamye.

Ku wa 6 Kanama 2008, Komisiyo yasabye Ubuyobozi bw'Akarere ka Rusizi gukurikirana icyo kibazo kugira ngo umwana asubizwe nyina. Ibyo byatewe n'uko Komisiyo yasangaga kwambura umwana nyina ari igikorwa kinyuranyije n'ingingo ya 27, igika cya kabiri cy'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 ivuga ko ababyeyi bombi bafite uburenganzira bwo kurera abana babo ndetse n'ingingo ya 7 y'Itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 rirebana n'uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa iteganya ko umwana afite uburenganzira bwo kurerwa n'ababyeyi be ndetse ikanateganya ko umwana afite uburenganzira bwo kumenya ababyeyi no kurerwa nabo. By'umwihariko, umwana utaragira imyaka itandatu y'amavuko agomba kubana na nyina mu gihe bitabangamiye inyungu z'umwana.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu ibaruwa n° 472/08 yo ku wa 12 Kanama 2008, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gihundwe yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, agenera Komisiyo kopi, amuha raporo y'uburyo umwana yahujwe na nyina, UZAYISENGA Marthe, nk'uko yari yabisabwe mu ibaruwa n° 2368/0306 .

Komisiyo isanga se w'umwana yarahohoteye bikomeye umwana we IRANZI Happyness Vanessa mu gihe yamuvutsaga uburenganzira bwe bwo kurerwa na nyina akajya kumureresha kwa nyirakuru.

Komisiyo na none isanga bariya bayobozi barafashe icyemezo cyubahiriza amategeko, bikaba bikwiye kubera urugero abandi bayobozi b'inzego z'ibanze, usibye mu gihe bigaragara ko umubyeyi afite imiziro ikomeye yatuma atakwemererwa kurera umwana we.

2. Ikibazo cy'ihungabanywa ry'uburenganzira bw'umwana Mark NSHUTI Shofeli RUZIBUKA

Ku wa 16 Ugushyingo 2005, ASIIMWE Barbara wiga mu Bwongereza yagejeje ikirego kuri Komisiyo ayisaba kumurenganura akagira uburenganzira bwo kurera umwana we Mark NSHUTI Shofeli RUZIBUKA. Mu kirego cye, yavugaga ko uwo mwana icyo gihe wari ufite imyaka itatu, se John Shofeli RUZIBUKA yamuvanye mu Bwongereza rwihishwa ajya kumureresha kwa se wabo witwa John Bosco RUZIBUKA utuye mu Murenge wa Kimironko, mu Karere ka Gasabo. ASIIMWE Barbara yavuze kandi ko yaje gusura uwo mwana agasanga baramujyanye mu gihugu cya Tanzaniya.

Komisiyo imaze gukora iperereza, yasanze koko umwana yarajyanywe muri Tanzaniya. Icyo gihe Komisiyo yagejeje ikibazo ku nzego za Polisi, umwana agarurwa mu Rwanda.

Nyuma y'aho, buri gihe uko ASIIMWE Barbara yazaga kumusura byabaga ikibazo kugira ngo abashe kubonana na we.

Icyo gihe Polisi y'Igihugu ifatanyije na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yahaye ASIIMWE Barbara umwana we, ariko ntibyatinze iyo Polisi yarongeye iramumwambura ku ngufu, imusubiza John Bosco RUZIBUKA.

Mu ntangiriro z'ukwezi kwa Gicurasi 2008, na bwo Madamu ASIIMWE Barbara yaje gusura umwana we, asaba ko bajya bagumana byibura muri za "week-end" kuko noneho yari aje azamara igihe kirekire mu Rwanda, baramutsembera.

Amananiza yose John Bosco RUZIBUKA yashyize kuri ASIIMWE Barbara amuvutsa uburenganzira bwo kubonana n'umwana we n'ubwo kumwirerera, yayashingiye buri gihe ku nyandiko ya John Shofeli RUZIBUKA yo ku wa 13 Mutarama 2006 yamuhaga uburenganzira bwo kumucungira umwana ngo mu gihe cyose azaba akiri mu mashuri hanze y'igihugu.

Komisiyo yandikiye Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo wa Polisi y'Igihugu ibaruwa n° CRDH/409/08 yo ku wa 2 Nyakanga 2008, imugaragaririza ikibazo cy'ihungabanywa ry'uburenganzira bw'umwana Mark Shofeli RUZIBUKA ariko nta gisubizo Komisiyo yabonye.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu kirego se w'umwana yari yaratanze mu nzego z'ubucamanza, Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru, mu rubanza nº RC 028/08/TB/KCY, ku wa 22 Kamena 2008, rwategetse ko umwana Mark NSHUTI Shofeli RUZIBUKA arerwa na se Shofeli RUZIBUKA. Urwo rubanza nyina w'umwana yararujuririye.

Icyagararagariye Komisiyo ni uko n'ubwo urukiko rwategetse se w'umwana kumurera, umwana yakomeje kurereshwa kwa se wabo wa se.

Komisiyo isanga uburyo bwo gucungisha undi muntu umwana ufite se na nyina bidategetswe n'icyemezo cy'ubucamanza, cyangwa ngo bikorwe ababyeyi bombi babwumvikanyeho, bunyuranye n'amategeko arengera uburenganzira bw'umwana kandi buhohotera bikomeye uburenganzira bwe bwo kurerwa n'ababyeyi be.

Ku ruhande rw'umubyeyi (se w'umwana) watanze umwana we ngo bamumucungire bikaba ari uguteshuka ku nshingano ahabwa n'amategeko nk'umubyeyi yo kurera umwana yabyaye.

Ku ruhande rw'umubyeyi (nyina w'umwana) wambuwe umwana we afite imyaka itatu bikaba ari ukumuvutsa uburenganzira bwe bwo kurera umwana yabyaye no kubana na we.

Komisiyo isanga kandi ibyemezo byafatiwe umwana Mark NSHUTI byo kurereshwa ahandi akamburwa nyina ku gahato, bishobora kuzagira ingaruka mbi ku buzima bwe.

Komisiyo isanga na none hari amategeko arengera uburenganzira bw'umwana atarubahirijwe muri iki kibazo :

- Ingingo ya 27, igika cya 2, y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, ivuga ko "ababyeyi bombi bafite uburenganzira n'inshingano zo kurera abana babo" ;

- Ingingo ya 7, igika cya 1 n'icya 3 y'Itegeko nº 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye uburenganzirwa bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa, ivuga ko "umwana wese afite uburenganzira bwo kumenya ababyeyi be no kurerwa na bo ... Igihe cyose umwana ataragira imyaka itandatu y'amavuko agomba kurerwa na nyina mu gihe bitabangamiye inyungu z'umwana";

- Ingingo ya 9, igika cya 1, y'Itegeko tumaze kuvuga, ryerekeye uburenganzirwa bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa, ivuga ko, "mu byemezo byose bireba umwana, hagomba kwitabwaho mbere na mbere inyungu ze".

Kubera izo mpamvu zose, Komisiyo irasaba inzego zose zifata ibyemezo bifite aho bihuriye n'uburenganzira bw'umwana, kwita by'umwihariko kandi ku buryo bugaragara ku nyungu z'umwana, no ku buringanire bw'umugore n'umugabo ku bijyanye n'uburere bw'umwana kuko iyubahirizwa ry'ubwo buringanire na ryo ari ingenzi mu kubumbatira uburenganzira bw'umwana.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

E. **Imanza zitinda**

1. Urubanza rwa MUKANDAMAGE Ancille

Ku wa 29 Ukwakira 2008, MUKANDAMAGE Ancille ukomoka mu Kagari ka Gitega, Umurenge wa Rushaki, Akarere ka Gicumbi, Intara y'Amajyaruguru, akaba afungiye muri Gereza Nkuru ya Kigali yagejeje ikibazo cye kuri Komisiyo ayisaba kumurenganura, ku kibazo afite cy'urubanza n° RP 0517/XXI/99/BY, yajuririye ku wa 5 Gashyantare 2000 mu cyahoze ari Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali rwasimbuwe n'Urukiko Rukuru rwa Repubulika, kuva icyo gihe kugeza ku wa 29 Ukwakira 2008, ubwo Komisiyo yabonanaga nawe, urubanza rwe rw'ubujurire rukaba rwari rutarahamagazwa ngo ruburanishwe.

MUKANDAMAGE yafashwe ku wa 27 Gshyantare 1998, aregwa icyaha cyo gukuramo inda ku bushake. Yaburaniye mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba ku wa 20 Mutarama 2000, asomerwa ku wa 27 Mutarama 2000 ahamwa n'icyaha, Urukiko rumukatira igihano cy'igifungo cya burundu, ntiyishimira imikirize y'urubanza bityo ku wa 5 Gashyantare 2000, ajuririra mu rukiko rwavuzwe haruguru.

Mu iperereza Komisiyo yakoze yamenye ko urubanza rwa MUKANDAMAGE rw'ubujurire rufite n° RPA 0331/06/HC/Kig, rwagombaga kuburanishwa ku wa 19 Nzeri 2008, ariko kuri iyo tariki ntirwaburanishijwe kubera ko Ubushinjacyaha butari bwitabye urukiko.

Komisiyo yamenye kandi ko urwo rubanza rwaburanishijwe ku itariki ya 4 Ukuboza 2008, ariko kuri uwo munsi bibanda gusa ku bijyanye n'ububasha bw'urukiko mu kuruburanisha.

Mu yandi mapereereza Komisiyo yakoze, yamenye ko ku wa 29 Mutarama 2009 urubanza rwa MUKANDAMAGE Ancille rwaburanishijwe mu mizi yarwo n'Urukiko Rukuru rwa Repubulika, rusomwa ku wa 20 Gashyantare 2009, ahamwa n'icyaha cyo gutererana no guta umwana byamuviriyemo urupfu, ahanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka icumi ; ariko kubera ko igihano yahanishijwe yakirengejeho umwaka umwe, Urukiko rwategetse ko ahita afungurwa urubanza rugisomwa.

Komisiyo irasanga MUKANDAMAGE Ancille yaravukijwe uburenganzira bwo kuburana mu gihe gicirirtse kuko yafunzwe by'agateganyo imyaka igeze kuri cumi n'umwe.

Komisiyo irasaba Urukiko rw'Ikirenga gukora igenzura ikamenya abagize uruhare mu itinza ry'urubanza rwa MUKANDAMAGE Ancille bagafatirwa ibihano mu rwego rw'imiyoborere y'ubucamanza.

2. Urubanza rwa BUKOBWA Godeberthe

BUKOBWA Godeberthe atuye mu Mudugudu wa RUSENYI, Akagari ka Murama, Umurenge wa Kinyinya, mu Karere ka Gasabo. Ikibazo cye giherereye mu Karere ka Rubavu.

BUKOBWA yandikiye Komisiyo ku wa 19 Ukwakira 2008 avuga ko Leta y'u Rwanda na *Caisse Hypothécaire du Rwanda* (C.H.R.) byagurishije mu cyamunara inzu ye iri mu ipariseri n° 218 i Rubavu, *Avenue la Corniche,* kandi atari yo yagwatirijwe. Ndetse ngo n'amatangazo yategurizaga icyamunara yavugaga gusa inzu y'i Gikondo.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ku wa 9 Werurwe 2007, BUKOBWA yatsinze urubanza n° RC 0168/06/TGI/NYGE rutesha agaciro icyo cyamunara, ahabwa icyemezo cy'uko urwo rubanza rutajuririwe ku wa 13 Nyakanga 2007. Ngo yaje gutungurwa n'uko abahesha b'inkiko banze kurangiza urubanza yatsinze bavuga ko rwajuririwe.

BUKOBWA avuga ko ubwo bujurire bwahawe itariki itari yo kuko iyo buza kuba buhari Urukiko Rwisumbuye ntirwari kumutera kashe mpuruza nyuma y'uko Urukiko Rukuru rwa Repubulika rwemeje ko urubanza rutajuririwe.

Ku wa 20 Ugushyingo 2008, Komisiyo yabonanye na Noteri w'Akarere ka Rubavu, ivugana kandi n'umuhesha w'inkiko mu Kagari ka Nengo, bose bavuga ko batazi neza ikibazo cya BUKOBWA.

Ku wa 2 Ukuboza 2008, Komisiyo yakoze iperereza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge no mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika, Urugereko rwa Kigali, imenya ko urubanza BUKOBWA yatsinze rwasomwe ku wa 9 Werurwe 2007, Leta y'u Rwanda na C.H.R. batitabye. Hari inyandiko igaragaza ko ubujurire bwa Leta y'u Rwanda bwinjiye mu rukiko ku wa 9 Mata 2007. Iburanishwa ryari ritegenyijwe ku wa 7 Kanama 2008, risubikwa nta tariki ivuzwe. Mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge hari ikirego n° RC 328/07/TGI/Nyge cyatanzwe na MUPENDA Sylvestre (waguze iyo nzu mu cyamunara) ku wa 20 Kanama 2007 atambamira urubanza n° RC 0168/06/TGI/NYGE. Icyo kirego na cyo ntikiraburanishwa.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yandikiye Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Repubulika imusaba gukoresha ububasha ahabwa n'itegeko kugira ngo iburanishwa ry'izo manza rihabwe amatariki ya bugufi.

Muri iki kibazo, Komisiyo isanga BUKOBWA yararenganyijwe kuko *Caisse Hypothécaire du Rwanda* yateje cyamunara inzu ye kandi itari yaratanzweho ingwate.

BUKOBWA yavukijwe uburenganzira bwo guhabwa ubutabera mu gihe gicirirtse kuko inzu yatsindiye imaze imyaka icyenda igurishijwe mu cyamunara (25 Nzeri 1999). Komisiyo yongeye gusaba Urukiko Rukuru rwa Repubulika gukora ibishoboka ngo iburanishwa ry'uru rubanza ryihutishwe kugira ngo BUKOBWA abone ubutabera bukwiriye.

3. Ikirego cya NYIRABAHIRE Béacine

NYIRABAHIRE Béacine ukomoka mu Kagari ka Akanzu, Umurenge wa Nzige mu Karere ka Rwamagana, wari ufungiye muri Gereza ya Nsinda, ku wa 12 Gashyantare 2008, yandikiye Komisiyo asaba kurenganurwa kuri dosiye ye ifite n° RMP 9767/S13/GS/MR ikaba yashyikirizwa Urukiko rufite ububasha bwo kuyiburanisha bityo akisobanura ku cyaha aregwa. Avuga ko yafashwe agafungwa ku wa 8 Gicurasi 2000 muri Gereza Nkuru ya Kigali, nyuma aza kwimurirwa muri Gereza ya Nsinda.

Ku wa 3 Mata 2008, Komisiyo yagiye ku Rukiko Rukuru i Kigali imenya ko urwo Rukiko rwashyikirijwe dosiye n° RPGR 2248/06/MJD/HA - RMP 9767/S13/GS/MR ku wa 25 Kanama 2006 ihabwa n° RP 0209/06/HC/Kig. Muri iyo dosiye Komisiyo yasanze NYIRABAHIRE aregwa icyaha cyo kwihekura. Komisiyo yamusabiye kuburanishwa mu gihe gicirirtse.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu rwego rwo gukurikirana icyo kibazo, ku wa 19 Kamena 2008, Komisiyo yasubiye kuri Gereza ya Nsinda isanga NYIRABAHIRE yarazanywe muri Gereza Nkuru ya Kigali, agomba kuburana mu Rukiko Rukuru i Kigali ku wa 30 Gicurasi 2008. Kuri uwo munsi ariko NYIRABAHIRE ntiyaburanye bitewe no kwimurirwa ahandi kw'abacamanza bari barasuzumye dosiye ye mbere.

Ku wa 21 Ugushyingo 2008, Komisiyo yamenye ko urubanza rwa NYIRABAHIRE rwaburanishijwe ku wa 7 Ukwakira 2008, rusomwa ku wa 24 Ukwakira 2008. Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana, rwemeje ko NYIRABAHIRE Béacine adahamwa n'icyaha yari akurikiranyweho. NYIRABAHIRE akaba yarafunguwe ku wa 27 Ukwakira 2008.

Komisiyo isanga NYIRABAHIRE yaravukijwe uburenganzira bwe bwo kuburana mu gihe giciriritse kuko yafunzwe imyaka umunani atarigeze aburana.

- **Imanza zitarangizwa**

1. Ikirego cya NIYITEGEKA Rose

Ku wa 15 Nyakanga 2008, NIYITEGEKA Rose ubarizwa mu Mudugudu wa Kabakano, Akagari ka Rugango, Umurenge wa Mbazi, Akarere ka Huye, mu Ntara y'Amajyepfo, yandikiye Komisiyo avuga ko yaburanye inshuro eshatu na mucyeba we, amurega kuba yaragurishije umutungo harimo n'inzu by'umugabo we kandi ari we mugore w'isezerano.

NIYITEGEKA Rose avuga ko yaburanye na NZASABAMARIYA Francine mu manza zikurikira :

- Mu rubanza rwa mbere RC n° 18974/51/01 rwaciwe ku 26 Nzeri 2002, NZASABAMARIYA Francine yaratsinzwe, Urukiko rumutegeka gusubiza NIYITEGEKA Rose imitungo yose ;

- Mu rubanza rwa kabiri RC n° 19.634/51/01 rwasabaga gusubirishamo urubanza RC n° 18974/51/01rwaciwe ku wa 20 Werurwe 2003, na none NIYITEGEKA Rose yongera gutsinda NZASABAMARIYA Francine ;

- Mu rubanza rwa kabiri RC n° 19.937/56/2003, NZASABAMARIYA Francine yatanze ikirego mu izinary'abana be UWIMANA Rosine na UWAMARIYA Valentine asaba ko Urukiko kwemeza ko babyawe na YAMPIRIYE Maurice, NIYITEGEKA Rose ahatirwa kugoboka muri urwo rubanza. Urukiko rwakijije urubanza ruvuga ko UWAMARIYA Valentine wenyine yandikwa kuri YAMPIRIYE Maurice naho UWIMANA Rosine Urukiko rwahakanye ko ari umwana wa YAMPIRIYE Maurice. Ikindi ni uko Urukiko rwategetse NZASABAMARIYA Francine guha NIYITEGEKA Rose indishyi z'akababaro z'amafaranga ibihumbi cumi (10.000 Frw).

Ikibazo NIYITEGEKA Rose afite ni uko ibyo yatsindiye atabihawe kubera ko ku wa 13 Werurwe 2003, mu ibaruwa n° 036/05/But/0, abisabwe na UWAMARIYA Valentine, Perezida w'Urukiko rw'Intara ya Butare, MUNYANEZA Sarto, yabujije abahesha b'Inkiko kurangiza urubanza rwe.

Ku wa 13 Ugushyingo 2008, Komisiyo yabonanye na Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Huye, imubajije agaciro Urukiko ruha ibaruwa ya Perezida warwo ugereranyije n'urubanza rwaciwe, asubiza ko

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

igifite agaciro ari urubanza. Komisiyo imusabye gukosora amakosa y'uwo yasimbuye, yavuze ko adashobora kwandika, ko ahubwo icyakorwa ari ugusaba abashinzwe kurangiza imanza gukora akazi kabo.

Komisiyo yagiye kureba Umuyobozi w'Akarere ka Huye ntiyamubona, ariko ibasha kubonana n'ushinzwe imiyoborere myiza. Yayibwiye ko badashobora kwirengagiza ibaruwa bandikiwe na Perezida w'urukiko.

Komisiyo isanga MUNYANEZA Sarto, Perezida w'Urukiko rw'Intara ya Butare, yarakuyeho imikirize yose y'imanza NIYITEGEKA Rose yatsinzemo NZASABAMARIYA Francine kandi nta tegeko na rimwe ribimuhera ububasha.

Komisiyo isanga kandi KANYEGERI, Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Huye, adashaka kwandika ibaruwa ivuguruza iyo MUNYANEZA Sarto yanditse.

Komisiyo isanga kandi abashinzwe kurangiza urubanza badashaka gukurikiza imanza zaciwe ahubwo bita gusa ku ibaruwa ya MUNYANEZA Sarto, wari Perezida w'Urukiko rw'Intara ya Butare kandi inyuranyije n'amategeko.

Komisiyo isanga NIYITEGEKA Rose yaravukijwe uburenganzira ku mutungo yatsindiye mu Nkiko, bityo ikaba isaba Umuyobozi w'Akarere ka Huye, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Huye n'uw'Akagari ka Nyakagezi kurangiza urwo rubanza uko rwaciwe, nta yandi mananiza.

2. Ikirego cya UWANYIRIGIRA Illuminée

Ku wa 3 Ukwakira 2008, UWANYIRIGIRA Illuminée ukomoka mu Kagari ka Mpenge, Umurenge wa Muhoza mu Karere ka Musanze yandikiye Komisiyo asaba kurenganurwa hagashyirwa mu bikorwa imikirize y'urubanza n° RP 0255/07/TGI/ Mus - RPGR 031028/S1/07/BA rwaciwe ku wa 29 Gashyantare 2007 n'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze. Muri urwo rubanza, RWUBAHANDE Védaste na UMUTONI Redempta bahamwe n'ibyaha byo guhohotera no kujujubya abana, UMUMARARUNGU Julienne, SAFARI Jadot na SIBOMANA Fidèle byavuyemo urupfu rwa SIBOMANA Fidèle. Abo bana bahohotewe ni abo RWUBAHANDE yabyaranye na UWANYIRIGIRA Illuminée wari umugore we wa mbere. RWUBAHANDE yahanishijwe igihano cy'igifungo cy'imyaka ibiri n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi ijana naho umugore we, UMUTONI Redempta, ahanishwa igifungo cy'imyaka itatu n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi magana abiri.

Mu mapererezа Komisiyo yakoze mu Rukiko Rwisumbuye rwa Musanze no muri Gereza ya Ruhengeri, yamenye ko RWUBAHANDE Védaste na UMUTONI Redempta batarajuririye iyo mikirize. Komisiyo yamenye kandi ko UMUTONI Redempta yashyikirijwe Gereza ya Ruhengeri ku wa10 Kanama 2007 kugira ngo arangize igihano cye cy'igifungo ariko RWUBAHANDE Védaste we ntiyashyikirizwa gereza ngo na we arangize igihano cy'igifungo yakatiwe.

Ikindi Komisiyo yamenye ni uko ukudafungwa kwa RWUBAHANDE byahungabanyije uburenganzira ku mutekano bwa UWANYIRIGIRA Illuminée ariwe nyina w'abana bavuzwe haruguru. Ikindi na none, kudafungwa kwa RWUBAHANDE byari byatesheje agaciro isura y'ubucamanza ku mpanvu z'uko ibihano Urukiko rwari rwategetse bitari byashyizwe mu bikorwa.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu ipereereza Komisiyo yakoze muri Parike ya Musanze, yamenye ko batashyikirijwe imikirize y'urubanza n° RP 0255/07/TGI/ Mus - RPGR 031028/S1/07/BA, ibaha kopi yarwo ku wa 6 Ugushyingo 2008.

Kuri uwo munsi, inzego zibishinzwe zashyikirije RWUBAHANDE Gereza ya Ruhengeri.

Komisiyo isanga amategeko agenga imiburanirishirize n'irangizwa ry'imanza z'inshinja byaha atarubahirijwe kuko icyemezo cy'urukiko cyamaze igihe kirenga umwaka kitarashyirwa mu bikorwa.

Komisiyo izakomeza gukurikirana icyo kibazo kugira ngo uburenganzira bw'abo bana butazakomeza guhungabanywa.

3. Urubanza rwa Koperative COOPAGREBU

Ku wa 18 Nyakanga 2008, Koperative COOPAGREBU yandikiye Komisiyo isaba kurenganurwa kuko urubanza n° RC 0003/06/TP/CYG rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi ku wa 8 Ukwakira 2007 rutarangizwa kandi iyo Koperative yaragejeje inshuro nyinshi ikibazo ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Muganza. Muri urwo rubanza, Koperative COOPAGREBU yatsindiye uwitwa NZUYAMATATA Mahane isambu igizwe na "blocs" (imirima y'imiceri) 57, ifite ubuso bwa hegitari 71250, ifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda miliyoni makumyabiri n'ebyiri n'ibihumbi magana inani (22.800.000 FRw) iri ahitwa Manamba mu Murenge wa Muganza.

Mu mapereereza Komisiyo yakoze, yamenye ko ku wa 30 Nyakanga 2008, ubuyobozi bw'Umurenge wa Muganza bwandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, ibaruwa n° 354/0306/10 bumugezaho raporo y'imiterere y'ikibazo cy'irangizwa ry'urubanza. Iyo raporo igaragaza ko Ubuyobozi bw'Umurenge wa Muganza bwageragejeje kurangiza urubanza ariko ntibyashoboka ngo kubera ko abahinga muri iyo sambu batemera imikirize y'urubanza. Mu gusubiza iyo baruwa, Ubuyobozi bw'Akarere ka Rusizi bwasabye kumvikanisha impande zombi.

Komisiyo isanga nta mpamvu n'imwe yagombye gutuma urubanza rutarangizwa kuko utishimiye imikirize y'urubanza ajurira, akaba nta bujurire bwigeze bubaho nk'uko bigaragazwa n'icyemezo cy'Urukiko Rukuru rwa Repubulika cyo ku wa 7 Ukuboza 2007. Ikindi ni uko muri Rutegetse yo ku rupapuro rwa 4 rw'urwo rubanza, Urukiko ruvuga ko « *Rutegetse NZUYAMATATA Mahane kuva mu isambu ya COOPAGREBU igizwe na blocs 57, ifite ubuso bwa hegitari 7.1250, iri ahitwa i Manamba, mu Murenge wa Muganza, akayisubiza COOPAGREBU, akabikora ku neza, bitaba ibyo akabihatirwa ku ngufu za Leta* ».

Komisiyo yandikiye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Rusizi, ibaruwa n° CRDH/786/08 yo ku wa 31 Ukuboza 2008, imusaba kurangiza urubanza n° RC 0003/06/TP/CYG mu gihe cya vuba. Guverineri w'Intara y'Uburengerazuba, Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Muganza bagenewe kopi.

Icyagaragariye Komisiyo ni uko Umuyobozi w'Umurenge wa Muganza wanashyikirijwe bwa mbere icyo kibazo yakirangaranye kandi akagaragaza ubushake buke bwo kugikemura.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu gihe cyo kwandika iyi raporo, nta gisubizo cy'iyo baruwa Komisiyo yari yabona.

4. Urubanza rwa MUKAMASABO Nathalie

Ikibazo cya MUKAMASABO Nathalie, ubarizwa mu Kagari ka Ntenyo, Umurenge wa Byimana, Akarere ka Ruhango, Intara y'Amajyepfo, cyanditswe muri raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2005[4], ndetse n'iy'uw'2007[5]. MUKAMASABO Nathalie yasabaga kurenganurwa agahabwa inka eshatu yatsindiye KARUGANDA Jean mu urubanza n° RC 2170/05/1999, rwakijijwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gitarama ku wa 11 Mutarama 2002

Muri raporo yayo y'umwaka w'2005, Komisiyo yagaragaje ko yasanze uwari Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Ntenyo, MUSONERA Phocas, yaragize ubushake buke mu gucyemura iki kibazo, isaba Ubuyobozi bw'uwo Murenge gushakisha aho MUKANDOLI Laurence, umugore wa KARUGANDA Jean abarizwa kugira ngo urwo rubanza rurangizwe.

Muri iyo raporo kandi bigaragara ko, Umuyobozi w'icyahoze ari Akarere ka Ntenyo yandikiye Umunyamabanga Nshingwabikorwa ibaruwa n° 709/07.13/07 yo ku wa 24 Kanama 2005, amusaba kurangiza icyo kibazo nta yandi mananiza, atabikora akazakurikiranwa n'amategeko. Siko byagenze kuko Ubuyobozi bw'Umurenge wa Ntenyo bwakomeje kurangarana ikibazo cya MUKAMASABO Nathalie, bituma yongera kwandikira Komisiyo ayisaba gukomeza kumufasha akabona ibyo yatsindiye.

Mu mwaka w'2006, Komisiyo yandikiye Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza, ibaruwa n° CRDH/0836/06 yo ku wa 25 Mata 2006, imusaba gukora ibishoboka byose ikibazo cya MUKAMASABO Nathalie kikarangizwa, ntiyabona igisubizo.

Mu mwaka w'2007, Komisiyo yakomeje gusura MUKAMASABO, imenya ko ikibazo cye kitacyemutse.

Mu gihe Komisiyo yateguraga raporo y'umwaka w'2007, yagiye ku Murenge wa Byimana, ivugana n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wawo, imusaba kurangiza icyo kibazo kuko cyatinze bikabaije. Umwaka warangiye urubanza rutarangijwe.

Mu mwaka w'2008, Komisiyo yakomeje gukurikirana iki kibazo, yandikira Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, ibaruwa n° CRDH 772/2008, imusaba gukora ibishoboka byose ikibazo cya MUKAMASABO Nathalie kikarangizwa vuba. Komisiyo yasabye kandi ko abayobozi bagize uruhare mu gutuma iki kibazo kitarangira, bakurikiranwa nk'uko amategeko abiteganya.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango ibaruwa n° 152/07.4/7 amusaba kurangiza icyo kibazo. Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango na we yasubije Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu mu ibaruwa n° 0151/0206/RD/06, amubwira ko umuburanyi wa MUKAMASABO adashobora kumwishyura kuko yabuze ubwishyu.

[4] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2005, p. 48.
[5] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2007, p. 67.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

5. Urubanza rwa MUKASHEMA Gatarina rutarangizwa

Ikibazo cya MUKASHEMA Gatarina ubarizwa mu Mudugudu wa Nyanza, Umurenge wa Muhima, Akarere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali, cyageze muri Komisiyo tariki ya mbere Ugushyingo 2006, akaba yarasabaga gufashwa kurangirizwa urubanza n° RC 13533/32 rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gitarama ku wa 19 Gicurasi 1999.

Mu mwaka w'2007, Komisiyo yakomeje gukurikirana icyo kibazo, umwaka urangira urwo rubanza rutarangijwe[6] kuko Noteri w'Akarere, RUGAZURA Jonas, yabwiye Komisiyo ko yagiye kurangiza urwo rubanza ku wa 22 Ugushyingo 2007, agasanga hari imwe mu mitungo yari yaremejwe n'urukiko ko izagabanywa ababuranyi bombi GAKWAYA Wellars yaragurishije, indi akavuga ko atari iye. Icyo gihe GAKWAYA yasabwe ko imitungo avuga ko atari iye ayisubiza beneyo, Inzego z'ibanze nazo zikagenzura ko byakozwe.

Ku wa 21 Ugushyingo 2008, Komisiyo yongeye kubonana na Noteri imubajije aho icyo kibazo kigeze, asubiza ko kitaracyemuka, ko ahubwo abona cyasubizwa ubuyobozi bw'Umurenge wa Mwendo, ngo kuko ari bo bakizi neza, bakaba ari nabo bamenya neza umutungo wa GAKWAYA Wellars.

Komisiyo isanga kuba uru rubanza rutararangijwe biterwa n'Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze busa nubusiganira icyo kibazo. Ikindi ni uko ari bwo bwari buzi imitungo ya GAKWAYA Wellars, imwe muri yo akayigurisha bubireba ntibumubuze kandi buzi ko yayitsindiwe m'urubanza.

Mu ibaruwa yayo n° CRDH 773/2008, yo ku wa 30 Ukuboza 2008, Komisiyo yandikiye Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, isaba ko abayobozi babigizemo uruhare babihanirwa nk'uko amategeko abiteganya.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yamenye ko urubanza rwa MUKASHEMA Gatarina rwarangijwe.

F. Uburenganzira ku burezi

Uburezi ni bumwe mu burenganzira bw'ibanze bwa Muntu. Uburenganzira ku burezi buteganywa n'Amasezerano Mpuzamahanga ndetse n'amategeko y'Igihugu. Ingingo ya 40 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, iteganya ko umuntu wese afite uburenganzira ku burezi, ko kwiga amashuri abanza ari itegeko kandi ari ubuntu mu mashuri ya Leta

Hafashwe ingamba zinyuranye zo gushyira mu bikorwa iyubahirizwa ry'uburenganzira ku burezi. Hashyizweho Politiki y'Uburezi kuri bose, Porogaramu y'Uburezi bw'ibanze bw'imyaka icyenda na Gahunda y'Ibigega by'Uburezi mu Turere n' Imirenge bifasha abana batishoboye kwiga mu mashuri yisumbuye ya Leta. Hagiyeho kandi Ikigega gifasha abana bacitse ku icumu batishoboye (FARG). Ibyo bigega byombi byunganirwa n'imiryango itari iya Leta.

[6] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2007, p. 70.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Minisiteri y'Uburezi kandi yashyizeho amabwiriza asaba abarezi ku bigo by'amashuri kutirukana abana babaziza kutishyura amafaranga y'ishuri.

N'ubwo hari byinshi byagezweho mu rwego rwo kubahiriza uburenganzira ku burezi, ikibazo cy'ubukene bw'ababyeyi kiri ku isonga mu bihungabanya uburenganzira ku burezi, akaba ari kimwe mu bwoko bw'ibibazo Komisiyo yagejejweho mu mwaka w'2008.

Komisiyo itirengagije ko uburenganzira ku mibereho myiza muri rusange n'uburenganzira ku burezi by'umwihariko bwubahirizwa hakurikije amikoro y'igihugu nk'uko biteganywa n'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'ubukungu, mu mibereho myiza no mu muco yo ku wa 16 Ukuboza 1966, isanga ikibazo cy'uburezi ku bana b'abakene kigikomeye.

Komisiyo yashyikirije ibibazo yagejejweho ku nzego z'ubuyobozi zishinzwe kubikemura, bimwe birakemuka ibindi ntibyakemuka. Izi ni zimwe mu ngero z'ibyo bibazo bigaragara mu mashuri ya Leta :

- RUKUNDO Jean Bosco ukomoka mu Kagari ka Kirehe, Umurenge wa Kabare, Akarere ka Kayonza, yigaga mu ishuri rifashwa na Leta rya Kayonza Modern mu mwaka wa kabiri w'icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye. Yari yarirukanywe kubera kutishyura amafranga y'ishuri amara umwaka wose atiga. N'ubwo ubu RUKUNDO yasubiye mu ishuri, Komisiyo isanga ikigo kitarubahirije amabwiriza yo kutirukana abana batarishyura.

- MUSABYIMANA Rachel utuye mu Mudugudu wa Rugarama, Akagari ka Nyagihunika, Umurenge wa Musenyi, Akarere ka Bugesera, yarangije amashuri abanza atsinda ikizamini cya Leta ariko ntiyashobora kujya ku Kigo EAV-Gitwe mu Karere ka Ngoma yari yoherejwemo. Nyuma yo kugeza ikibazo cye ku buyobozi bw'ibanze, MUSABYIMANA yagannye Komisiyo ngo imufashe. N'ubwo ubu yasubiye mu ishuri, yari amaze imyaka ibiri atiga.

- BAYINGANA Dan ukomoka mu Mudugudu wa Karama, Akagari ka Kawangire, Umurenge wa Rukara, Akarere ka Kayonza mu Ntara y'Iburasirazuba, yigaga mu mwaka wa kabiri ku Kigo cy'Amashuri yisumbuye cya Gahini. Kugeza ubu ntarabona uburyo bwo gukomeza kwiga.

Kubera uburemere bw'ikibazo cy'abana batiga, Komisiyo yafashe icyemezo cyo kuzakora ipereereza rirambuye kuri icyo kibazo mu mwaka w'2009 kugira ngo imenye neza imiterere yacyo mu Turere twose tw'Igihugu.

Komisiyo irasaba ubuyobozi bw'ibanze gufata ingamba zihamye zo kongera ubushobozi bw'ibigega by'uburezi byishyurira abana batishoboye aho kurambiriza ku nfashanyo z'abaterankunga. Izo ngamba kandi zafatwa mu buryo ababyeyi n'abaturage muri rusange babigiramo uruhare rugaragara.

G. **Uburenganzira bwo kunganirwa no guhagararirwa mu rubanza**

Kunganirwa no guhagararirwa mu rubanza ni uburenganzira bwa Muntu. Umuntu wese udashoboye kwibonera umwunganira cyangwa umuhagararira mu rubanza yagombye kubifashwamo kuko iyo uko kunganirwa cyangwa guhagararirwa bidashobotse, bishobora kuba intandaro yo kuvutswa uburenganzira ku rubanza ruciwe mu mucyo cyane cyane ku bana n'abatishoboye.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Uburenganzira bwo kunganirwa no guhagararirwa mu rubanza buteganywa mu Masezerano Mpuzamahanga no mu mategeko y'Igihugu. Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, mu ngingo yaryo ya 18, igika cya 3, iteganya ko "kumenyeshwa imiterere n'impamvu z'icyaha ukurikiranweho, kwiregura no kunganirwa ari uburenganzira budahungabanywa mu bihe byose, mu nzego zose z'ubutegetsi, iz'ubucamanza n'izindi zose zifatirwamo ibyemezo".

Itegeko n° 3/97 ryo ku wa 19 Werurwe 1997 rishyiraho Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu riteganya uburyo abatishoboye bunganirwa bakanahagararirwa mu manza. Iryo Tegeko riteganya kandi ko abakoze uwo murimo bishyurwa hifashishijwe Ikigega cy'Ubwunganizi giterwa inkunga na Leta. Icyagaragariye Komisiyo ni uko icyo Kigega kitarashyirwaho bityo uburenganzira bw'abatishoboye bwo kunganirwa no guhagararirwa mu manza bukaba butubahirizwa neza.

Ku birebana n'abana bakurikiranyweho ibyaha nshinjabyaha, Komisiyo yasanze n'ubwo Itegeko n° 13/2004 ryo ku wa 17 Gicurasi 2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu riteganya ko "umwana ushinjwa agomba kugira Umwunganira, iyo adashoboye kumwihitiramo cyangwa se ngo abamuhagarariye bamumuhitiremo, ubushinjacyaha busaba Umukuru w'Urugaga rw'Abunganira abandi mu nkiko kumushyiraho" kenshi ntibikorwa. Porogramu yo gushyira Abavoka babiri ku rwego rwisumbuye bunganira abana mu manza yari nziza kandi yari yarafashije. Ariko mu gihe iyi raporo yategurwaga, byari bitagikorwa.

Mu mwaka w'2008, Komisiyo yagejejweho ibibazo by'abantu banyuranye bifuzaga kunganirwa mu manza. Ku bufatanye Komisiyo ifitanye n'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda bamwe muri abo bantu babonewe ababahagarira mu manza zabo. Zimwe muri izo ngero ni izi zikurikira :

- CANDARI Norah utuye mu Mudugudu wa Bwiza, Akagari ka Cyimo, Umurenge wa Masaka, Akarere ka Kicukiro, yagenewe umuhagararira mu rubanza n° R.C 0024/08/TB/Kgro rwaburanishijwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kigabiro mu Karere ka Rwamagana.
- RWANDEZI Augustin ukomoka mu Kagari ka Binunga, Umurenge wa Munyiginya, Akarere ka Rwamagana yagenewe umwunganira mu rubanza n° RC 023/07/TB/Kgro rwaburanishijwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kigabiro mu Karere ka Rwamagana.

Dushingiye kuri izi ngero n'izindi zitanditswe, Komisiyo isanga itegeko rishya rigenga abunganira n'abahagararira abandi mu manza rikwiye kwihutishwa kugira ngo rigaragaze uko uburenganzira bwo kunganirwa no guhagararirwa ku batishoboye bwakubahirizwa.

H. Ibirego by'uburenganzira ku murimo n'amategeko agenga umurimo

1. Ikibazo cya RWAMUCYO Tharcisse

RWAMUCYO Tharcisse utuye mu Murenge wa Bigogwe, Akagari ka Rega, Akarere ka Nyabihu, yari umukozi muri MINEDUC aza kugira impanuka y'akazi ku wa 23 Werurwe 1998. RWAMUCYO Tharcisse akaba afitanye ikibazo n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda kuko yanze

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

kumuha ibyo amategeko amugenera. RWAMUCYO Tharcisse yandikiye Komisiyo ku wa 17 Mutarama 2007 ibaruwa ihagera ku wa 24 Mata 2007 ayisaba kumukurikiranira ikibazo cye.

Ku wa 9 Gicurasi 2007, Komisiyo yabonanye na RWAMUCYO Tharcisse ayigaragariza inyandiko yandikiranye n'ubuyobozi bunyuranye kugira ngo arenganurwe ariko bikaba iby'ubusa mu gihe nyamara hagaragara ko yagize impanuka y'akazi.

Ku wa 23 Gicurasi 2007, Komisiyo yakomeje gukurikirana icyo kibazo ibonana n'Umuyobozi w'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda mu Karere ka Rubavu, ayitangariza ko impamvu yatumye RWAMUCYO Tharcisse adahabwa ibyo amategeko amugenera ari uko Ubuyobozi bwa Minisiteri y'Uburezi mu Karere ka Rubavu, butamutangiye umusanzu w'abakozi mu bihembwe bibiri bibanziriza igihe yakoreyeho impanuka (igihembwe cya kane cy'umwaka w'1997 n'igihembwe cya mbere cy'umwaka w'1998). Umuyobozi w'isanduku y'ubwiteganyirize bw'abakozi y'u Rwanda akaba yarijeje Komisiyo ko igihe cyose Minisiteri y'Uburezi izamukorera izo "déclarations" azahita abarirwa amafaranga ye.

Ku wa 24 Kanama 2007, Komisiyo yageze ku biro by'Umuyobozi w'Uburezi mu Karere ka Rubavu ntiyagira umukozi ihasanga, isubira ku biro by'Isanduka y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda mu Karere ka Rubavu isanga ntacyakozwe kuri dosiye ya RWAMUCYO ariko ibasha kubona kopi y'ibaruwa yo ku wa 14 Ukuboza 2004, Ubuyobozi bw'Isanduku y'Ubwiteganyirize y'u Rwanda bwandikiye Umuyobozi w'Uburezi i Gisenyi busaba « Déclaration complémentaire » y'igihembwe cya kane cy'umwaka w'1997 n'igihembwe cya mbere cy'umwaka w'1998, ntihatangwa igisubizo.

Ku wa 23 Ugushyingo 2007, Komisiyo yabonanye kandi n'Umuyobozi w'Uburezi mu Karere ka Rubavu ayibwira ko agiye gusaba abashinzwe ahabikwa inyandiko zashyinguwe gushaka izo ''declarations'' zikenewe kugira ngo RWAMUCYO Tharcisse ahabwe ibyo amategeko amwemerera.

Tariki ya 23 Mutarama 2008, Komisiyo yongeye kubonana n'Umuyobozi w'Uburezi mu Karere ka Rubavu, ibonana kandi n'umukozi ushinzwe ahabikwa inyandiko zashyinguwe bayibwira ko hamaze kuboneka igihembwe kimwe gusa. Icyagaragaye ni uko n'icyo bavuga ko babonye ari igihembwe cya kane cy'umwaka w'1998 mu gihe hari hakenewe igihembwe cya kane cy'umwaka w'1997 n'igihembwe cya mbere cy'umwaka w'1998.

Komisiyo isanga Akarere ka Rubavu kararangaranye ikibazo cya RWAMUCYO Tharcisse bitewe n'uko batatanze ibyo Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda yasabye kugira ngo uburenganzira bw'uwari umukozi bwubahirizwe.

Tariki ya 15 ukwakira 2008, Komisiyo yabonanye na RWAMUCYO Tharcisse ayimenyesha ko kugeza icyo gihe nta cyari cyakozwe kugira ngo arenganurwe kandi bigaragara ko Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi yandikiye Minisiteri y'Uburezi isaba imisanzu y'ibihembwe bibiri bya nyuma kugira ngo RWAMUCYO ahabwe ibyo amategeko amwemerera.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, ikibazo cya RWAMUCYO Tharcisse, kimaze hafi imyaka icumi n'umwe cyari kitaracyemuka.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo irasaba inzego zibishinzwe kwihutira gucyemura ikibazo cya RWAMUCYO Tharcisse kandi nta yandi mananiza. Kera iyo mpamvu, Komisiyo irasanga RWAMUCYO Tharcisse akwiye guhabwa indishyi z'akababaro.

I. Uburenganzira bwo kubaho

Imaze kubona ko hari ihohoterwa ry'uburenganzira bwo kubaho ryiganje mu Ntara y'Amajyepfo muri rusange, mu Turere twa Huye, Gisagara na Muhanga by'umwihariko bikaba byarabaye mu mpera z'umwaka w'2007 no mu ntangiriro z'umwaka w'2008, bwibasiye cyane cyane abacitse ku icumu rya jenoside, abatangabuhamya mu Nkiko Gacaca n'ubundi bwicanyi busanzwe Komisiyo yafashe icyemezo cyo gukora iperereza rirambuye kuri icyo kibazo.

Muri iryo perereza yakoze, ku wa 19 Ukwakira 2007, kuva ku wa 15 kugeza ku wa 18 Mata 2008, kuva ku wa 1 kugeza ku wa 3 Mata 2008, kuva ku wa 22 kugeza ku wa 23 Gicurasi 2008, ku wa 5 Kamena 2008, ku wa 8 Nyakanga 2008 no ku wa 30 Kanama 2008, Komisiyo yabonanye n'abayobozi b'Uturere ab'Imirenge, abayobozi b'inzego za Polisi y'Igihugu, abo mu nzego z'ubutabera n'abaturage b'ingeri nyinshi.

Komisiyo yasanze harapfuye abantu cumi n'icyenda bashyirwa mu byiciro bitatu bikurikira bigizwe n'abacitse ku icumu rya Jenoside n'abatangabuhamya mu Nkiko Gacaca, abazize inzangano z'imiryango n'abazize ubwicanyi busanzwe.

Bamwe mu bishwe mu mwaka w'2008

Mu bazize Jenoside harimo :

- MUVUNYI Jean Paul wabarizwaga mu Mudugudu wa Karehe, Akagari ka Mbiri, Umurenge wa Nyarusange, Akarere ka Muhanga, yishwe mu ijoro ryo ku wa 17 Werurwe 2008. UWIZEYIMANA Théophile na NZABONIMANA Athanase, bakekwa kuba aribo bishe MUVUNYI Jean Paul barakurikiranwe n'inzego z'ubutabera ubu bafungiye muri Gereza ya Muhanga, bategereje kuburana ;

- Ku wa 8 Gashyantare 2008, mu Karere ka Gisagara, Umurenge wa Kigembe, Akagari ka Gatovu, abantu bitwaje imbunda bateye urugo rw'uwitwa UHAGAZE Vincent bica abana babiri. Nyiri urugo n'uwo bashakanye ntibishwe, kuko iryo joro bari baraye mu yindi nzu. Abajijwe icyo atekereza kuri icyo gitero, UHAGAZE Vincent yasubije ko atari ubwa mbere aterwa kubera ubuhamya yatanze mu Nkiko Gacaca. Yatewe ubwa mbere mu mwaka w'1998, bamwe mu bamuteye barafatwa barafungwa, nyuma baza kurekurwa bataburanye.

  Nyuma y'igitero cyo ku wa 8 Gashyantare 2008, hafashwe abakekwaga kukigiramo uruhare uko ari batandatu, barimo na *local defense* witwa SEBAZUNGU, wanze gutabara akabuza n'abandi kubikora.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Ku wa 27 Mata 2008, NSENGIYUMVA Eugène, umugabo wari waracitse ku icumu rya Jenoside y'Abatutsi yiciwe iwabo mu Karere ka Nyanza, Umurenge wa Kibirizi, Akagari ka Mbuye. Uwamwishe yamukubise ikintu mu mutwe, yikanze umugenzi agenda atamuhwanyije. Yaje kugwa kwa muganga nyuma.

  Iperereza ritangiye, abaturage babwiye abashinzwe umutekano ko uwitwa MUNYENTWARI Théoneste yari yarahigiye kuzica nyakwigendera, kubera amakuru yamutanzeho yerekana uruhare rwe mu bwicanyi bwa Jenoside y'Abatutsi.

Mu bazize ubwicanyi busanzwe :

- UWIZEYIMANA Eugenie na GWIZA MEEK David, umwana w'imyaka ibiri, bo kwa RUGOMWA Fidèle ubarizwa mu Mudugudu wa Taba, Akagari ka Butare, Umurenge wa Ngoma mu Karere ka Huye bapfuye barashwe ku wa 11 Gashyantare 2008, saa tatu za mu gitondo. Inzego z'ubutabera zafashe abantu batatu bakekwa kuba baragize uruhare muri ubwo bwicanyi bafungirwa muri Gereza ya Butare aho bategereje kuburanishwa mu Nkiko ;

- NSABIMANA Théogène, umusore w'imyaka makubyabiri n'umwe wigaga mu Ishuli Ryisumbuye "Collège" Imena y'i Karama iri mu Murenge wa Karama mu Karere ka Huye. Yarashwe ku mugoroba wo ku wa 8 Mata 2008, igihe cya saa kumi n'ebyiri, n'umuntu utaramenyekana wari wambaye umwambaro wa "Local Defense Forces".

Mu bazize inzangano zo mu miryango :

- MUKAMANZI Jacqueline wari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Mariba wabarizwaga mu Mudugudu wa Kamusindi, Akagari ka Rusenge, Umurenge wa Rusenge mu Karere ka Nyaruguru yishwe atemaguwe mu ijoro ryo ku wa 16 Gashyantare 2008. NGENZI Evariste umugabo wa nyakwigendera n'abandi bagenzi be bane bakekwa kuba baramwishe, bafungiye muri Gereza ya Nyamagabe aho bategereje kuburanishwa ;

- HABIYAKARE Ezira wabarizwaga mu Kagari ka Rushenyi, Umurenge wa Rugarika, Akarere ka Kamonyi yishwe mu ijoro ryo ko wa 13 Gicurasi 2008 amenweho "acide". Yajyanwe mu bitaro bya Remera Rukoma, avanwayo ajyanwa mu bitaro bya CHUK, ariko ahageze yahise apfa. Abakekwa kuba baragize uruhare mu rupfu rwe barafashwe bafungirwa muri Gereza ya Muhanga aho bategereje kuburanishwa.

Komisiyo yavuganye kandi n'abayobozi banyuranye bayigaragariza ingamba zafashwe. Komisiyo isanga izo ngamba ari nzinza ariko zigomba guhabwa ingufu kandi zigashyirwa mu bikorwa n'inzego z'ibanze, iz'umutekano, n'abaturage ubwabo.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

J. Ibindi birego by'ihohotera ry'uburenganzira bwa muntu

1. Ikibazo cy'ishyirahamwe APERWA

Ku wa 18 Ukuboza 2008, KALISA Callixte, uhagarariye umuryango udaharanira inyungu « APERWA », ufite ishuri ryisumbuye «Groupe Scolaire APERWA » mu Murenge wa Rusororo, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, yandikiye Komisiyo ayisaba kurenganura uwo muryango. Avuga ko ku wa 22 Mutarama 2007, uwari Umuyobozi w'Ishuri yahagaritswe maze nyuma y'iryo hagarikwa, ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo bugahagarika Komite Nyobozi ya APERWA na Komite y'ababyeyi, kuva muri Kamena 2007, bushyiraho Umuyobozi w'ishuri w'agateganyo.

Mu mapereereza Komisiyo yakoze, yamenye ko umuryango APERWA wahawe ubuzima gatozi ku wa 10 Kamena 1987, muri uwo mwaka utangiza ishuri ryisumbuye. Mu mwaka w'1991, ishuri ryeguriwe iyari Komini RUBUNGO. Nyuma ya jenoside y'1994, Komini RUBUNGO yasabye ababyeyi kurisubirana, hatorwa n'abandi banyamuryango bashya. Ku wa 3 Nyakanga 1996, Minisitiri w'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye yahaye umuryango APERWA uburenganzira bwo kongera gufungura ishuri, ubwo burenganzira bwemezwa burundu ku wa 13 Nzeri 2000.

Ku byerekeye ihagarikwa rya komite nyobozi ya APERWA na Komite y'ababyeyi, Komisiyo yamenye ko ku wa 2 Gashyantare 2007**,** Ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo bwahagaritse by'agateganyo Komite Nyobozi ya APERWA, hashyirwaho Komite Nyobozi y'agateganyo. Ku wa 14 Kamena 2007, ubwo buyobozi bwahagaritse Komite Nyobozi y'agateganyo. Ku wa 14 Kamena 2007, buhagarika komite y'Ababyeyi y'ikigo cya APERWA. Mu kwezi kwa Kamena 2007, ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo bwasabye ko hakorwa igenzura « audit » ku micungire y'ishuri APERWA ndetse iryo genzura rirakorwa ariko raporo yaryo ntiyashyizwe ahagaragara kandi impande zombi zarayifataga nka kimwe mu bishobora gucyemura impaka.

Ku wa 14 Werurwe 2008, Komisiyo yandikiye Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye ibaruwa n° CRDH/137/08 isaba ko ikibazo cy'umuryango APERWA cyakemurwa vuba, Minisitiri w'Uburezi, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali n'Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo bagenewe kopi y'iyo baruwa. Komisiyo nta gisubizo cy'iyo baruwa irabona.

Komisiyo yamenye kandi ko Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yo ku wa 15 Nyakanga 2008 yafashe umwazuro wo gushyiraho ubuyobozi buhoraho bw'ishuri APERWA, gukoresha « audit indépendant » kandi ibibazo bya APERWA bigakomeza gukurikiranwa kugira ngo haboneke umwanzuro ukwiye. Mu gihe hategurwa iyi raporo, Komisiyo yamenye ko ibyo bibazo bitaracyemuka.

Kubera ko ishuri APERWA rimaze umwaka n'amezi icyenda rifite ubuyobozi bw'agateganyo, hakaba hari ibibazo ubwo buyobozi budashobora gucyemura birimo ibyerekeranye n'imishahara y'abarimu, isanwa ry'inyubako z'ikigo n'ibindi, Komisiyo irasaba Minisiteri y'Uburezi n'izindi nzego bireba, gukora ibishoboka byose ibibazo bya APERWA bigakemurwa mu gihe cya vuba kuko nk'uko biteganywa n'ingingo ya 32 (c) *y'Itegeko n° 20/2003 ryo ku wa 1 Ugushyingo 2003 rigena imiterere y'uburezi* « amashuri y'abantu ku giti cyabo acungwa na ba nyirayo ».

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

K. Gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'abafite imibereho yihariye

1. Isurwa ry'ikigo cy'abasheshe akanguhe mu Murenge wa Nyamabuye

Ku wa 12 Nzeri 2008, Komisiyo yasuye abasheshe akanguhe baba mu kigo cy'Abizeramaliya mu Murenge wa Nyamabuye mu Karere ka Muhanga. Mu kiganiro Komisiyo yagiranye n'umubikira ubashinzwe yavuze ko icyo kigo cyatangiye mu mwaka w'1966 gitangirana abasheshe akanguhe mirongo itatu na bane. Ubwo Komisiyo yasuraga abo basaza n'abakecuru yasanze abahari ari makumyabiri na bane. Hari kandi n'abandi bafashirizwa hanze. Muri bo abagore akaba aribo benshi.

Icyo kigo kandi kirimo abasaza n'abakecuru bafite imyaka igera ku ijana. Batungwa n'umuryango w'Abizeramaliya, nawo ugafashwa na Kiliziya Gatorika. Ni wo ubavuza, ni na wo ubakemurira ibibazo byose bafite. Muri rusange, ikibazo bafite nicyo kutagira ababitaho bahagije kuko imyaka bagezemo iruhije, bakeneye abantu babahora hafi kuko muri bo hari abadashobora no kwivana mu gitanda, harimo abamaranye igihe kirekire uburwayi. Urugero ni umukecuru umaze imyaka cumi n'irindwi atabyuka. Hari abadashobora kugenda. Harimo kandi n'abafite ubumuga.

Komisiyo isanga abasheshe akanguhe bo mu Kigo cy'Abizeramaliya bo mu Karere ka Muhanga nta bibazo bikomeye bafite uretse gusa icyo kugira ababitaho bahagije kandi babyigiye. Umubikira ubashinzwe yabwiye Komisiyo ko bateganya kongera abakozi ku buryo icyo kibazo kizakemuka.

2. Isurwa rya "Cité de Nazareth" i Mbare

Ku wa 13 Nzeri 2008, Komisiyo yasuye ikigo cya "Cité de Nazareth" cyangwa Cité des Jeunes" kiri i Mbare mu Murenge wa Shyogwe mu Karere ka Ruhango.

Komisiyo ivugana na MUSABYEMALIYA Drocella, uyobora icyo kigo, yavuze ko cyatangiye gukora mu mwaka w'1998. Ubu gifite abana ijana na mirongo irindwi, muri bo abakobwa ni ijana na cumi n'umunani. Icyo kigo cyakira abana bafite hagati y'imyaka itandatu n'umunani. Abana ba mbere bakiriye ubu bafite imyaka makumyabiri n'umwe bakaba biga mu mashuri yisumbuye mu mwaka wa gatanu. "Cité de Nazareth" ntabwo ari ikigo cy'impfubyi gusa ahubwo ni ikigo cyakira abana bari mu byiciro binyuranye nko kuba impfubyi idafite ababyeyi bose, abana bafite ababyeyi batishoboye, abana bafite abishingizi. Iyo bagize ikibazo cy'abana bajugunywa na ba nyina ku mihanda cyangwa se n'abandi babohereza mu bindi bigo byakira impfubyi. Mu biruhuko abana bajya mu miryango yabo cyangwa se ku bishingizi babo ku babafite. Abatabafite baguma mu kigo kigakomeza kubitaho.

Ibyitaweho igihe cy'isurwa ry'icyo kigo

- **Ku bijyanye no kwiga**

Ikigo cya "Cité de Nazareth" gifite ikibazo cyo gutsindisha abana bacye. Ibyo biterwa n'uko abana baba bagize imibereho mibi bakiri bato bikabagiraho ingaruka mu buzima ku buryo kwiga usanga bibagora cyane.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Abana bafite ibibazo byo kwiga babashyira mu ishuri ry'imyuga akaba ari yo biga. Mu kigo hari ishuri ribanza ndetse n'iry'incuke. Cyakora nta mashuri yisumbuye ahari ariko bafite gahunda yo kuzayatangiza mu minsi iri imbere.

- **Ku bijyanye no kwivuza**

Nta kibazo ikigo gifite cyo kwivuza kuko bafite ivuriro rifasha abana iyo barwaye, haba hari abarwaye cyane bakajyanwa mu bitaro bya Kabgayi. Abana bose bafite ubwisungane mu kwivuza.

- **Ku bijyanye n'imirire**

Umuyobozi w'Ikigo yabwiye Komisiyo ko nta kibazo bagira kijyanye n'ibitunga abana kuko barya ibiryo byose. Bimwe barabigura ibindi barabyihingira bafite kandi inka borora ku buryo bashobora kubona amata n'ibiyakomokaho byunganira indyo isanzwe.

- **Ku bijyanye n'isuku**

Komisiyo yasanze ikigo cya Mbare kirimo isuku ihagije, yagenzuye aho abana barara, aho batekera, aho barira, no mu bwiherero, hose yahasanze isuku. Ibyo byose biterwa n'uko bafite abakozi bahagije babafasha mu mirimo ya buri gihe ndetse n'abana ubwabo bakaba bikorera isuku. Bafite amazi n'amashanyarazi bihagije. Iyo bagize ikibazo cy'amashanyarazi bakoresha moteri.

- **Ku bijyanye no kwidagadura**

Mu kigo hari "encadreur" ubafasha mu mikino inyuranye, bafite ibibuga by'imikino kandi bafite icyumba bareberamo televiziyo.

Kugira ngo iyo mirimo yose itungane, bafite ikipe y'abantu bakorana na bo buri munsi barimo : Ababikira batanu baba mu kigo, umusosiyare umwe, ushinzwe guteka umwe, abarimu batatu. Hari kandi n'abandi bashinzwe indi mirimo nk'isuku.

Muri rusange, ikigo cya "Cité de Nazareth" nta bibazo gifite. Cyashinzwe ku nkunga ya Papa Jean Paul II. Ubu gifashwa na Kiliziya Gatorika.

L. Uburenganzira ku mitungo

1. Ikirego cya NIRERE Mariyamu

Ku wa 5 Nyakanga 2007, NIRERE Mariyamu ubarizwa mu Mudugudu wa Gatungo, Akagari ka Ngarama, Umurenge wa Ngarama, Akarere ka Gatsibo, yandikiye Komisiyo asaba kurenganurwa, avuga ko Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rw'Ibanze rwa Ngarama yamusohoye mu nzu n'abana batanu ayiteza cyamunara, umuryango we ukaba utagira aho uba.

Ku wa 23 Ukwakira 2007, Komisiyo yagiye gukora iperereza, isanga NSENGIYUMVA Musa, umugabo wa NIRERE Mariyamu yaratsinzwe urubanza n° RP 0017/I/04/TD/NGA, rwaburanishijwe

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

n'Urukiko rw'Ibanze rwa Ngarama, ku wa 26 Kanama 2005. Urukiko rumutegeka kwishyura NYIRAMATAMA Jeanne baburanaga amafaranga ibihumbi magana atatu (300.000 FRw) rumukatira n'igifungo cy'imyaka ibiri. NSENGIYUMVA Musa amaze kumva icyemezo cy'Urukiko yahise acika.

Mu rwego rwo gushyira icyemezo cy'Urukiko mu bikorwa, Umwanditsi w'Urukiko rw'Ibanze rwa Ngarama, HITIMANA Apollinaire, yateje cyamunara inzu NIRERE Mariyamu n'abana be babagamo. Ubwo Komisiyo yabasuraga yasanze baba muri shitingi, iwabo wa NIRERE Mariyamu.

Kuri uwo munsi, Komisiyo yavuganye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Ngarama, ayemerera ko NIRERE Mariyamu azashyirwa ku rutonde rw'abantu batishoboye ubuyobozi bw'Umurenge buteganya kubakira.

Ku wa 4 Ukuboza 2008, Komisiyo yasubiye mu Murenge wa Ngarama, isanga NIRERE Mariyamu atarubakirwa.

Mu ibaruwa yayo n° CRDH /736/08 yo ku wa 11 Ukuboza 2008, Komisiyo yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo imusaba ko NIRERE Mariyamu n'abana be bakubakirwa.

Komisiyo isanga ririya rangizarubanza ryarakozwe mu buryo bunyuranye n'amategeko, kuko inzu yagurishijwe ariyo umuryango wabagamo, kandi ari nayo ufite gusa. Ibi bikaba binyuranyije n'ingingo ya 296 y'Itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20 Kamena 2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'ubutegetsi igira iti : "Nta wufatira inzu umutindi nyakujya atuyemo, na kimwe cya kabiri cy'ubutaka buhingwa gitunga uwafatiriwe n'urugo rwe, babura ntibabeho, cyeretse biramutse bigaragajwe ko afite ibindi cyangwa ashobora kubibona atagizwe umutindi nyakujya ngo abere umuzigo uvunanye abandi baturage ari uko yabuze epfo na ruguru".

Komisiyo isanga umwanditsi w'urukiko wakoze icyo gihe umurimo w'Umuhesha w'Inkiko yarishe amategeko ajyanye n'irangiza ry'imanza, bityo akaba akwiye kubikurikiranwaho n'ibyo yakoze bigateshwa agaciro.

M. Gukurikirana iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu mu Nkiko Gacaca no mu mirimo nsimburagifungo ifitiye Igihugu akamaro

a. Gukurikirana iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu mu Nkiko Gacaca mu rwego rw'Umushinga « Monitoring des Juridictions Gacaca »

Mu rwego rwo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca, mu mwaka w'2008, Komisiyo yakurikiranye imanza ku rwego rw'Akagari, ku rwego rw'Umurenge no ku rw'Ubujurire. Imanza zakurikiranwe ni 558.

- **Iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu mu iburanisha ry'imanza z'Inkiko Gacaca**

Uburenganzira bwa muntu Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakurikiranye ni ubu bukurikira :

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Uburenganzira ku rubanza ruciwe mu mucyo, bwahohotewe ku rugero rwa 6.1 % mu manza zakurikiranywe ;

- Uburenganzira bwo kumenyeshwa impamvu yashingiweho kugira ngo urukiko rufate icyemezo bwahohotewe ku rugero rwa 4 % mu manza zose Komisiyo yakurikiranye kandi zasomwe ;

- Uburenganzira bwo kudafungwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko, bwahohotewe ku rugero rwa 3 % mu manza zakurikiranywe ;

- Uburenganzira bwo guhabwa ijambo bwahohotewe ku rugero rwa 1.3 % mu manza zakurikiranywe ;

- Uburenganzira ku mutekano bwahohotewe ku rugero rwa 0.8 % mu manza zakurikiranywe ;

- Uburengazira bwo gucirwa urubanza n'urukiko rubifitiye ububasha bwahohotewe ku rugero rwa 0.8% mu manza zakurikiranywe ;

- Uburenganzira bwo gucibwa urubanza mu gihe gicirirtse bwahohotewe ku rugero rwa 0.7 % mu manza zakurikiranywe ;

- Uburenganzira bwo kumenyeshwa icyo umuntu aregwa bwubahirijwe mu manza zose zakurikiranywe.

Igitabo gikubiyemo ibyagaragajwe na raporo za Komisiyo ku Nkiko Gacaca guhera mu mwaka w'2003 kugeza mu mwaka w'2008 kizagezwa ku nzego nkuru z'Igihugu mu mwaka w'2009.

b. Ikurikirana ry'iyubahiriza ry'uburenganzira bwa muntu mu mirimo nsimburagifungo ifitiye Igihugu akamaro (TIG)

Mu rwego rwo gukurikirana iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu ahakorerwa imirimo nsimburagifungo, Komisiyo yakurikiranye ingando mirongo itandatu n'icyenda zicumbikiye abakora imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro (TIG). Komisiyo isura iyo ngando, hari hagamijwe kugenzura ibi bikurikira :

- Imibereho y'abakora TIG (kurya, kuvuzwa, isuku, imirimo bakora, aho kuryama, ubwiherero) ;
- Umutekano (imyitwarire n'ibihano bijyana nayo, amacumbi, kwirinda impanuka) ;
- Ubwisanzure (gusurwa, gusenga, kumenya amakuru, kwidagadura).

Komisiyo yasanze, muri rusange, Uburenganzira bwa Muntu bwubahirizwa nk'uko bigaragazwa n'ingero zikurikira.

Abafungwa :
- Abafungwa bagaburirwa ibigori n'ibishyimbo, bagahabwa n'igikoma ku buryo bukwiye ;
- Bakora amasaha umunani, barangiza bakaruhuka ;
- Ku mugoroba baridagadura ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Ku munsi wo gusenga buri muntu asengera mu idini ashaka ;
- Bafite aho barara hagutse ;
- Barasurwa buri mpera z'icyumweru ;
- Bacumbikirwa ku buryo abagabo barara ukwabo n'abagore ukwabo.

N'ubwo ahanini uburenganzira bw'abakorera imirimo nsimburagifungo bwubahirijwe, hari aho Uburengazira bwa Muntu bwahungabanye :

- Uburenganzira bwo guhita barekurwa igihano kirangiye ;
- Uburenganzira ku isuku.

Dore ingero z'aho ubwo burenganzira bwahungabanye :

Mu Kagari ka Karenge, Umurenge wa Kabarore, mu Karere ka Gatsibo, ku wa 28 Werurwe 2008 hari abantu babiri barangije igihano batari bararekuwe :

- BATAKANWA Amos yarangije igihano ku wa 27 Gashyantare 2008, ariko yari agikora imirimo nsimburagifungo ;

- NIYONSABA Jean yarangije igihano ku wa 27 Mutarama 2008, icyo gihe yari amaze amezi abiri akora imirimo nsimburagifungo.

- **Uburenganzira ku isuku :**

Mu ngando ya Mahama, mu Kagari ka Munini, Umurenge wa Mahama, Akarere ka Kirehe, Komisiyo yasanze hari umwanda mwinshi mu bwiherero kubera ko ari bucye kandi ababukoresha ari benshi.

Muri raporo Komisiyo ikora buri gihembwe, ibibazo yabonye yabigejeje ku rwego rushinzwe gukurikirana imirimo nsimburagifungo ifitiye Igihugu akamaro. Ibyo bibazo byaracyemuwe kandi byafatiwe n'ingamba ku buryo bitazasubira.

N. Iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu mu matora

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakurikiranye amatora y'abadepite yabaye kuva ku wa 15 kugeza ku wa 17 Nzeri 2008. Igikorwa cyo gukurikirana imigendekere y'amatora kikaba cyarabimburiwe n'icyo kwamamaza abakandida cyatangijwe ku mugaragaro ku wa 25 Kanama kigasozwa ku wa 13 Nzeri 2008. Abakandida depite Komisiyo yakurikiranye iyamamaza ni abari ku rutonde rwa FPR-Inkotanyi n'ab'amashyaka yafatanyije na yo, abari ku rutonde rw'abakandida b'ishyaka PL, abari ku rutonde rw'abakandida b'ishyaka PSD n'umukandida wigenga witwa HARELIMANA Jean Marie Vianney.

Mu rwego rwo gukurikirana ibyo bikorwa byombi, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yohereje indorerezi 69 mu Turere twose tw'u Rwanda uko ari 30.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Muri rusange, indorerezi mu matora zari zigamije kureba ibi bikurikira :

- Kureba niba ibikoresho by'amatora bihari ;
- Kureba niba muri buri cyumba cy'itora harimo ubwiherero nibura bubiri ;
- Kureba niba abashinzwe kuyobora amatora bahari kandi bahagereye igihe, kureba abadahari n'abakererewe ;
- Kureba niba abashinzwe umutekano bahari n'uko bitwaye ;
- Kureba uko amatora yatangiye n'igihe yatangiriye ;
- Kureba niba umuhuzabikorwa yereka abatora ko udusanduku dushyirwamo impapuro z'itora nta kindi kirimo ;
- Kureba niba Perezida w'ibiro by'itora abanza kurahira mbere yo kuyobora umuhango w'irahira ry'abahuzabikorwa b'ibyumba by'itora n'abaseseri b'itora ;
- Kureba ko abaturage basobanurirwa imigendekere y'amatora ;
- Kureba niba udusanduku tw'itora dufungwa hakoreshejwe ibikoresho byabugenewe ;
- Kugenzura ko inyandikomvugo itangiza itora yujujwe ;
- Kureba niba umubare w'abiyandikishije ujyanye n'umubare w'abatora ;
- Kureba niba abatorera aho batiyandikishije bubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga itora ;
- Kureba niba ntawiyandikishije inshuro zirenze imwe ;
- Kureba niba ntawiyandikishije kuri lisiti y'itora atabyemerewe.

Ibyagaragariye Komisiyo

1. Mu kwamamaza abakandida

Kuva ku wa 26 Kanama 2008 kugeza ku wa 13 Nzeri 2008, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakurikiranye iyamamaza ry'abakandida b'umutwe wa politiki FPR-Inkotanyi n'indi mitwe ya politiki yifatanyije na wo n'abakandida b'imitwe ya politiki PSD na PL.

Ishingiye kuri raporo zaturutse mu Turere dutandukanye tw'Igihugu, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu isanga igikorwa cyo kwamamaza abakandida cyaragenze neza kuko nta bakandida cyangwa imitwe ya politiki yamamazaga abakandida bayo bavukijwe uburenganzira bwo kwiyamamaza cyangwa bwo kwamamaza abakandida babo.

2. Uko amatora yagenze

- **Itora ritaziguye ry'abadepite**

Nk'uko byari biteganyijwe n'amabwiriza agenga amatora, itora ry'abadepite ku buryo butaziguye ryabaye ku wa 15 Nzeri 2008 rikaba ryarabimburiwe n'imihango yo kurahira kw'abahuzabikorwa b'ibiro by'amatora n'abaseseri bo ku biro by'amatora, kwibutsa abatora uburyo bikorwa no kubereka ko amasanduka atorerwamo arimo ubusa.

Itora ryatangiye saa kumi n'ebyiri nk'uko byari biteganyijwe n'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Icyagaragaye ni uko ubwo itora ryatangiraga, abaturage benshi bari bageze ku biro by'itora.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Nk'uko kandi byari biteganyijwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, ibarura ry'amajwi ryatangiye saa kumi z'amanywa, ribera imbere y'indorerezi, zaba iz'imitwe ya politiki yahataniraga imyanya y'abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko cyangwa izigenga zikorera mu Rwanda n'iz'imiryango Mpuzamahanga.

Itora ry'abadepite ryabaye mu mutuzo, mu bwisanzure no mu mutekano kandi n'uburenganzira bw'abatora n'abatorwa bwarubahirijwe muri rusange.

N'ubwo muri rusange itora ryagenze neza, hari bimwe Komisiyo yasanze bitaragenze neza. Hari nk'ibazo cy'abantu babujijwe gutora kubera ko batagituye cyangwa batari aho bibarurije kandi bafite ibyangombwa bibemera gutora.

- **Itora riziguye ry'abadepite bahagararira abagore**

Ku wa 16 Nzeri 2008, ni bwo abakandida bahagararira abagore mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, batorwaga ku rwego rw'Akarere. Abadepite bagombaga gutorwa bari makumyabiri na bane ni ukuvuga 30 % ry'abadepite mirongo inani bagize Inteko Ishinga Amategeko. Muri abo badepite makumyabiri na bane harimo bane bo mu Ntara y'Amajyaruguru, batandatu bo mu Mujyi wa Kigali, batandatu bo mu Ntara y'Amajyepfo, batandatu bo mu Ntara y'Iburasirazuba na batandatu bo mu Ntara y'Iburengerazuba. Inteko itora yari igizwe n'abagore icumi bagize Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere, hiyongereyeho abagize Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere n'abagize Njyanama y'Akarere.

Ayo matora yabereye ku rwego rw'Akarere, ibiyavuyemo bihurizwa ku rwego rw'Intara kandi yitabiriwe n'indorerezi nyinshi.

Abagize inteko itora n'indorerezi bamaze kubwirwa amabwiriza agenga itora kandi bamaze no kwerekwa ko udusanduka dutorerwamo turimo ubusa, hakurikiyeho igikorwa cyo gutora cyatangiye saa tanu z'amanywa kirangira nyuma ya saa munani.

Muri rusange, itora riziguye ry'abahagararira abagore mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, ryagenze neza kuko ryakozwe mu mutekano n'ubwisanzure. Cyakora n'ubwo yagenze neza, Komisiyo isanga yaratangiye atinze bikaba byarabangamiye abari bubahirije amasaha yo gutora.

- **Itora ry'uhagararira abafite ubumuga mu Nteko Ishinga Amategeko**

Itora ry'uhagararira abafite ubumuga mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, ryabaye ku rwego rw'Igihugu ku wa 17 Nzeri 2008. Iryo tora ryabereye mu kibuga cy'imikino cyitiriwe « Amahoro » kiri i Remera mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali.

Inteko itora uhagarariye abamugaye iterana ari uko hari 2/3 by'abagize inteko itora. Inteko itora igizwe n'abagize Komite Nyobozi y'Impuzamashyirahamwe y'abafite ubumuga ku rwego rw'Igihugu hiyongereyeho abagize Komite Nyobozi y'amashyirahamwe y'abafite ubumuga, abagize Komite Nyobozi y'Amashyirahamwe y'abafite ubumuga kuri buri Karere hakurikikijwe ibyiciro by'ubumuga n'abantu batatu bagize biro ya Komite Nshingwabikorwa ya gahunda y'imyaka icumi y'abafite ubumuga mu Rwanda igihe cyose igihari.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Muri rusange, iryo tora ryabaye mu ibanga, ituze, ubwisanzure n'umutekano bihagije.

- **Itora ry'abahagararira urubyiruko mu Nteko Ishinga Amategeko**

Itora ry'abahagararira urubyiruko mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, ryabaye ku rwego rw'Igihugu ku wa 17 Nzeri 2008. Iryo tora ryabereye mu Nzu y'Urubyiruko (Maison des Jeunes) iri mu Murenge wa Kimisagara, Akarere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali.

Inteko yagombaga gutora abantu babiri yari igizwe n'abatora 247 kuri 264 bari bateganyijwe. Iyo nteko yari igizwe n'abari muri Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rwa buri Karere no ku rwego rw'Igihugu n'intumwa umunani zihagarariye Ihuriro ry'Igihugu ry'Urubyiriko rwiga mu mashuri yisumbuye.

Iryo tora ryakurikiranwe n'indorerezi zinyuranye zirimo n'iza Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ndetse n'abantu baje ku giti cyabo kureba uko rikorwa.

Mu itora ry'abadepite bahagarariye urubyiruko, uwatoraga yandikaga amazina y'abakandida batarenze babiri ahisemo ku rupapuro rw'itora. Itora ryarangiye hatowe abadepite babiri bahagarariye urubyiruko, umwe akaba ari umukobwa, undi ari umuhungu.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu isanga iryo tora ryarubahirije amategeko n'amabwiriza arigenga kandi nta burenganzira bwahungabanye kuko ryabaye mu mucyo.

3. Umwanzuro n'ibyifuzonama ku matora y'abadepite

Muri rusange, amatora yagenze neza bitewe n'uburyo yateguwe. Ibiro by'itora indorerezi za Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu zagezeho byose, zasanze birangwa n'umutekano usesuye, abashinzwe umutekano bahari kandi bativanga mu matora. Muri rusange, uburenganzira bw'abiyamamaza cyangwa bamamaza imitwe ya politiki yabo bwarubahirijwe kandi indorerezi zikaba zari zihari, imitwe ya Politiki n'umukandida ku giti cye bahawe uburenganzira bwo kugira ababahagararira muri buri biro by'itora. Ikindi ntawavukijwe uburenganzira bwo gutanga ikirego mu gihe abona ko ibiteganyijwe n'amategeko bitubahirijwe ku bimureba.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu isanga kandi igikorwa cyo kubara amajwi yavuye mu itora cyarabaye mu mucyo, abaturage, abahagarariye abakandida cyangwa imitwe ya politiki n'indorerezi bahari.

Raporo irambuye ikubiyemo ibyagaragariye Komisiyo mu matora n'ibyifuzonama yagejejwe kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

N'ubwo Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yasanze amatora yaragenze neza muri rusange, hari ibyo ibona ko bikwiye kuzakosorwa kugira ngo amatora yo mu bihe biri imbere azarusheho kuba meza. Niyo mpamvu yatanze ibyifuzonama bikurikira :

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu isanga umuntu wibaruje, akaba afite ikarita y'itora n'ibimuranga adakwiye kwimwa uburenganzira bwo gutora kubera ko atagituye cyangwa se atari aho yibarurije, cyane cyane ko haba hateganyijwe impapuro z'imigereka zibigenewe ;

- Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu irasaba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kujya igeza kuri buri biro by'itora ibikoresho bihagije kandi hakiri kare ;

- Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu isanga imitwe ya politiki yose ikwiye kujya igaragaza gahunda n'amasaha by'aho yamamariza abakandida bayo kugira ngo abaturage n'indorerezi babimenye, ntibahuzagurike.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.6. GUSURA AHAFUNGIYE ABANTU NO KUREBA KO UBURENGANZIRA BWABO BWUBAHIRIZWA (ingingo ya 4 [9°])

3.6.1. Intangiriro

Mu rwego rwo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'abantu bafunzwe, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yasuye amagereza yose yo mu Gihugu mu bihe bitandukanye, hagamijwe kureba ibi bikurikira :

- Icyiciro kirebana n'imibereho y'abantu bafunzwe nyuma y'aho "Amabwiriza n° 09/08 yo ku wa 16/06/2008 ya Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu yerekeye igemura ry'amafunguro n'isura ry'abantu bafunzwe" atangiriye gushyirwa mu bikorwa ;

- Icyiciro cyerekeranye n'isura ry'amagereza mu cyumweru cyahariwe kwita ku bantu bafunzwe (6-12 Ukuboza 2009) mu rwego rwo kwizihiza isabukuru ya 60 y'Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye Uburenganzira bwa Muntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948.

3.6.2. Imibereho y'abantu bafunzwe nyuma y'aho "Amabwiriza n° 09/08 yo ku wa 16 Kamena 2008 ya Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu yerekeye igemura ry'amafunguro n'isura ry'abantu bafunzwe" atangiriye gushyirwa mu bikorwa

Guhera ku wa 4 Nzeri 2008 kugeza ku wa 7 Ukwakira 2008, mu bihe bitandukanye, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yasuye abafungwa bafungiye muri Gereza zinyuranye zo mu Gihugu hagamijwe kureba uko amabwiriza n° 09/08 yo ku wa 16 Kamena 2008 ya Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu yerekeye igemura ry'amafunguro n' isura ry'abantu bafunzwe ashyirwa mu bikorwa no kureba imibereho y'abafungwa muri rusange.

Hasuwe Gereza 12 ari zo : Gereza Nkuru ya Kigali, Gereza ya Remera, Gereza ya Cyangugu, Gereza ya Nyagatare, Gereza ya Gitarama, Gereza ya Mpanga, Gereza ya Butare, Gereza ya Rilima, Gereza ya Nstinda, Gereza ya Miyove, Gereza ya Kibungo na Gereza ya Gikongoro.

Kugira ngo ibyo bigerweho, Komisiyo yagiranye ibiganiro n'Ubuyobozi bwa Gereza n'abakozi ba Gereza, abaganga bavura abafungwa n'abafungwa ubwabo. Intumwa za Komisiyo zashoboye kwibonera bimwe mu biranga imibereho ya buri munsi y'abafungwa, hakorwa raporo ikubiyemo ibibazo byagaragaye muri izo gereza n'ibyifuzonama bigenewe inzego zinyuranye.

3.6.2.1. Ibibazo byagaragaye

Komisiyo yasuye amagereza isanga harimo ibibazo binyuranye birimo :

- Ikibazo cy'indwara zinyuranye ziterwa no kutabona imboga rwatsi n'imbuto bihagije**;**
- Ikibazo cy'abafungwa bari mu byiciro byihariye bagomba kwitabwaho bagahabwa indyo yihariye **:**

Abagore batwite, abagore bonsa, abana b'incuke bari kumwe na ba nyina, abana bafunzwe, ababana n'ubwandu bwa SIDA, abanyantege nke, abasaza n'abakecuru n'abandi bafite uburwayi bwihariye.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ibi bibazo, abagize Komisiyo babiganiriyeho na Minisitiri ushinzwe Umutekano ari kumwe n'abayobozi bakuru b'imirimo muri Minisiteri, ababwira ko hagiye gufatwa ingamba zikubiye mu ibaruwa nº 1934/0808/3 yo ku wa 8 Ukuboza 2008 yandikiye Minisitiri w'Intebe, agenera Komisiyo kopi.

3.6.3. Isura ry'amagereza mu cyumweru cyahariwe kwita ku bantu bafunzwe (6-12 Ukuboza 2009) mu rwego rwo kwizihiza isabukuru ya 60 y'Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye Uburenganzira bwa Muntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948

Mu rwego rwo kwizihiza isabukuru ya 60 y'Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye Uburenganzira bwa Muntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yubahirije gahunda yagenwe n'Umuryango w'Abibumbye y'icyumweru cyahariwe kwita ku bantu bafunzwe, guhera ku wa 6 kugeza ku wa 12 Ukuboza 2008.

Muri icyo cyumweru, Komisiyo yayoboye igikorwa cyo gusura amagereza 3 yo mu Gihugu hagamijwe kurinda no kurengera Uburenganzira bw'abantu bafunzwe. Icyo gikorwa cyabanjirijwe no gusura Gereza Nkuru ya Kigali (1930) ku wa 21 Kanama 2008 ; kuri iyo tariki yari ifite abantu bayifungiwemo bagera ku 3795. Icyo gikorwa cyari kigamije gutegura isura ry'andi magereza mu cyumweru cyahariwe kwita ku bantu bafunzwe. Izindi nzego zitabiriye icyo gikorwa ni izi zikurikira : Minisiteri y'Ubutabera, Miniseteri y'Umutekano mu Gihugu ari nayo ifite mu nshingano zayo amagereza, Miniseteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Minisiteri y'Urubyiruko, inzego z'Umuryango w'Abibumbye (Urugero: UN coordination), abaterankunga n'abahagarariye Ibihugu byabo mu Rwanda, imiryango 5 itari iya Leta iharanira Uburenganzira bwa Muntu, abanyamakuru, abayobozi b'inzego z'ibanze n'abandi.

Amagereza yasuwe ni : Gereza ya Butare (iri mu Ntara y'Amajyepfo) yasuwe ku wa 9 Ukwakira 2008, yari ifite abafungwa 6.671; Gereza ya Mpanga (iri mu Ntara y'Amajyepfo) yasuwe ku wa 10 Ukwakira 2008, yari ifite abafungwa 7115 na Gereza ya Ntsinda (iri mu Ntara y'Iburasirazuba) yasuwe ku wa 11 Ukwakira 2008, yari ifite abafungwa 6339.

3.6.3.1. Mu birebana no kurengera uburenganzira bw'abantu bafunzwe

Mu rwego rwo kurengera uburenganzira bw'abantu bafunzwe, byagaragaye ko inzego zose zahagarariwe mu isura rya Gereza ziboneye kandi zigira imyumvire imwe ku birebana n'imibereho yabo, bityo bamwe mu bahagarariye Minisiteri bakaba baremeye ko bagiye kujyana bimwe mu bibazo mu Nama y'Abaminisitiri kugira ngo bifatirwe ibyemezo. Urugero ni nka Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco na Siporo wavuze ko ikibazo cy'abana bato (munsi y'imyaka 3) bari kumwe na ba nyina muri gereza azakijyana mu Nama y'Abaminisitiri ikacyigaho hagamijwe gushakira abo bana ahandi batura.

Hashingiwe ku ngingo ya 9 n'iya 10 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Imbonezamubano no mu bya Politiki no ku Mubumbe w'Amategeko ntarengwa yita ku bantu bafunzwe yemejwe ku wa 31 Nyakanga 1957 na Kongere y'Umuryango w'Abibumbye mu birebana n'ikumira ry'ibyaha n'ihana ry'abakoze ibyaha, isura rya gereza ryibanze kuri ibi bikurikira :

- Imibereho y'abantu bafunzwe ;
- Imiterere y'amadosiye y'abantu bafunzwe ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Imibereho y'abantu b'igitsina gore bafunzwe n'abagore bafunganywe n'impinja n'incuke zabo ;
- Abana bafunzwe n'abafite ubwandu bw'agakoko gatera SIDA.

Mu birebana n'imibereho y'abantu bafunzwe muri rusange, abasuye gereza basanze ku bufatanye bwa Leta (Gereza) n'abaterankunga (nka Global Fund), Imiryango idaharanira inyungu (nka Parthners in Health, CICR, Prison Fellowship) n'abandi benshi bagira uruhare mu kuzahura imibereho y'abantu bafunzwe.

Abasuye amagereza basanze, uretse muri Gereza ya Mpanga, izindi Gereza zifite ikibazo cy'umubare munini w'abantu bazifungiwemo ugereranije n'umubare w'abantu zagenewe kwakira. Ibyo bigira ingaruka ku mibereho yabo muri rusange, urugero ni isuku idahagije iharangwa.

Abasuye gereza basanze abantu bafunzwe basurwa n'imiryango yabo kabiri mu kwezi kandi bemerewe kugira amafaranga abafasha kwigurira ibyo bakeneye byunganira amafunguro bahabwa muri gereza.

Bahabwa n'umwanya uhagije w'imyidagaduro n'uwo gukora imirimo ibungukira nko kuboha uduseke ku bagore, gukanika imodoka, imirimo y'ubuhinzi n'ibindi.

Mu magereza yasuwe, hagaragaye ibibazo by'ihahamuka cyane cyane ku bagore bafunzwe igihe kirekire. Icyo kibazo ni icy'ingutu mu gihe mu Gihugu cy'u Rwanda nta bantu bazobereye mu byo gutanga inama zihumuriza abafite ibibazo by'ihahamuka (psycho-social counseling expertise) bakiri bake cyane cyangwa bataboneka.

Mu birebana n'imibereho y'abantu b'igitsina gore bafunzwe n'abagore bafunganywe n'impinja n'incuke zabo, abasuye gereza basanze benshi muri bo bafungiwe jenoside.

Abagore bafunganywe n'impinja n'incuke zabo bitabwaho by'umwihariko, izo mpinja n'incuke zihabwa ifunguro ryihariye (porici, imbuto, amata n'ibindi), ibikoresho by'isuku, n'ibindi nk'amashuka, ibiringiti, amabase, imyenda, inkweto, ibitenge n'ibindi.

Abana bafite ubwandu bw'agakoko gatera SIDA bahabwa amafunguro yihariye n'imiti igabanya ubukana bw'ako gakoko. Abo nabo hamwe n'abandi bafite uburwayi budakira bahabwa uruhusa rwo gusurwa n'imiryango yabo kenshi kurusha abandi.

Mu byerekeranye n'imiterere y'amadosiye y'abantu bafunzwe, abasuye gereza baganiriye n'abantu bafunzwe bababwira ko hari bamwe muri bo batinda kuburanishwa, abandi nabo bakaba barangiza ibihano byabo ntibarekurwe. Uwari uhagarariye Minisiteri y'Ubutabera mu basuye gereza yasobanuye ko hari ingamba zafashwe kugira ngo ibyo bibazo bikemuke :

- Hashyizweho mu Nkiko itsinda rishinzwe kurangiza ibirarane by'amadosiye ;
- Hashyizweho abacamanza basinye kontaro kugira ngo barangize amadosiye ahari ;
- Hashyizweho inzu zigenewe gufasha abatishoboye (MAG). Izo nzu zifite inshingano zo kugera ku bantu bafunzwe bafite Imanza bifuza gufashwa mu birebana no kurenganurwa.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu byerekeranye n'abana bafunzwe, abasuye gereza basanze abo bana bitabwaho by'umwihariko kubera ikigero barimo. Abo bana bose bajya kuburana imanza zijyanye n'ibyaha bashinjwa bafite ababunganira.

*
* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.7. GUFATANYA NA KOMISIYO Z'IBINDI BIHUGU ZISHINZWE UBURENGANZIRA BWA MUNTU, AMASHYIRAHAMWE AKORERA MU GIHUGU N'IMIRYANGO MPUZAMAHANGA MU BIKORWA BYO KUBAHIRIZA NO GUTEZA IMBERE UBURENGANZIRA BWA MUNTU (Ingingo ya 4 [11°])

Mu rwego rw'ubufatanye kugira ngo Uburenganzira bwa Muntu burusheho kurindwa no gutezwa imbere, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakurikiranye ibikorwa by'inama zinyuranye zagiye zitegurwa na Komisiyo zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu z'ibihugu n'imiryango mpuzamahanga n'imiryango itegamiye kuri Leta binyuranye.

3.7.1. Ubufatanye na Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda ni umunyamuryango nyirizina (statut d'affilié / afiliated status) muri Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda ijya mu nama zateguwe na Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage ikanayiha raporo y'ibikorwa byayo buri mwaka.

Mu rwego rw'ubwo bufatanye, ku wa 2 Ukuboza 2008, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda yakiriye intumwa za Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage. Harimo Komiseri Mussa NGARY BITAYE uyobora itsinda rishinzwe ibyerekeye abaturage bitwa "Indigenous People". Komisiyo yabakiriye yabagejejeho uko irengera Uburenganzira bwa Muntu mu gihugu by'umwihariko ku basigajwe inyuma n'amateka. Komisiyo yagize kandi uruhare mu gutegura urugendo rwabo mu Rwanda kandi ibafasha kubonana n'inzego za Leta no kubereka aho abo bantu bafite ibibazo byihariye baba.

3.7.2. Ubufatanye n'Urwego ruhuza za komisiyo Nyafurika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda ubu ni yo iyobora Urwego ruhuza za Komisiyo Nyafurika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu mu gihe cy'imyaka ibiri guhera mu mwaka w'2007 kugeza mu w'2009. Icyo gikorwa giha Komisiyo umwanya wo kugira uruhare mu bikorwa byinshi birebana n'Uburenganzira bwa Muntu haba ku rwego rw'Igihugu, urwa Afurika n'urw'Isi.

Ku birebana n'ubufatanye n'Urwego ruhuza za Komisiyo Nyafurika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu, Komisiyo yitabiriye inama yabaye ku wa 14 Mata 2008 i Genève mu Busuwisi, aho Komisiyo y'u Rwanda yayoboye inama ya Komite Nyobozi y'urwo Rwego.

Komisiyo kandi yafashije gutegura amategeko y'Urwego ruhuza Komisiyo Nyafurika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu no gusakaza raporo y'Inama Mpuzamahanga ya gatandatu yahuje za Komisiyo Nyafurika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu.

Kuva ku wa 21 kugera ku wa 30 Mata 2008, intumwa za Komisiyo zakurikiranye amahugurwa yahuje abahagarariye zimwe mu nzego z'Ibihugu bya Afurika zishinzwe uburenganzira bwa muntu. Ayo mahugurwa yateguwe n'ikigo cya Kaminuza ya Lund muri Suwedi cyitwa « Raoul Wallenberg Institute of Human Rigths and Humanitarian Law » gifatanyije n'Ubunyamabanga buhuza Inzego z'Ibihugu bya Afurika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu hamwe na Komisiyo ya Uganda ishinzwe Uburenganzira bwa

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Muntu abera Entebbe mu gihugu cya Uganda. Ayo mahugurwa yibanze ku masomo y'Uburenganzira bwa Muntu buteganywa n'amasezerano mpuzamahanga n'ay'Akarere. Intumwa za Komisiyo y'u Rwanda zagejeje ku bari mu mahugurwa uburyo Komisiyo yagiyeho, inshingano n'ububasha byayo, abayigize n'uko bashyirwaho, ubwoko bwa raporo ikora n'inzego izishyikiriza, ibikorwa imaze kugeraho mu kurinda no guteza imbere Uburenganzira bwa Muntu n'inzitizi ihura na zo mu gushyira mu bikorwa inshingano ihabwa n'itegeko.

3.7.3. Ubufatanye na komite mpuzamahanga ihuza za komisiyo zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu

Komisiyo y'u Rwanda yarakurikiranye Inama Mpuzamahanga ya makumyabiri ya Komite Mpuzamahanga ihuza za Komisiyo zishinzwe kurinda no kurengera Uburenganzira bwa Muntu ku migabane yose y'Isi yabaye guhera ku wa 14 kugeza ku wa 18 Mata 2008 i Genève mu Busuwisi.

Mbere y'uko inama nyirizina itangira, Komisiyo yakurikiranye Inama ya biro ya Komite Mpuzamahanga ihuza za Komisiyo zishinzwe kurinda no kurengera Uburenganzira bwa Muntu kuko iri muri za Komisiyo zigize iyo biro nka Perezida w'Urwego ruhuza Komisiyo zo ku mugabane wa Afurika.

Muri icyo gihe, nibwo Komisiyo yagiye mu nama y'Inteko Rusange ya Komite Mpuzamahanga ihuza za Komisiyo zishinzwe kurinda no kurengera Uburenganzira bwa Muntu yari igamije kuvugurura imitere yayo kugira ngo irusheho kugira ubushobozi no gukora neza.

Muri uru rwego na none, kuva ku wa 21 kugeza 24 Ukwakira 2008, Komisiyo yagiye mu nama Mpuzamahanga ya cyenda ya za Komisiyo zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu ku rwego rw'Isi yabereye i Nairobi muri Kenya. Komisiyo y'u Rwanda yagize uruhare muri iyo nama kuko yatanzemo ibiganiro bitandukanye :

- Ikiganiro cya mbere Komisiyo yatanze cyari gifite insanganyamatsiko ikurikira : « Uruhare rwa za Komisiyo z'ibihugu bya Afurika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu mu iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'imfungwa ». Atanga icyo kiganiro, Perezida wa Komisiyo akaba yaravuze ku bikorwa bya Komisiyo zo ku mugabane wa Afurika ku birebana n'uburenganzira bw'abafungwa akaba yaribanze cyane cyane ku Rwanda.

- Ikindi kiganiro cyatanzwe cyarebanaga n'ibirimo gukorwa mu rwego rwo kwitegura Isabukuru ya 60 y'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu.

3.7.4. Ubufatanye n'Ibiro bya Komiseri Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye ushinzwe Uburenganzira bwa Muntu

Komisiyo yakurikiranye inama ku burenganzira bw'abavanywe mu byabo yateguwe n'Ibiro bya Komiseri Mukuru. Iyo nama ikaba yarabereye i Nairobi muri Kenya kuva ku wa 25 kugeza ku wa 26 Ukwakira 2008. Komisiyo yagiye kandi mu nama kuri « Universal Periodic Review » yateguwe n'Ibiro bya Komiseri Mukuru. Imwe ikaba yarabereye i Genève mu Busuwisi muri Mata, indi i Nairobi muri Kenya kuva ku wa 19 kugeza ku wa 20 Ukwakira 2008.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Kuva kuwa 24 kugeza kuwa 26 Kanama 2008, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda yagiye mu nama i Abuja muri Nigeria, yateguwe na Biro ya Komiseri Mukuru yari igamije kureba uko imyanzuro y'Inama yabereye Durban (Afurika y'Epfo) mu w'2001 yubahirizwa. Iyo nama ya Durban yari igamije gufata ingamba zo kurwanya no gukumira irondakoko, amakimbirane ashingiye ku bwoko, ukwishisha abanyamahanga n'ukutihanganirana kubikomokaho (Racism, Racial discrimination, Xenophobia and related intolerance).

Intumwa ya Komisiyo yakurikiranye inama nyunguranabitekerezo mu bijyanye no gutegura za raporo zigenewe inzego z'umuryango w'abibumbye zishinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu yabereye i Arusha muri Tanzaniya kuva ku wa 13 kugeza ku wa 15 Gashyantare 2008. Iyo nama yahuje abahagarariye za Guverinoma mu karere no mu ihembe ry'Afurika y'iburasirazuba, abahagarariye za Komisiyo z'ibihugu zishinzwe uburenganzira bwa muntu, abahagarariye imiryango itari iya Leta ishinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu.

Mu rwego rw'ubwo bufatanye, Ibiro bya Komiseri Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye byateye inkunga Komisiyo mu bikorwa bijyanye no kwizihiza isabukuru y'imyaka 60 y'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu, ku byerekeranye no gusura za gereza mu cyumweru cyahariwe uburenganzira bw'abafungwa.

3.7.5. Ubufatanye na UN Resident Coordinator, PNUD na DFID

Komisiyo yafatanyije n'Ibiro by'Umuhuzabikorwa w'Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda biciye mu mushinga "Action II" mu bikorwa binyuranye.

Mu rwego rw'umwaka wari wahariwe kwizihiza isabukuru ya 60 y'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu, habaye ubufatanye mu gutegura ibiganiro mbwirwaruhame Komisiyo ifatanyije n'abarimu ba Kaminuza yatanze muri Kaminuza zinyuranye. Bagize ubufatanye mu gucapisha, gutubura no gusakaza Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu mu ndimi eshatu zikoreshwa mu gihugu (ikinyarwanda, icyongereza n'igifaransa).

Ikindi gikorwa bafatanyije ni ugusura za gereza zinyuranye kuva ku wa 9 kugeza ku wa 11 Ukwakira 2008 mu cyumweru cyahariwe kwita ku burenganzira bw'abafunzwe.

Na none, Ibiro by'Umuhuzabikorwa w'Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda byafatanyije na Komisiyo mu gutegura amahugurwa yahawe abakozi bo muri za Minisiteri, ibigo bya Leta no mu Turere bashinzwe igenamigambi mu bijyanye no kwita ku Burenganzira bwa Muntu mu itegurwa ry'igenamigambi ry'amajyambere mu nzego bakoramo (human rights based approach).

Bafatanyije kandi mu gutegura amahugurwa ku Burenganzira bwa Muntu yagenewe abashinjacyaha, abapolisi n'abavoka yabaye kuva ku wa 10 kugeza ku wa 12 Kamena 2008.

Ibiro by'Umuhuzabikorwa w'Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda byateye kandi Komisiyo inkunga y'amafaranga mu bikorwa bijyanye no kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Uburenganzira bwa Muntu wo ku wa 10 Ukuboza 2008.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo yakomeje gufatanya na PNUD na DFID binyujijwe mu mushinga "Strengthening the Institutional Framework" igamije gutera inkunga ibikorwa byo guteza imbere Uburenganzira bwa Muntu.

3.7.6. Ubufatanye na Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu y'Igihugu cy'Ubuhinde

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda ifitanye ubufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'Ubuhinde bushingiye ku gushyiraho "logiciel" yo gukurikirana ibirego ku buryo bwihuse hakoreshejwe ikoranabuhanga (ICT) na porogaramu y'imitunganyirize y'ibirego (Complaints Management System) bishyikirizwa Komisiyo. Muri urwo rwego, hari impuguke za Komisiyo y'Igihugu y'Ubuhinde ziza gufatanya n'iza Komisiyo mu rwego rwo kunoza imikorere y'iyo porogaramu.

Ni muri urwo rwego intumwa za Komisiyo zagize urugendoshuri "New Delhi" mu gihugu cy'ubuhinde kuva kuwa 31 werurwe kugeza ku wa 9 mata 2008. Hari hagamijwe guhabwa amahugurwa ahagije ku mikoreshereze ya porogaramu y'imitunganyirize y'ibirego no kwirebera imiterere n'imikorere ya Komisiyo ishinzwe iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu mu Gihugu cy'Ubuhinde.

3.7.7. Ubufatanye n'Ubunyamabanga bw'Umuryango w'Ibihugu by'Iburasirazuba bwa Afurika (East Africa Community)

Ku butumire bw'Umuryango w'Ibihugu by'Iburasirazuba bwa Afurika, Komisiyo yakurikiranye inama yabereye i Kampala muri Uganda kuva ku wa 16 kugeza ku wa 17 Ukwakira 2008 yerekeranye n'imiyoborere myiza mu Bihugu bigize uwo muryango (the meeting of experts on development of a regional framework on good governance).

3.7.8. Ubufatanye n'imiryango ikorera mu Rwanda

- **Ubufatanye n'imiryango ikorera mu Rwanda iharanira kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa muntu**

➢ **Inama nyunguranabitekerezo**

Inama nyunguranabitekerezo ni ihuriro rya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu n'amashyirahamwe nyarwanda n'imiryango mpuzamahanga iharanira kurengera no guteza imbere Uburenganzira bwa Muntu.

Mu mwaka w'2008, ubwo bufatanye bwagaragariye muri bimwe mu bikorwa bikurikira :

- Amahugurwa yo kongerera ubushobozi abanyamuryango n'abandi bafatanya mu bikorwa byo kurengera no guteza imbere Uburenganzira bwa Muntu (UN Coordination « Action Two », ASF, HRW, Komisiyo y'Ubutaka, National Policy, HAGURUKA, LIPRODHOR.

- Kuva ku wa 29 Mutarama kugeza ku wa 1 Gashyantare 2008, kuva ku wa 11 kugeza ku wa 13 Werurwe 2008 no kuva ku wa 28 Nzeri kugeza kuri 3 Ukwakira 2008, hatanzwe amahugurwa ku buryo bwo gutegura igenamigabi rishingiye ku Burenganzira bwa Muntu no ku icunga mutungo

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

rishingiye ku musaruro (HRBA et RBM), yateguwe na « UN action Two » ku bufatanye n'inama nyunguranabitekerezo. Ayo mahugurwa yarimo abakozi baturutse muri za Minisiteri, mu Mashami y'Umuryango w'Abibumbye, muri Komisiyo n'abo mu nama nyunguranabitekerezo.

- Kuva ku wa 29 kugeza ku wa 30 Gicurasi 2008, hatanzwe amahugurwa ku buryo bwo gukora ipereereza ku ihohoterwa ry'Uburenganzira bwa Muntu.

- Kuva ku wa 29 kugeza ku wa 31 Ukwakira 2008, hatanzwe amahugurwa ku buryo bwo gukurikirana no gutanga raporo ku ihohoterwa ry'Uburenganzira bwa Muntu ategurwa n'inama nyunguranabitekerezo.

- Hakozwe inama umunani za Komite nyobozi y'inama nyunguranabitekerezo, inama eshanu nyunguranabitekerezo z'abatekinisiye n'inama imwe y'inteko rusage igamije gusuzuma ibyagezweho mu mezi atandatu ashize no gusuzuma ibikorwa by'ayandi mezi atandatu asigaye.

- Gutegura ibikorwa byo kwizihiza iminsi mikuru ngarukamwaka :

- Ku wa 7 Mata 2008, hatanzwe ikiganiro kuri Radiyo Rwanda Komisiyo ifatanyije na HAGURUKA, ku nsanganyamatsiko igira iti "*Gushyira ingufu mu iterambere ry'abagore n'abakobwa"* (*Investing in women and Girls*) mu rwego rwo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umugore, icyo kiganiro cyanyujijwe no kuri radiyo zigenga.

- Ku wa 16 Kanama 2008, mu rwego rwo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umwana, hatanzwe ikiganiro kuri Radiyo Rwanda no kuri radiyo zigenga ku burenganzira bw'Umwana ku nsanganyamatsiko igira iti "*Kumva umwana, kumuha uburere n'uburezi n'inshingano ya buri wese*"

- Habaye kandi ubufatanye mu gutegura no kwizihiza isabukuru y'imyaka 60 Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu rimaze ryemejwe rigashyirwaho umukono ku wa 10 Ukuboza 2008. Habaye ubufatanye mu gutanga ibiganiro muri Kaminuza y'u Rwanda, mu Ishuri Rikuru Nderabarezi rya Kigali (KIE) no gusura za gereza ya Kigali, iya Kabutare, iya Mpanga n'iya Nsinda. Habaye n'ubufatanye mu gukoresha mu mashuri yisumbuye amarushanwa y'imivugo no gushushanya bahereye ku mahame ari mu Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu.

- Komisiyo yahaye inkunga imiryango CLADHO, HAGURUKA na LIPRODHOR kugira ngo yitabire inama mpuzamahanga ku Burenganzira bwa Muntu,

- Ku nkunga ya Komisiyo binyuze mu mushinga PNUD/DFID, kuva ku wa 3 kugeza ku wa 16 Mata 2008, intumwa y'inama nyunguranabitekerezo yakurikiranye inama ya Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage yabereye muri Swaziland.

- Kuva ku wa 21 kugeza ku wa 24 Ukwakira 2008, intumwa ebyiri z'inama nyunguranabitekerezo zakurikiranye inama ya cyenda y'inama mpuzamahanga ya za Komisiyo z'Ibihugu z'Uburenganzira bwa Muntu yabere i Nairobi muri Kenya ku nkunga ya Komisiyo binyuze mu mushinga PNUD/DFID.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- **Ubufatanye n'imiryango ikorera mu Rwanda mu bikorwa byo kubahiriza uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca**

Mu mwaka w'2008, Komisiyo yatumije kandi iyobora inama yahuriwemo n'abahagarariye imiryango nyarwanda n'imiryango mpuzamahananga ikorera mu Rwanda ikurikirana iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu mu Nkiko Gacaca. Iyo miryango ni LIPRODHOR, PAPG, PRI (Penal Reform International) na Avocats Sans Frontières (ASF).

Muri iyo nama hagiye hatumirwa n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca n'ibiro by'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi biri mu Rwanda. Icyari kigamijwe muri izo nama ni ukungurana ibitekerezo ku byagaragariye indorerezi mu iburanisha ry'imanza z'Inkiko Gacaca, ku buryo ibitagenze neza mu iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu bishakirwa inzira yo gukosorwa. Kubera ko Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca ruba ruhagarariwe muri iyo nama, imyanzuro yayo igera ku buyobozi bw'urwo rwego bidatinze.

*
* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.8. IZINDI NSHINGANO KOMISIYO IHABWA N'ANDI MATEGEKO

3.8.1. Iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana

- **Urwego rushinzwe igenzura ry'iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana (observatoire des droits de l'enfant)**

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano yahawe n'Itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 27 Mata 2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa yerekeye guteganya uburyo bwihariye bwo gukurikirana uko uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa, mu mpera z'umwaka w'2006, Komisiyo yashyizeho Urwego rushinzwe igenzura ry'iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana. Urwo rwego rufite za komite zikorera mu nzego eshatu zitandukanye : Urwego rw'Umurenge, urw'Akarere n'urw'Igihugu. Izo Komite zigizwe n'abahagarariye inzego zinyuranye zifite mu nshingano zazo guteza imbere no kurengera umwana.

Nyuma y'umwaka umwe urwo rwego rugiyeho, mu rwego rwo kunoza imikorere yazo, Komisiyo yasanze byaba byiza ko umubare w'abazigize ku rwego rw'Umurenge n'urw'Akarere wagabanuka. Ni muri urwo rwego mu mpera z'umwaka w'2008 Komisiyo yageze mu Mirenge yose y'Igihugu aho izo komite zikorera ifatanyije n'ubuyobozi bw'Uturere bemeranya kugabanya umubare w'abazigize, bava kuri cumi n'umunani basigara ari barindwi muri buri komite.

- **Itangizwa ku mugaragaro ry'urwo rwego**

Ku wa 24 Kamena 2008 i Kigali habereye imihango yo gutangiza ku mugaragaro Urwego rushyinzwe Igenzura ry'Iyubahirizwa ry'Uburenganzira bw'Umwana. Uwo muhango wateguwe na Komisiyo ku nkunga y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana, wayobowe na Minisitiri muri Primature ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire.

Uwo muhango wahuje abantu mirongo inani na batanu bahagarariye inzego za Leta n'imiryango idaharanira inyungu bitandukanye bafite mu nshingano zabo ibyerekeranye n'uburenganzira bw'umwana harimo abakorerabushake b'Uburenganzira bwa Muntu bakorera ku rwego rw'Akarere n'abagize Komite ku rwego rw'Igihugu.

- **Kongerera ubushobozi abagize komite**

Mu rwego rwo kongerera ubushobozi abagize izo komite ku rwego rw'Imirenge n'urw'Uturere, Komisiyo yakomeje gahunda yo kubahugura mu byerekeranye n'Uburenganzira bwa Muntu muri rusange no ku burenganzira bw'umwana by'umwihariko.

Ku bufatanye n'umushinga wo kuyongerera ubushobozi iterwamo inkunga n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ritsura Amajyambere na DFID, Komisiyo yageneye abayobozi b'izo komite ku rwego rw'Imirenge n'Uturere amagare n'amaterefoni. Izo terefoni zahawe abakorerabushake b'Uburenganzira bwa Muntu muri buri Murenge no ku rwego rw'Akarere kuko ari bo bayobora za komite. Izo terefoni zizafasha kugeza kuri Komisiyo amakuru bamenye y'ihohoterwa ry'Uburenganzira bwa Muntu muri rusange n'ubw'abana by'umwihariko.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Kugira ngo na none abayozozi b'izo komite bashobore kubona amakuru nyayo, Komisiyo yabaguriye amagare 446. Kuva muri Nyakanga kugera muri Kanama 2008, habaye gahunda yo kubashyikiriza ibyo bikoresho, ubu bose bakaba bamaze kubibona uretse abo mu Turere tw'Umujyi wa Kigali. Hatangwa ibyo bikoresho, Komisiyo yagiranye inama n'abakorerabushake b'Uburenganzira bwa Muntu hagamijwe gukurikirana imikorere yabo no kubongerera ubumenyi.

*
* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.9.IMIKORANIRE YA KOMISIYO N'INZEGO ZA LETA

3.9.1. Inteko Ishinga Amategeko umutwe wa Sena

Ku wa 4 Ugushyingo 2008, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakiriye itsinda ry'Abasenateri bari muri Komisiyo ya Sena ishinzwe politiki n'imiyoborere myiza. Hari hagamijwe kubaza Komisiyo uko amatora y'abadepite yo muri Nzeri 2008 yateguwe, uko yagenze, uko ibyayavuyemo byakiriwe n'abaturage muri rusange no kumenya niba hari ibitaragenze neza kugira ngo bizakosorwe.

Abagize Komisiyo bahamagawe kandi na Komisiyo ya Sena ishinzwe Uburenganzira bwa Muntu ibabaza ibibazo bijyanye na raporo yayo y'umwaka. Bimwe mu bibazo babajijwe ni ibi bikurikira :

- Kumenya impamvu hari ibibazo by'ihungabana ry'Uburenganzira bwa Muntu bihora bigaruka muri raporo za Komisiyo ;
- Ibijyanye n'urwego rushinzwe iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana ;
- Uburyo bukoreshwa mu ijonjora ry'ibibazo bigezwa kuri Komisiyo (ibyakirwa bigasuzumwa, ibyoherezwa mu zindi nzego zikabisuzuma, ibitakirwa kuko bimwe biba byanditswe nabi) ;
- Uburyo Komisiyo ikoresha kugira ngo imenye akamaro (impact) amahugurwa agira mu rwego rwo kurengera Uburenganzira bwa Muntu ;
- Inama Komisiyo igira inzego zishinzwe ibibazo birebana n'ifata n'ifunga bidakurikije amategeko, intera bigezeho n'impamvu inzego zibishinzwe zitanoza imikorere yazo ku birebana n'icyo kibazo ;
- Uburyo inshingano ivugwa mu ngingo ya 4 agace ka 3 y'itegeko n° 30/2007 ryo ku wa 6 Nyakanga 2007 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ishyirwa mu bikorwa mu bijyanye no kurengera inkiko.

Ibi bibazo byose abari bahagarariye Komisiyo muri Sena babiherewe ibisobanuro.

3.9.2. Urukiko rw'Ikirenga

Ubufatanye hagati ya Komisiyo n'Urukiko rw'Ikirenga bwashingiye mu birebana no gucyemura ibibazo by'ihohoterwa ry'Uburenganzira bwa Muntu. Ubwo bufatanye bwashingiye cyane cyane ku bijyanye n'imanza zitinda n'amadosiye abura. Ibibazo byinshi Komisiyo yagejeje ku Rukiko rw'Ikirenga byarakemuwe.

3.9.3. Minisiteri y'Ubutabera

Komisiyo ifatanya na Minisiteri y'Ubutabera mu rwego rushinzwe Ubutabera. Ifatanya n'iyo Minisiteri gukora igenamigambi ry'igihe gicirritse n'igihe kirekire no mu byerekeranye n'iby'ikoranabuhanga (SWAP). Kubera ko iyo Minisiteri ari nayo ishinzwe politiki y'ubutabera rusange y'igihugu, ifatanya na Komisiyo mu ngendo zikorwa n'intumwa z'inzego mpuzamahanga zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu, Komisiyo ikayigezaho ibirego by'ihohoterwa ry'Uburenganzira bwa Muntu bikomeye.

Minisiteri yafatanyije na Komisiyo mu gutegura no gushyira mu bikorwa ibikorwa byo kwizihiza isabukuru ya 60 y'umunsi mukuru mpuzamahanga w'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu no kwizihiza umunsi ngarukamwaka wo ku ya 10 Ukuboza 2008.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.9.4. Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu

Komisiyo ifitanye imikoranire myiza na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu mu rwego rw'amahugurwa ku Burenganzira bwa Muntu ahabwa abayobozi b'inzego z'ibanze n'abagize Itorero. Komisiyo igeza kandi kuri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ibibazo by'ihohoterwa ry'Uburenganzira bwa Muntu inzego z'ibanze zifitemo uruhare kandi ikabicyemura.

3.9.5. Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu

Komisiyo yakomeje kugirana ubufatanye na Minisiteri y'Umutekano mu gihugu isura amagereza yo mu gihugu.Ku ya 4 Ukuboza 2008 abagize Komisiyo bagiranye inama na Minisitiri w'Umutekano baganira ku bibazo by'Uburenganzira bwa Muntu bitandukanye abafungwa bafite, hafatwa n'ingamba zo kubikemura.

3.9.6. Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango

Mu rwego rwo gukurikirana ibijyanye no guteza imbere uburenganzira bw'umugore, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yifatanyije n'izindi nzego bahuje iyo nshingano mu bikorwa byo kwizihiza iminsi ngarukamwaka ijyanye no guteza imbere uburenganzira bw'umugore, uwo munsi uba ku wa 8 Werurwe 2008 aho isi yose yizihiza umunsi w'abagore.

Hateganyijwe n'iminsi cumi n'itandatu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina kuva ku wa 25 Ugushyingo kugeza ku wa 10 Ukuboza 2008.

Komisiyo yagiye mu nama zitandukanye yatumiwemo na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango.

Kuva ku wa 25 kugeza ku wa 27 Werurwe 2008, mu Turere twose tw'Igihugu, Komisiyo yafatanyije na Minisiteri mu Biro bya Minisitiri w'Intebe ishinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'uburinganire mu gikorwa cyo gutegura uko abana bitabiriye Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana ya gatatu bageza imyanzuro y'iyo nama ku bana bagenzi babo bari bahagarariye.

Ku wa 2 Mata 2008, nibwo mu Mirenge yose y'Igihugu abana bitabiriye Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana ya gatatu bagejeje imyanzuzo yayo kuri bagenzi babo babatumye. Ibikorwa by'iyo nama bikaba byarakurikiranwe n'itsinda rigizwe n'inzego zitandukanye harimo na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.

Nk'uko bisanzwe, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa muntu yafashije kandi Minisiteri mu Biro bya Minisitiri w'Intebe ishinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire mu gutegura Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana ya kane. Komisiyo yatanze ibiganiro muri iyo nama yarimo abana bavuye mu Mirenge yose y'Igihugu yabaye ku wa 11 Ugushyingo 2008. Inama yari ifite insanganyamatsiko igira iti : Uruhare rw'umwana mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside. Iyo nama yari ifite intego nkuru yo kurebera hamwe uruhare rw'abana mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside, hagamijwe ko baba umusingi w'amahoro kandi ko mu Rwanda haba ubumwe n'ubwiyunge, abantu baharanira kuba mu mahoro ntawe

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

uhutaje mugenzi we. Inama yahaye abana urubuga rwo kuganira n'abayobozi bakuru b'Igihugu babagejejeho gahunda nkuru z'igihugu, politiki, porogramu n'ibindi bikorwa binyuranye bibakorerwa.

Komisiyo ifatanyije kandi na Minisiteri mu Biro bya Minisitiri w'Intebe ishinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire bateguye raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano Mpuzamahanga igihugu cyacu cyashyizeho umukono yerekeranye n'uburenganzira bw'umwana. Iyo raporo ikaba izasuzumwa n'itsinda rihuza za Minisiteri zitandukanye mberey'uko ishyikirizwa inama y'Abaminisitiri kugira ngo iyemeze. Komisiyo yafatanyije kandi n'iyo Minisiteri mu gutegura raporo ku masezerano mpuzamahanga arwanya ihohoterwa rikorerwa abagore.

Ku wa 10 Kamena 2008 Komisiyo yagiye mu nama yabereye La Palisse Nyandungu yari igamije kwemeza Inyandiko y'inyigo igaragaza imibereho y'imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo mu Rwanda.

Ku wa 9 Ukuboza 2008 Komisiyo yagiye mu nama yabereye muri Hill Top i Remera yari igamije gutanga ibitekerezo ku itegurwa ry'imirongo ngenderwaho yo gushyiraho komite zirwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana.

Ku wa 8 Ukwakira 2008, Komisiyo yagiye mu nama yabereye La Palisse Nyandungu yatumijwe na Minisiteri mu Biro bya Minisitiri w'Intebe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire igamije gutanga ibitekerezo ku nyandiko ya « Child status index ». « Child status index » ni igipimo cyangwa igikoresho kizajya gifasha abantu batanga serivisi kurushaho gukurikirana imibereho y'abana. Kigaragaza icyo serivisi runaka igeza ku mwana.

Iyo nyandiko ishobora gukoreshwa mu rwego rwa « baseline » mu gushaka kumenya umwana ukwiye uwo ari we, serivisi runaka ishobora gukoreshwa mu bushakashatsi, kumenya uko abana bo mu gace runaka bafashwe/bamerewe no kugaragaza niba serivisi zitangwa neza.

Ubushakashatsi kuri "Child status index" bwakozwe bwa mbere muri Kenya na Tanzanie, bisabwe na USAID/PEPFAR. Nyuma byaje kugaragara ko kiriya gipimo ari cyiza, maze na UNICEF iragishima cyane. Ubu hamwe cyatangiye gukoreshwa, no mu Rwanda biteganyijwe gutangira gukoreshwa nyuma yo gukora umwitozo wo kugihuza n'ibyo u Rwanda ruteganya birebana n'uburenganzira bw'umwana (contexte y'u Rwanda).

ku wa 31 Gicurasi 2008 no ku wa 18 Ukuboza 2008 Komisiyo yagiye mu nama yari igamije gutanga ibitekerezo ku nyandiko y'imirongo ngenderwaho yo gutoranya abana bakeneye gufashwa kurusha abandi (critère de vulnerabilité).

Ku wa 23 Nzeri 2008 no ku wa 9 Ukwakira 2008 Komisiyo yagiye mu nama yari igamije gutanga ibitekerezo ku inyandiko yo gukurikirana no gusuzuma imitangire ya za servise ku birebebana n'abana (monitoring and evaluation framework).

Ku wa 31 Mutarama 2008, muri Hotel Umubano, Komisiyo yagiye mu nama yari igamije gutanga ibitekerezo ku mushinga wa Politiki y'Igihugu yo kurwanya imirimo ikoreshwa abana. Iyo politiki yarateguwe hakaba hasigaye ko ishyikirizwa Inama y'Abaminisitiri ngo iyemeze.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.9.7. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge

Ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakomeje gutanga ibiganiro ku Burenganzira bwa Muntu mu ngando zinyuranye zateguwe n'iyo Komisiyo, cyane cyane mu Itorero no mu ngando zigenewe abanyeshuri bitegura kujya muri kaminuza no mu mashuri makuru.

3.9.8. Komisiyo y'Igihugu yo Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abavuye ku Rugerero

Ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu yo Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abavuye ku Rugerero, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakomeje gutanga ibiganiro binyuranye ku Burenganzira bwa Muntu mu ngando z'abitandukanyije n'abacengezi.

3.9.9. Ubushinjacyaha Bukuru

Ubufatanye hagati ya Komisiyo n'urwego rukuru rw'ubushinjacyaha bwashingiye ku gucyemura ibibazo by'Uburenganzira bwa Muntu nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda rishyira Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu mu Nama Nkuru ya Parike no mu gucyemura ibibazo byinshi Komisiyo iba yarugejejeho.

3.9.10. Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca

Ubufatanye hagati ya Komisiyo n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca bwagaragariye mu gukurikirana iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu mu Nkiko Gacaca, mu nama zihuza imiryango iharanira Uburenganzira bwa Muntu, muri raporo Komisiyo igeza buri gihe kuri urwo rwego no mu guhugura inyangamugayo zo mu Nkiko Gacaca n'Abahuzabikorwa b'Inkiko Gacaca mu rwego rw'Imirenge n'urw'Uturere.

3.9.11. Urwego rw'Igihugu rushinzwe gukurikirana imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro

Ubufatanye bushingiye ku gikorwa cyo kugenzura iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu mu ngando zicumbikiye abakora imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro. Komisiyo yagiye igeza ku Rwego rw'Igihugu rushinzwe gukurikirana imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro ibyo yabonye bikwiye gukosorwa kugira ngo Uburenganzira bwa Muntu bwubahirizwe muri izo ngando kandi hafi ya byose byarakosowe.

3.9.12. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

Ku bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakurikiranye igikorwa cy'iyamamaza n'icy'amatora ry'abadepite byabaye muri Nzeri 2008, igeza kuri iyo Komisiyo ibyo yabonye n'ibikwiriye gukosorwa kugira ngo amatora y'ubutaha agende neza kurushaho.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.10. UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

3.10.1. Ubufatanye na za Ambasade

Mu rwego rw'ubufatanye na Ambasade y'Ubwongereza, Komisiyo yatewe inkunga na DFID. Iyo nkunga iyicisha mu mushinga wa Komisiyo witwa « Strengthning the institutionnal framework for good governance » Komisiyo ifatanyije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ritsura Amajyambere.

Ambasade ya Suwede mu Rwanda, ibinyujije mu Biro bitsura Amajyambere Mpuzamahanga by'icyo gihugu (SIDA) yateye inkunga Komisiyo mu rwego rw'umushinga wo guhugura no guha imfashanyigisho ku burere mboneragihugu ririmo Uburenganzira bwa Muntu, abarimu bo mu mashuri yisumbuye bigisha isomo ry'Uburenganzira bwa Muntu.

3.10.2. Ubufatanye n'imiryango mpuzamahanga

Komisiyo yakomeje ubufatanye n'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'i Burayi mu bikorwa by'umushinga ukurikirana iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu mu Nkiko Gacaca no mu mirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro uwo mushinga uteramo inkunga Komisiyo.

Mu mwaka w'2008, Komisiyo yakomeje ubufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere, ibinyujije mu mushinga wa Komisiyo ugamije kuyongerera ubushobozi. Uwo mushinga wakomeje gufasha Komisiyo mu bikorwa bijyanye no gukangurira no guhugura Abanyarwanda b'ingeri nyinshi ku Burenganzira bwa Muntu no kongerera ubushobozi Komisiyo.

Ku bufatanye bw'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana, Komisiyo yateguye amarushanwa y'abana bo mashuri yisumbuye yibanze ku mivugo no ku bishushanyo bishingiye ku Burenganzira bwa Muntu. Iryo shamii ryakomeje no gutera inkunga urwego rushinzwe kureba iyubahiriza ry'uburenganzira bw'umwana by'umwihariko, inabahugura ku ikurikirana ry'iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu muri rusange, ibaha n'imfashanyigisho mu mwaka w'2008.

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi byatumiye Komisiyo mu cyiciro cya cyenda cy'amahugurwa y'Uburenganzira bwa Muntu n'uburenganzira bw'impunzi yabereye i Cotonou muri Benin. Intumwa za Komisiyo zayakurikiranye kuva ku wa 14 kugeza ku wa 25 Nyakanga 2008. Ayo mahugurwa yateguwe ku bufatanye bwa "Fondation Konrad Adenauer", "Institut Danois des Droits de l'Homme" na "Commissariat Général aux Relations Internationales de la Communauté Française de Belgique".

3.10.3. Ubufatanye n'indi miryango inyuranye

Intumwa za Komisiyo zakurikiranye amahugurwa yateguwe n'ikigo cyitwa « Equitas » (Ikigo Mpuzamahanga cyigisha Uburenganzira bwa Muntu) cyatumiyemo Komisiyo yabereye i Montréal muri Canada kuva ku wa 8 kugeza ku wa 27 Kamena 2008, kuri gahunda mpuzamahanga yo kwigisha Uburenganzira bwa Muntu (programme international de formation aux droits humains).

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

"Ecole Nationale d'Administration Publique-ENAP" i Quebec muri Cnada yatumiye Komisiyo mu mahugurwa yayo yabaye kuva ku wa 27 Ukwakira kugeza ku wa 7 Ugushyingo 2008. Ayo mahugurwa yari yerekeranye na « Programme intensif de Gestion axée sur les résultats / Management Intensive Program Focused on Results ».

Ku butumire bw'umuryango mpuzamahanga utegamiye kuri Leta ukorera i Genève mu Busuwisi witwa « International Service for Human Rights / Service International pour les Droits Humains », Komisiyo yagiye mu mahugurwa yateguwe n'uwo muryango, kuva ku wa 8 kugeza ku wa 9 Nzeri 2008. Ayo mahugurwa yari afite insanganyamatsiko : « Uburyo Mpuzamahanga bwo kurinda, kurengera no guteza imbere Uburenganzira bwa Muntu (Universal System of Human Rights / Système Universel des Droits Humains ».

Ku butumire bwa *Africa Youth Trust* na *Rwanda Youth Network*, kuva ku wa 5 kugeza ku wa 7 Ugushyingo 2008, Komisiyo yakurikiranye inama mpuzamahanga y'Ihuriro ry'Urubyiruko rwo mu Bihugu byo mu karere k'Afurika y'Iburasirazuba riharanira Uburenganzira bwa Muntu na Demokarasi yabereye muri Hoteli *Alpha Palace* mu Mujyi wa Kigali. Komisiyo yatanzemo ibiganiro byibanze ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Imiterere, imikorere n'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu n'Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage.

*
* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.11. ABAGENDEREYE KOMISIYO

Ku wa 12 Werurwe 2008, Komisiyo yasuwe n'abakomiseri ba Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bwa Muntu ya Kenya, bagezwaho uko Komisiyo iteza imbere ikanarengera Uburenganzira bwa Muntu.

Ku wa 7 Mata 2008, Komisiyo yasuwe n'Umunyamabanga wa mbere w'Ambasade y'Ubuholandi ushinzwe Uburenganzira bwa Muntu, imugezaho uko Uburenganzira bwa Muntu bwuhahirijwe mu gihugu.

Ku wa 24 Mata 2008, Komisiyo yasuwe n'Ambasaderi w'igihugu cy'Ubwongereza mu Rwanda, Nicholas CANNON baganira ku mikorere ya Komisiyo n'uko Uburenganzira bwa Muntu bwifashe mu Rwanda.

Ku wa 3 Kamena no ku wa 9 Nzeri 2008, Komisiyo yasuwe n'Intumwa za *Commonwealth* zari ziyobowe na Mattew E.K. NEUHAUS, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe ibya Politiki muri uwo muryango (Director Political Affairs Division). Baganiriye ku mikorere ya Komisiyo mu bijyanye no kurengera no guteza imbere Uburenganzira bwa Muntu.

Komisiyo yasuwe kandi n'intumwa za Amnesty International mu rwego rwo kumenya uburyo Uburenganzira bwa Muntu bwubahirizwa mu Rwanda.

Ku wa 9 Nzeri 2008, Komisiyo yasuwe na bamwe mu bagize « Constitutionnal Council » y'igihugu cya Burkina Faso baganira ku mikorere ya Komisiyo mu byerekeye kurengera no guteza imbere Uburenganzira bwa Muntu.

Ku wa 3 Ukuboza 2008, Komisiyo yasuwe n'adepite b'abagore bo mu Nteko Ishinga Amategeko y'igihugu cya Sudani y'Amajyepfo baganira ku buryo Komisiyo iteza imbere Uburenganzira bwa Muntu n'uko iburengera.

*
* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

IV. RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'IMARI

4.1. IBISOBANURO BY'IBANZE

Raporo y'imikoreshereze y'imari mu mwaka w'2008 igaragaza amafaranga Komisiyo yahawe ku ngengo y'imari ya Leta, ayo yahawe n'abaterankunga n'ayo yahawe na Minisiteri y'Ubutabera kuva ku wa 1 Mutarama kugera ku wa 31 ukuboza 2008 n'uburyo yakoreshejwe.

Mu mwaka w'2008, Komisiyo yagenewe n'itegeko n° 64/2007 ryo ku wa 31 Ukuboza 2007 rigena imari ya Leta amafaranga angana na ***miliyoni magana arindwi mirongo itandatu n'esheshatu, n'ibihumbi magana abiri mirongo itanu (766 250 000 FRw)***.

Ku mafaranga Komisiyo yagenewe n'itegeko, kugeza ku wa 31 ukuboza 2008 yari imaze guhabwa amafaranga angana na ***miliyoni magana arindwi mirongo itanu na zirindwi, ibihumbi maganacyenda mirongo inani na kimwe na magana arindwi mirongo irindwi n'arindwi (757 981 777 FRw)***. Ayo mafaranga yaje yiyongera ku yari kuri konti no mu isanduku nto ya Komisiyo ku wa 31 ukuboza 2007 ahwanye na ***miliyoni indwi, ibihumbi magana inani mirongo itatu na bitatu magana atandatu mirongo irindwi n'atatu* (*7 833 673 FRw)***.

Usibye ayo mafaranga yavuye ku ngengo y'imali ya Leta, mu mwaka w'2008 Komisiyo yabonye andi yaturutse aha hakurikira:

A. Ay'abaterankunga ahwanye na miriyoni mirongo itanu n'eshatu, ibihumbi magana atandatu mirongo itandatu na bitandatu na magana ane mirongo irindwi n'arindwi ***(53 666 477 FRw),*** akaba yari agenewe ibikorwa bikurikira:

- Amafaranga miliyoni icumi, ibihumbi magana atanu na cumi n'icyenda na magana atanu **(10 519 500 FRw)**; Komisiyo yayahawe na UNICEF, akaba yari agenewe igikorwa cyo gukoresha amarushanwa yo gushushanya no guhimba imivugo ku banyeshuri bo mu mashuri yisumbuye.

- Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu (UNHRC) ryahaye Komisiyo amafaranga **miliyoni cumi n'ebyiri, ibihumbi magana ane na bibiri na magana atatu na mirongo itanu n'atandatu (12 402 356 FRw)**; ayo mafaranga akaba ari ayo gukoresha mu gikorwa cyo gusura amagereza mu rwego rwo kwizihiza Isabukuru y'imyaka mirongo itandatu hagiyeho Itangazo Mpuzamahanga ku Burenganzira bwa Muntu.

- Umuryango wa "BROOKINGS INSTITUTIONS" wahaye Komisiyo amafaranga **miliyoni imwe, ibihumbi mirongo itandatu na bibiri na mirongo irindwi n'atatu (1 062 073 FRw)** yari yasigaye ku yari agenewe Inama ya 6 ya za Komisiyo zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu muri Afrika, yateraniye i Kigali mu Ukwakira, 2007.

- Ibiro Mpuzamahanga bitsura Amajyambere by'Ambasade y'Abasuwedi (Agence Internationale de Développement), byahaye Komisiyo amafaranga **miliyoni makumyabiri n'indwi, ibihumbi magana arindwi mirongo icyenda na bitatu n'amafaranga ijana na makumyabiri (27 793 120**

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

FRw); akaba yari agenewe gufasha Komisiyo mu gikorwa cyo guhugura abarimu bigisha Uburere mboneragihugu mu mashuri yisumbuye.

- Umuryango Mpuzamahanga w'ibihugu bikoresha ururimi rw'Igifaransa "OIF" wahaye Komisiyo amafaranga **miliyoni imwe, ibihumbi magana inani na mirongo inani n'icyenda na magana ane na makumyabiri n'umunani (1 889 428 FRw)** ; akaba ari igice cya nyuma ku nkunga yari igenewe gutegura Inama ya 6 ya za Komisiyo zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu muri Afrika, yateraniye i Kigali mu Kwakira, 2007.

B. Minisiteri y'Ubutabera yahaye Komisiyo amafranga **miliyoni ebyiri (2 000 000 FRw)** mu kuyitera inkunga mu gikorwa cyo guhimbaza isabukuru y'imyaka mirongo itandatu, hagiyeho itangazo Mpuzamahanga ku Burenganzira bwa Muntu.

C. Andi mafaranga Komisiyo yabonye:

- Amafaranga Abakozi bishyuye "laptops" baguriwe na Komisiyo ahwanye na miriyoni ndwi, ibihumbi magana abiri mirongo inani na birindwi n'ijana n'umunani **(7 287 108 FRw**);
- Amafaranga yasubijwe Komisiyo ku matike y'indege ku ngendo z'Abakomiseri bari bagiye mu butumwa, ahwanye na miriyo imwe, ibihumbi magana inani mirongo icyenda na kimwe n'ijana na mirongo itatu n'arindwi **(1 891 137 FRw**).

Ayo mafaranga yose y'impano yaciye kuri Konti za Komisiyo yiyongereye ku yo Komisiyo yahawe ku ngengo y'imari y'umwaka w'2008 akaba ahwanye na ***miliyoni magana inani na mirongo itatu, ibihumbi magana atandatu mirongo itandatu n'ijana na mirongo irindwi n'abiri*** **(830 660 172 FRw).**

Hari n'andi mafaranga Komisiyo yabonye mu mwaka w'2008 akomoka ku mishinga yihariye ikorera muri Komisiyo yabonye:

- **Umushinga wo Kongerera Ubushobozi Komisiyo** uterwa inkunga n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere(PNUD) rifatanyije n'Ishami ry'iterambere Mpuzamahanga rya Leta y'Ubwongereza (DFID wabonye amafaranga ahwanye na miriyoni magana abiri mirongo itandatu n'ebyiri, ibihumbi ijana na mirongo itanu n'icyenda n'amafaranga magana atatu cumi na rimwe **(262 159 311 FRw)** ; yiyongera kuyari yarasigaye kuri konti y'umushinga ku wa 31 Ukuboza 2007, ahwanye n'ibihumbi magana ane mirongo itandatu na birindwi na magana atandatu mirongo icyenda n'arindwi **(467 697 FRw)**.

- **Umushinga wo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca na TIG** uterwa inkunga n' Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'i Burayi wabonye amafaranga ahwanye na miriyoni magana abiri mirongo itatu n'enye, ibihumbi magana inani makumyabiri na magana abiri n'ane **(234 820 204 FRw**), yiyongera kuyari yarasigaye kuri konti no mu isanduku ntoya y'umushinga ku wa 31 Ukuboza 2007 ahwanye na miriyoni mirongo itatu n'enye, ibihumbi magana atandatu na cumi n'icyenda n'amafaranga cumi n'abiri **(34 619 012 FRw)**.

Amafaranga Komisiyo yakoresheje kugeza ku wa 31 Ukuboza 2008 ni *Miliyoni magana arindwi na mirongo irindwi n'ebyiri, ibihumbi magana cyenda mirongo irindwi na bibiri na cumi na rimwe* **(772 972 011 FRw)**. Ayo mafaranga yakoreshejwe ku bijyanye n'imishahara, gahunda zo guteza imbere no kurengera

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

uburenganzira bwa Muntu, imikorere ya buri munsi, yishyura na bimwe mu birarane by'imyenda Komisiyo yari ifite ku wa 31 Ukuboza 2007 bihwanye na miriyoni cumi n'eshanu, ibihumbi magana arindwi na cumi n'ijana na mirongo irindwi n'icyenda **(15 710 179 FRw**).

Umwaka w'2008 warangiye Komisiyo ifite imyenda ihwanye *na* ***miriyoni mirongo itatu n'enye, ibihumbi magana ane mirongo icyenda na bitandatu magana atandatu mirongo itanu na rimwe*** **(34 496 651 FRw)**.

Ku wa 31 Ukuboza 2008, Komisiyo yari ifite amafaranga ari kuri konti zayo no mu isanduku ntoya ahwanye na ***miliyoni cumi n'esheshatu, ibihumbi magana atandatu mirongo itanu na bitanu na makumyabiri n'atandatu*** **(16 655 026 FRw)**.

Hari n'andi mafaranga imishinga ikorera muri Komisiyo yari iyifitiye ahwanye na miriyoni mirongo itandatu n'icyenda, ibihumbi magana atatu mirongo itanu n'umunani na magana atandatu na cumi n'icyenda **(69 358 619 FRw)** ; akaba ariyo azaherwaho hishyurwa ibirarane byavuzwe haruguru bya 2008.

4.2. ISHUSHO Y'IMARI YA KOMISIYO MU MWAKA W'2008

4.2.1. Ishusho y'ingengo y'imali ya Leta n'andi mafaranga yanyuze kuri konti za Komisiyo mu mwaka w'2008

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza amafaranga Komisiyo yari ifite muri banki no mu isanduku ntoya, imyenda imishinga yari iyifitiye ku wa 31 Ukuboza 2007; amafaranga Komisiyo yabonye n'ayakoreshejwe mu mwaka w'2008. Igaragaza kandi n'ayo yari isigaranye ndetse n'imyenda yari ifite ku wa 31 Ukuboza 2008.

I. AMAFARANGA KOMISIYO YARI IFITE KU WA 31/12/2007	**UMUBARE W'AMAFARANGA**
1. AMAFARANGA YARI KURI KONTI KU WA 31/12/2007	
Konti n° 120.10.95	5 790 920
Konti n° 320.10.53	127 807
Konti n° 120.29.47- Inama mpuzamahanga ya 6 (CINDHA)	1 479 282
Isanduku ntoya ya Komisiyo	358 664
Isanduku ntoya - Inama mpuzamahanga ya 6 (CINDHA)	77 000
Amafaranga imishinga yari ifitiye Komisiyo	0
Imyenda Komisiyo yari itarishyura ku wa 31 Ukuboza 2007	16 024 059
ISHUSHO Y'IMARI KU WA 31/12/2007	**-8 190 386**
2. AMAFARANGA KOMISIYO YABONYE MU MWAKA W'2008	
II.1. Amafaranga Komisiyo yahawe ku ngengo y'imari y'umwaka w'2008	757 981 777
II.2. Amafaranga Komisiyo yahawe n'Abaterankunga :	
- UNHRC	12 402 356
- BROOKINGS INSTITUTIONS	1 062 073
- UNICEF	10 519 500

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- SWEDEN COOPERATION - OIF	27 793 120 1 889 428
II.3. Amafaranga Komisiyo yahawe na Minisiteri y'Ubutabera	2 000 000
II.4 Andi mafaranga Komisiyo yabonye: o Amafaranga Abakozi n'Abakomiseri bishyuye "Laptops" baguriwe na Komisiyo. o Amafaranga yasubijwe Komisiyo ku matike y'indege ku ngendo z'abakomiseri mu butumwa	7 287 108 1 891 137
IGITERANYO CY'AMAFARANGA YOSE YANYUZE KURI KONTI YA KOMISIYO MU MWAKA WA 2008	**822 826 499**
IGITERANYO: (1+2)	**814 636 113**
3. ICYO AYO MAFARANGA YAKORESHEJWE	
Imishahara y'abakozi	358 641 373
- Gahunda zo guteza imbere no kurengera Uburenganzira bwa Muntu - Imikorere ya buri munsi - Imyenda yo mu mwaka w'20007 yishyuwe	414 330 638
IGITERANYO	**772 972 011**
IKINYURANYO: (1+2) – 3	**41 664 102**
IBISOBANURO BY'ICYO KINYURANYO	
FRW ari kuri Konti n° 120.10.95	12 470 632
FRW ari kuri Konti n° 320.10.53	4 180 744
FRW ari kuri Konti n° 120.29.47	1 000
Isanduku ntoya ya Komisiyo	2 650
Amafaranga imishinga yari ifitiye Komisiyo	59 505 727
Imyenda Komisiyo yari ifitiye abantu itarishyurwa ku wa 31 Ukuboza 2008	34 496 651
ISHUSHO Y'UMUTUNGO WA KOMISIYO KU WA 31/12/2008	**41 664 102**

4.2.2. Ishusho y'imari y'imishinga ikorera muri Komisiyo mu mwaka w'2008

A. UMUSHINGA WO KONGERERA UBUSHOBOZI KOMISIYO

A. AHO AMAFARANGA YATURUTSE	**UMUBARE W'AMAFARANGA**
1. Amafaranga Umushinga wari ufite mu ntangiriro z'umwaka w'2008	
Konti 1202931	467 627
Isanduka ntoya	70
Igiteranyo cy'amafaranga Umushinga wari ufite	467 697
2. Amafaranga Umushinga wahawe n'Abaterankunga m'umwaka w'2008	**262 159 311**

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

IGITERANYO CY'AMAFARANGA UMUSHINGA WABONYE M'UMWAKA W'2007 (1+2)	**262 627 008**
B. ICYO AMAFARANGA YAKORESHEJWE	
1.Ibikorwa byo Guteza imbere Uburenganzira bwa Muntu	87 132 216
2..Ibikorwa byo Kurengera Uburenganzira bwa Muntu	30 030 586
3..Ibikorwa byo Kongerera Ubushobozi Komisiyo	101 947 112
4. Gutera inkunga Inama Nyungurana-bitekerezo y' Amashyirahamwe Nyarwanda aharanira Uburenganzira bwa Muntu	17 795 608
5. Kwishyura ibirarane bya 2007	23 950 804
IGITERANYO CY'AMAFARANGA YAKORESHEJWE	**260 856 326**
C.IKINYURANYO CY'AYABONETSE N'AYAKORESHEJWE	**1 770 682**
D. AMAFARANGA UMUSHINGA WARI USIGARANYE KUWA 31 UKUBOZA 2007	
Konti 120.29.31	1 753 312
Isanduka ntoya	1 7370
IGITERANYO	**1 770 682**

B. UMUSHINGA WO GUKURIKIRANA IYUBAHIRIZWA RY'UBURENGANZIRA BWA MUNTU MU NKIKO GACACA

	UMUBARE W'AMAFARANGA
1. AMAFARANGA YARI KURI KONTI KU WA 31/12/2007 (A)	
Konti n° 120.29.70	34 601 312
Isanduku ntoya y'umushinga	17 700
ISHUSHO Y'IMARI KU WA 31/12/2007	**34 619 012**
2. AMAFARANGA UMUSHINGA WABONYE MU MWAKA W'2008	
II.1. Amafaranga umushinga wahawe n'umuterankunga	234 820 204
IGITERANYO CY'AMAFARANGA UMUSHINGA WABONYE MU 2008	**234 820 204**
IGITERANYO: (1+2)	**269 439 216**
ICYO AYO MAFARANGA YAKORESHEJWE (3)	
Imishahara y'abakozi	124 782 950
Gukurikirana imikorere y'inkiko Gacaca	33 017 845
IGITERANYO	**157 800 795**
IKINYURANYO: (1+2) – 3	**111 638 421**
ISHUSHO Y'UMUTUNGO W'UMUSHINGA KU WA 31/12/2008	**111 638 421**

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

4.3. IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA KOMISIYO YAHAWE MU MWAKA W'2008

4.3.1. IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMALI YA LETA MU MWAKA WA 2008

Imbonerahamwe ikurikira irerekana amafaranga y'ingengo y'imari Komisiyo yemerewe n'Itegeko mu mwaka wa 2008, ikagaragaza amafaranga yabonye, ikinyuranyo n'ijanisha kuri buri buri porogaramu y'ibikorwa. (Ijanisha ryerekeranye n'ingano y'amafaranga Komisiyo yabonye, agereranyijwe n'ayo Komisiyo yemerewe n'Itegeko).

Kode	INYITO	AMAFARANGA KOMISIYO YEMEREWE N'ITEGEKO	AMAFARANGA KOMISIYO YABONYE	IKINYURANYO	IJANISHA (Amafaranga Komisiyo yemerewe n'Itegeko ugereranyije n'ayo yabonye)
	IGITERANYO CYA BYOSE	**766 250 000**	**760 134 861**	**6 115 139**	**99,20**
5	**IGENAMIGAMBI N'IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA KOMISIYO**	643 604 880	637 489 741	6 115 139	99,05
501	***Imicungire y'ikigo***	*595 636 512*	*589 521 373*	6 115 139	98,97
50101	Ibigenda ku bakomiseri n'abakozi	364 756 512	358641373	6 115 139	98,32
50102	Ibindi bifasha mu mikorere ya buri munsi	230 880 000	230 880 000	0	100,00
502	***Kongerera ubushobozi komisiyo***	*47 968 368*	*47 968 368*	0	100,00
6	**KURINDA NO KUGENZURA UBURENGANZIRA BWA MUNTU**	84 402 000	84 402 000	0	100,00
601	***Ipererezа kw'ihungabanywa ry'uburenganzira bwa muntu***	*56 352 000*	*56 352 000*	0	100,00

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

602	***Kugenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu***	*28 050 000*	*28 050 000*	0	100,00
7	**GUTEZA IMBERE UBURENGANZIRA BWA MUNTU**	38 243 120	38 243 120	0	100,00
701	***Kwigisha no gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu***	*38 243 120*	*38 243 120*	0	100,00

Muri rusange amafaranga hafi ya yose yemewe n'Itegeko, Komisiyo yarayabonye usibye ayari agenewe imishahara yasagutse kubera ko harimo aya "régularisation" atarakoreshejwe.

4.3.2. IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA KOMISIYO YABONYE MU MWAKA WA 2008

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza amafaranga Komisiyo yabonye ku ngengo y'imali ya Leta n'ayakoreshejwe; ayo Komisiyo yahawe n'abaterankunga ku bikorwa byari byihariye mu mwaka w'2008, akaba yaranyuze kuri Konti ya Komisiyo n'ayakoreshejwe kuri ibyo bikorwa.

A. ATURUKA KU NGENGO Y'IMALI YA LETA

Kode		AMAFARANGA KOMISIYO YABONYE	AYAKORE-SHEJWE	IKINYURANYO	IJANISHA (Amafaranga yatanzwe agereranijwe n'ayakoreshejwe)
	IGITERANYO (A)	**760 134 861**	**723 078 701**	**37 056 160**	**95,13**
5	***IGENAMIGAMBI N'IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA KOMISIYO***	637 489 741	606 943 683	30 546 058	95,21
501	***IMICUNGIRE Y'IKIGO***	*589 521 373*	*578 852 230*	10 669 143	98,19
5010101	IBIGENDA KU BAKOMISERI N'ABAKOZI	358 641 373	358 641 373	0	100,00
5010102	IBINDI BIFASHA MU MIKORERE YA BURI MUNSI	230 880 000	220 210 857	10 669 143	95,38
502	***KONGERERA UBUSHOBOZI KOMISIYO***	*47 968 368*	*28 091 453*	19 876 915	58,56

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

6	***KURINDA NO KUGENZURA UBURENGANZIRA BWA MUNTU***	84 402 000	83 758 724	643 276	99,24
601	***Ipererezakw'ihungabanywary'uburenganzirabwa muntu***	*56 352 000*	*57 728 410*	-1 376 410	102,44
602	***KUGENZURA IYUBAHIRIZWA RY'UBURENGANZIRA BWA MUNTU***	*28 050 000*	*26 030 314*	2 019 686	92,80
7	**Guteza imbere uburenganzira bwa muntu**	*38 243 120*	32 376 294	5 866 826	84,66
701	***Kwigisha no gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu***	*38 243 120*	32 376 294	5 866 826	84,66

B.AMAFARANGA ATURUKA KU BATERANKUNGA YANYUZE KURI KONTI ZA KOMISIYO

UMUTERANKUNGA	**IGIKORWA**	**AMAFARANGA YATANZWE**	**AYAKORE-SHEJWE**	**IKINYURANYO**	**IJANISHA (Amafaranga yatanzwe agereranijwe n'ayakoreshejwe)**
UNICEF	***Kwigisha no gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu***	10 519 500	11 705 700	-1 186 200	111,28
